**Repubulika y'u Rwanda**
**Ikigo gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda**

# IBIGENDERWAHO MU MIKORANIRE N'ABATURAGE

IGICE CYA 1: Ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage

mu kubungabunga imisozi n'ibibaya n'imikoreshereze ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda



Kingdom of the Netherlands

IUCN

SNV

## IBIRIMO


*IMPINE Z'AMAGAMBO* ........ 3

*INCAMAKE* ........ 4

*INTANGIRIRO* ........ 8

*IGICE CYA I: IBIGENDERWAHO KU MIKORANIRE N'ABATURAGE* ........ 11

*1.1 Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu nk'inkingi mu igenamigambi n'ishyirwamubikorwa* ........ 11

*1.2. Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu mu bice bifite gahunda y'igenamigambi ry'ibikorwa by'icyogogo gito n'ibice bitayifite.* ........ 15

*1.2.1. Inama ya mbere yo gutegura igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu* ........ 16

*1.2.2. Gutegura igenamigambi ry'ibikorwa ry'ibyogogo bito hashingiwe ku buryo bw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu* ........ 17

*1.2.3. Ibizagerwaho na gahunda y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu* ........ 18

*1.3. Uruhare n'inshingano by'abafatanyabikorwa* ........ 18

*1.4. Akamaro ko kubaka icyizere mu baturage no kugira ibikorwa ibyabo* ........ 24

*1.5. Uruhare n'akamaro byo gukoresha ikoranabuhanga rikoresha amakarita mu gutegura no gukurikirana ibikorwa* ........ 26

*1.5.1. Uburyo bw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu hifashijwe ikoranabuhanga rikoresha amakarita.* ........ 27

*1.5.2. Hakorwa iki mu gihe nta makarita ahari?* ........ 28

*1.6. Uburyo bwo guhitamo ibikorwa ku mudugudu* ........ 28

*1.7. Ibikorwa bishyirwa mu ngiro n'abatuye mu mudugudu* ........ 30

*1.8. Imirimo minini ikorwa na ba rwiyemezamirimo binyuze mu ipiganwa* ........ 33

*1.9. Guhererekanya amafaranga y' insimburamubyizi (kwishyura) ku mirimo yakozwe* ........ 34

*1.10. Ikurikiranabikorwa no kwigira ku byakozwe* ........ 38

*1.11. Umusozo* ........ 40


IGICE CYA I: IBIGENDERWAHO KU MIKORANIRE N'ABATURAGE

## GUSHIMIRA

Ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage n'izindi nyandiko bijyana byakusanyijwe hashingiwe ku bitekerezo byatanzwe n'abafatanyabikorwa bitabiriye amahugurwa ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku rwego rw'umudugudu yabaye muri Kanama 2019 mu karere ka Rutsiro.

Turashimira uruhare rw'abakozi b'Ikigo gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda n'itsinda rya tekiniki mu mushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda.

## IMPINE Z'AMAGAMBO

| | |
|---|---|
| BNR | Banki Nkuru y'u Rwanda |
| EWMR | Umushinga ushinzwe imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda |
| GIS | Ikoranabuhanga rikoresha amakarita |
| HA | Hegitari |
| IUCN | Umuryango Mpuzamahanga wita ku Bidukikije Ibidukikije |
| IWRM | Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda |
| MCAP | Igenamigambi ry'ibikorwa by'icyogogo gito |
| MINAGRI | Minisiteri y'Ubuhinzi n'Ubworozi |
| MINALOC | Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu |
| MINECOFIN | Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi |
| MINEMA | Minisiteri ishinzwe Imicungire y'ibiza no gucyura impunzi |
| MININFRA | Minisiteri y'Ibikorwa Remezo |
| MoE | Minisiteri y'Ibidukikije |
| MoU | Amasezerano y'Ubwumvikane |
| NGOs | Imiryango itegamiye kuri Leta |
| NISR | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare |
| NST1 | Gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda y'imyaka irindwi yo kwihutisha Iterambere |
| RAB | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubuhinzi n' Ubworozi |
| RPPA | Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Gutanga Amasoko ya Leta |
| RWARRI | Umuryango Nyarwanda Uharanira Iterambere ry'Icyaro |
| RWB | Ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda |
| SACCOs | Koperative yo kuzigama no kuguriza |
| SDGs | Intego z'iterambere rirambye |

| | |
|---|---|
| SNV | Umuryango mpuzamahanga w'Abaholandi wita ku iterambere |
| TA | Ubufasha mu bya tekiniki |
| VLUAP | Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu |

## INCAMAKE

Ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage bishingiye ku bunararibonye bw'umushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda (EWMR) hagamijwe imikoreshereze irambye y'ubutaka n'imicungire y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda. Yateguwe nk'uburyo ngengamikorere ku rwego rw'umudugudu. Ibi bigenderwaho mu mikoranire n'abaturage kandi biteza imbere mu buryo bwagutse igenamigambi n'ishyirwa mu bikorwa ry'imikoreshereze y'ubutaka binyuze mu *mihigo*, kimwe no gutanga amakuru mu gukurikirana Intego z'iterambere rirambye (SDGs).

Byongeye kandi, ishobora gukoreshwa n'izindi nzego zo mu karere, Imiryango itegamiye kuri Leta, Amashyirahamwe y'abaturage n'indi mishinga yo ku rwego rw'umudugudu ku igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka abaturage bagizemo uruhare. Mu makuru y'inyongera (Igice cya II n'icya III), harimo amafishi/inyandikongero n'amakarita bishingiye ku mikorere isanzwe iriho kandi bishobora guhindurwa uko bikenewe.

Intego z'ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage ni ugufasha koroshya uburyo bwo:

1. Kumenya ibibazo by'isuri n' uburyo bwo kubungabunga umutungo kamere w'amazi ku rwego rw'imidugudu no ku rwego rw'ibyogogo bito;
2. Kuganira na banyir'ubutaka ku rwego rw'umudugudu, hagamijwe gukorera hamwe igenamigambi no kumvikana ku bisubizo;
3. Kugaragaza mu mibare ubuso n'amakarita y'ahantu ibikorwa bizakorerwa;
4. Gutanga ibipimo bya tekiniki bizakurikizwa mu ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga;
5. Gutanga igiciro kigeraranyije hashingiwe ku mirimo izakorwa n'ibindi bizakenerwa;
6. Kugaragaza neza inyigo zikenewe kugira ngo habeho ubusesenguzi bwimbitse;
7. Kuganira no kumvikana na ba nyir'ubutaka kuri gahunda y'ibikorwa n'ishyirwamubikorwa ryabyo;
8. Kumenya neza ko imidugudu yose iri cyangwa ikikije icyogogo cya Sebeya ifite igenamigambi ry'ishyirwa mu bikorwa n'ubwo igice kimwe cy'umudugudu cyaba kitari muri icyo cyogogo.

Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu, rihuje iteganyabikorwa, ishyirwa mu bikorwa, no kongera ubumenyi, hagamijwe kunoza iteganyabikorwa ryo

mu gihe kizaza n’ibikorwa. Ni igice cy’ingenzi mu bigize ibigenderwaho mu mikoranire n’abaturage.

Gahunda z’ibikorwa zoroheje ku mudugudu zikorwa mu munsi umwe cyangwa ibiri, kandi zishobora guhuzwa n’iz’icyogogo gito no ku rwego rw’Akarere. Igenamigambi rikorwa mu gihe cyemejwe n’abaturage, kandi ryibanda ku gusobanura, no kugaragaza ibibazo biriho. Ibi bikorwa hifashishijwe igiti cy’ibibazo, kumvikana ku bikorwa n’imiterere y’akazi kazakorwa. Bityo hategurwa ingano igereranyije y’ibikoresho n’abakozi bikenewe.

Igenamigambi rigizwemo uruhare n’abaturage rituma habaho gahunda n'ibikorwa byatoranyijwe n’ababikorerwa, bakabigira ibyabo ndetse bakabishyira mu bikorwa.

Ibigenderwaho mu mikoranire n’abaturage byibanda ku igenamigambi ry’imicungire myiza y’icyogogo binyuze mu kubungabunga ubutaka n’amazi, gukora amaterasi, gutera ibiti bivangwa n’imyaka, ubuhinzi njyanishabihe, gusazura amashyamba no kubungabunga imigezi n’ibindi. Icyakora, iryo genamigambi rishobora gukoreshwa no ku zindi mpamvu zirimo iz’ubuhinzi, gusazura amashyamba, ubwubatsi bw’imihanda n’inyubako zitandukanye ndetse n’imikoreshereze rusange y'ubutaka.

Abayobozi b'imidugudu na komite bagira uruhare runini mu gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry’igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka ku mudugudu , bityo igashyirwa mu mihigo yabo noneho ikaba mu byo bashinzwe gukurikirana. Utugari n’Imirenge nabo biyemeza gushyira igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka ryakorewe ku mudugudu mu mihigo yabo. Mu gihe Akarere nako gakurikirana ko igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka ku mudugudu yemejwe kandi yashyizwe mu mihigo y’Akarere. Ikindi nanone, igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka ku mudugudu rishobora guhuzwa ku rwego rw’icyogogo gito ndetse n’ikinini.

Ikigo gishinzwe umutungo kamere w’amazi mu Rwanda gifite inshingano mu rwego rwa tekiniki bityo kikagira uruhare mu igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka ku mudugudu no kuryemeza. Icyo kigo gishyira amafaranga kuri konti z'uturere binyuze muri Banki nkuru y’Igihugu yo kwishyura ibikorwa. Nyuma yaho, amafaranga akagezwa muri za koperative zo kuzigama no kugurizanya (SACCOs) nazo zikishyura abaturage kuri konti zabo hakurikijwe imibyizi bakoze.

Itsinda rishinzwe gutanga ubufasha mu bya tekiniki rifasha gutegura no gutunganya igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka ku mudugudu kandi rikagenzura ko raporo z’igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka ku mudugudu zemejwe. Iryo tsinda rikusanya ibisabwa mu ishyirwa mu bikorwa hashingiwe ku bikenewe, rikagira uruhare mu gukurikirana no kugenzura ndetse n’amahugurwa. Rihuza amasoko n’abaturage binyuze ku ruhererekane nyongeragaciro ku bikorwa byihariye mu igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu.

Ikoreshwa ry’ikoranabuhanga rikoresha amakarita ryemeza ko gahunda n’ibikorwa bikorerwa ahantu runaka hazwi. Igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka ku mudugudu rigizwe n’ibi:

a) Urutonde rw’ibibazo byugarije abaturage mu mudugudu ;

b) Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu ririmo ibikorwa byemeranyijweho ;
c) Urutonde rw'abafatanyabikorwa n'inshingano zabo ku bikorwa runaka n'indangabihe ngenderwaho.

Ikoranabuhanga rikoresha amakarita rikoreshwa mu :

I. Gukora isesengura ku rwego rw'icyogogo no gukora amakarita agaragaza amakuru y'ahantu.
II. Gutanga ubufasha bukenewe ahari gukorerwaigenamigambi no mu ishyirwamubikorwa ry'umushinga.
III. Gushyira mu ikoranabuhanga rikoresha amakarita ibikorwa byemejwe n'abaturage kugira ngo bikorerwe ubusesenguzi.

Ikoranabuhanga rikoresha amakarita mu igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu ryoroshya kandi rikanihutisha guhuza gahunda z'ibikorwa ku rwego rw'umudugudu na gahunda z'ibikorwa zo ku rwego rw'ibyogogo bito n'ibinini. Mu bice amakarita atabasha kuboneka cyangwa se aho umushinga udafite ubushobozi buhagije, igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu rishobora kwifashisha amakarita yashushanyijwe n'intoki mu kugaragaza ubwoko bw'ibikorwa, aho biherereye, ingano yabyo n'uzabishyira mu bikorwa. Aya makarita ashushanyije n'intoki ni ishingiro ry'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu kandi ashobora kwifashishwa mu gihe cyo kugena agahimbazamusyi ku mirimo yakozwe.

Kugira ngo ibikorwa bizarambe, abaturage babigire ibyabo kandi babishyire mu bikorwa, igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu rigomba gukorwa n'abaturage mu mirima yabo. Niba urugo nta butaka rufite, abantu nk'abo bagira uruhare mu bikorwa bigari by'umudugudu (birimo gutera ibiti ku mihanda, kubungabunga imigezi, gusazura amashyamba). Ibikorwa byose bya ba rwiyemezamirimo, bigomba kugaragaramo abaturage.

Uburyo ihererekanya ry'amafaranga rikorwamo kuva mu kigo gishinzwe kubungabunga umutungo kamere w'amazi mu Rwanda biciye mu mucyo ni ifatizo ryo kugira ngo umushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda ugere ku ntego zawo. Imikorere y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu ishingira ku makuru atangwa n'ikoranabuhanga ritanga amakuru hifashishijwe amashusho yafatiwe mu kirere aho hagaragazwa ahantu ibikorwa bizakorerwa, ingano, n'ibiciro kuri buri gikorwa.

Kwishyura bitangirira mu kigo gishinzwe kubungabunga umutungo kamere w'amazi, amafaranga yoherezwa kuri konti z'abaturage binyuze muri SACCOs bafitemo konti. Ibi ni ingenzi cyane kuko bituma abatuye umudugudu barushaho kugira umushinga uwabo. Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu rishobora nanone gushyirwa mu *mihigo* rikaba umusingi mu ivugurura, mu burambe bw'ibikorwa, no mu ishyirwa mu bikorwa ry'igihe kirekire.

Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu riteguye kuburyo ryashyirwa mu *mihigo* no muri za raporo bijyana. Uko ni ko rigira uruhare mu *mihigo* y'ingo n'iy''umudugudu, cyangwa se mu bikorwa rusange (nk'*umuganda*) bibera mu

mudugudu. Gahunda z'ibikorwa by'imihigo zishyirwa hamwe kuva ku mudugudu kugeza ku rwego rw'Akarere. Niyo mpamvu abakozi b'Uturere umushinga ukoreramo, mu gihe bategura imihigo y'umwaka bashobora gushyiramo umushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda ndetse n'indi mishinga. Iyi mikorere igira uruhare mu iterambere ry' Intego z'Iterambere rirambye (SDGs) no kurwanya ubukene. Muri 2019, Raporo y'igihugu y'Abakorerabushake ku ishyirwa mu bikorwa ry'Intego z'Iterambere rirambye (SDGs) igaragaza bimwe mu bikorwa by'ingenzi byagezweho (reba Igice cya II).

Ikurikiranabikorwa no kwiga bishingiye ku muturage ni ingenzi mu :

a) Gukurikirana ibigerwaho ku rwego rw'umuturage no ku rwego rw'umudugudu ;
b) Gufasha mu gukurikirana imihigo ku rwego rw'umudugudu ;
c) Kwiga no kungukira ubunararibonye mu ishyirwamubikorwa.

Hamwe n'ubu buryo, iri kurikiranabikorwa rishobora gukoreshwa ku rwego rw'akarere no ku rwego rw'igihugu. Mu mushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda, itsinda mu bya tekiniki naryo rifite inshingano zagutse zo gukurikirana no kugenzura. Umushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda uzakurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo ugereranyije n'ibyari biteganyijwe hakoreshejwe, ikoranabuhanga rikoresha amakarita, kandi umushinga wateguye inyandikongero zizakoreshwa mu ikusanyamakuru.

## INTANGIRIRO

Intego z'iki gice ni izi:

a) Kunguka imyumvire yagutse ku bigenderwaho mu mikoranire n'abaturage

b) Gusobanukirwa ibice by'ingenzi bigize ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage.

Icyerekezo cy'u Rwanda 2050, cyerekana ingamba zirimo umuhate werekana "U Rwanda twifuza" ndetse n'inzira zo kugera kuri izo ntego. Bifasha mu guhindura ubukungu bwarwo no kugira ubuzima bwiza ku banyarwanda bose. Icyerekezo 2050 ni igenamigambi ry'ingenzi n'umurongo ngenderwaho wa politiki mu kuyobora iterambere ry'u Rwanda. Gushimangira ubwiyongere bw'ubukungu bijyanye no kuzamura ubukungu bwa buri munyarwanda. Kugera kuri ibi, U Rwanda rukeneye amazi meza ahagije ku bijyanye n'imibereho myiza no kwita ku bidukikije. Ibi bishimangira akamaro k'uburyo bukomatanyije bwo kubungabunga umutungo kamare w'amazi mu Rwanda aho uruhare rw'abaturage ari ingenzi.

Ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage ku rwego rw'umudugudu ni ingenzi mu micungire ikomatanyije y'ubutaka by'umwihariko mu Rwanda

Ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage ni:

a) Incamake ku mikoranire n'abaturage mu micungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi n'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka hibanzwe ku rwego rw'umudugudu;

b) Kugaragaza neza uburyo bw'imikoranire n'abaturage mu igenamigambi, ishyirwamubikorwa, ikurikiranabikorwa n' ibyagezweho;

c) Gutanga umuyoboro ngenderwaho hibandwa ku ruhare rw'umuturage kugira ibikorwa ibye n'inyungu abibonamo

d) Kwerekana uburyo gahunda z'ibikorwa zishingiye ku mudugudu zishobora guhuzwa ku rwego rw'icyogogo gito n'ikinini.

Ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage bishingiye ku bunararibonye bw'umushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda n'umushinga wawubanjirije wo kubungabunga umutungo kamere w'amazi

mu Rwanda. Muri rusange, mu gihe imirongo ngenderwaho ishyirwa mu bikorwa mu mushinga, ishobora gukoreshwa no guhuzwa n'imicungire y'ubutaka ku rwego rw' umudugudu no ku rwego rw'igihugu. Bishingiye ku kamaro k'igenabikorwa ry'umudugudu no kubigira ibyabo, imicungire n'ishyirwamubikorwa.

Ku rwego rw'igihugu, Akanama ngishwanama k'umushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda kemeza ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage n'igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu. Ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda gishinzwe gushyira mu bikorwa umushinga ndetse no gusinyana amasezerano y'ubwumvikane n'uturere tugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa. Uburyo bw'imikoranire n'abaturage bushingiye ku midugudu bugira uruhare runini mu kugaragaza, gukora gahunda no gushyira mu bikorwa ku rwego rw'umudugudu ariko mu buryo bugaragara bufasha imicungire ku rwego rw'icyogogo gito. Ibi bishobora kuramba cyane. Imidugudu ikora igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka mu midugudu, ariyo yemezwa kuva ku rwego rw'umudugudu kugera ku karere, bikemezwa n'Ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda.

Intego z' ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage ni:

1) Gutanga ubujyanama mu ishyirwa mu bikorwa ry'ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage mu mushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda ukorerwa mu cyogogo cya Sebeya.
2) Gutanga uburyo bwo gukoresha mu ikoranabuhanaga rikoresha amakarita, mu guhuza igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu Mudugudu ku rwego rw'icyogogo gito n'ikinini, kandi ubwo buryo bukinjizwa mu Mihigo kuva ku Mudugudu kugeza ku rwego rw'Akarere.
3) Kwagurira iryo shyirwa mu bikorwa mu bindi bice by'u Rwanda no mu zindi ntego;
4) Gutanga imirongo ngenderwaho ishobora gukoreshwa na leta n'imiryango itegamiye kuri leta;
5) Gutanga inyandikongero yoroshye n'amakuru y'ingenzi (hashingiwe ku gikorwa kiriho, reba urugero mu gice cya III).

Ibigenderwaho ku mikoranire n'abaturage birimo ibi bikurikira:

1. Akamaro k'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu hagamijwe kunoza imikoreshereze y'ubutaka;
2. Uruhare rw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu mu buryo buhuriweho ku nzego z'Umudugudu kandi bushobora gushyirwa mu byogogo bito n'ibinini;
3. Uruhare n'inshingano za buri mufatanyabikorwa;
4. Akamaro ko kubaka icyizere no kugira ibikorwa ibyabo mu ishyirwa mu bikorwa ku rwego rw' Umudugudu;
5. Uruhare rw 'ingenzi mu ikoranabuhanga rikoresha amakarita ku rwego rw'umudugudu n'ibyogogo bito;
6. Guhitamo ibikorwa;
7. Guhererekanya amafaranga ava mu kigo gishinzwe umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda ajya ku baturage;

8. Kwinjiza mu mihigo ibikorwa byateguwe mu igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu
9. Ikurikiranabikorwa no kuryigiraho uhereye ku rwego rw’umudugudu kugeza ku rwego rw’igihugu;
10. Gutegura inyandikongero zoroshya igenamigambi, ikurikiranabikorwa no gukora raporo
11. Uburyo ibigenderwaho mu mikoranire n’abaturage bigira uruhare mu kugabanya ubukene, kongerera ubushobozi abaturage no gutegura igenamigambi ryagutse ku mikoreshereze y’ubutaka n’ibindi bikorwa by’igihugu (Igice cya II).
12. Imigereka n’inyandikongero byifashishwa (Igice cya III).

Ibigenderwaho ku mikoranire n’abaturage byibanda ku ruhare rw’abaturage mu igenamigambi, ishyirwamubikorwa no kugira ibikorwa ibyabo, bigashyigikira gusana ibyogogo, aho abagore n’abagabo mu mudugudu bafata iya mbere mu ishyirwa mu bikorwa ry’iryo genamigambi.

Ibi bigizwe n’ibi:

Igice cya I: Ibigenderwaho ku mikoranire n’abaturage. Ikindi kandi, harimo ibice bibiri bitanga amakuru yuzuzanya.

Igice cya II: Uburyo ibigenderwaho ku mikoranire n’abaturage bishobora gutanga amakuru kuri gahunda z’igihugu, urugero: igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka, *imihigo* na gahunda y’ Intego z’Iterambere rirambye;

Igice cya III: Igice cy’imigereka itandukanye kimwe n’inyandikongero n’amafishi bihurizwa hamwe bigakoreshwa mu kongera amakuru ku mikorere y’igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu - (Umugereka wa 1), ikoranabuhanga rikoresha amakarita- (Umugereka wa 2), harimo nk’ingero z’ubwoko bw’ibiti bitandukanye (Umugereka wa 3).

Igice cya IV: Cyerekana uburyo bwo gutoranya ibigenderwaho ku mikoranire n’abaturage ahahujwe imikoreshereze y’ubutaka n’amazi ku rwego rw’umugudugu n’icyogogo gito, aho bigira uruhare muri gahunda z’igihungu, urugero:

a) Imihigo;
b) Igenamigambi ry'Igihugu ku mikoreshereze y'ubutaka;
c) Gahunda zo kugabanya ubukene n’Intego z’Iterambere rirambye
d) Icyerekezo 2020 ku rwego rw’Umurenge
e) Gahunda ya Leta y’u Rwanda yo kwihutisha iterambere (NSTI) by’umwihariko mu guhanga imirimo;
f) Umushinga w'icyerekezo 2050 w’u Rwanda

Ibigenderwaho mu mikoranire n’abaturage byateguwe hashingiwe ku bunararibonye bw’umushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y’Umutungo Kamere w’Amazi mu Rwanda, ku masomo yavuye mu igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu yakozwe mu midugudu 200 mu Cyogogo cya Sebeya no ku mushinga wo kubungabunga umutungo kamere w’amazi mu Rwanda wawubanjirije. Umudugudu n’abawutuye ni ishingiro ry’ibigenderwaho ku mikoranire n’abaturage.

**Guhera ku mudugudu, igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu:**

a) Izaba kimwe mu bigize *imihigo* y'umudugudu kugera ku rwego rw'Akarere;

b) Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu izahurizwa hamwe ku rwego rw'icyogogo gito n'ikinini.

Abagore n'abagabo batuye umudugudu ni bo bayobora ishyirwamubikorwa ry'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ni nabo kandi babigiramo inyungu. Ibikorwa bikeneye ubuhanga bwihariye nko gusana imikoki minini, kubaka ibikorwaremezo mu kurwanya imyuzure bishyirwa mu bikorwa na ba rwiyemezamirimo nyuma yo kurangiza inyigo za ngombwa.

## IGICE CYA I: IBIGENDERWAHO KU MIKORANIRE N'ABATURAGE

### 1.1 Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu nk'inkingi mu igenamigambi n'ishyirwamubikorwa

Intego z'iki gice ni izi:

a) Kunguka imyumvire yagutse ku bigenderwaho mu mikoranire n'abaturage

b) Gusobanukirwa ibice by'ingenzi bigize ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage.

Igenamigambi rigizwemo uruhare ku rwego rw'umudugudugu mu cyogogo gito niwo mutima w'umushinga ugamije Imicungire Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda- (Reba igice cya III, Umugereka wa 1 ku bisobanuro birambuye ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu Mudugudu VLUAP), n' umugereka wa 4 kuri gahunda ngenderwaho y'ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu Mudugudu.

Ishyirwa mu bikorwa ritangirira ku rwego rw'umudugudu, bigatuma abaturage bumva ko aribo ba nyir'ubwite baryo. Ibi bituma kandi habaho gahunda zoroheje z'Umudugudu, zakorwa mu munsi 1cyangwa 2, zigakorwa n'abagore n'abagabo bo muri uwo mu dugudu. Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu rihuzwa niry'urwego rw'icyogogo gito bigahinduka igenamigambi ku rwego rw'icyogogo gito. Izi gahunda zishobora guhurizwa hamwe zikajya muri gahunda y'*Imihigo* ku rwego rw' umudugudu n'Akarere.

Dore intambwe zigize ubu buryo bw'imikorere:

a) **Guhitamo icyiciro cya mbere cy'ibyogogo bito n'imidugudu**: Mu bufatanye n'ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda, urwego rw'akarere na Komite z'icyogogo, umushinga uhitamo ibyogogo bito bya mbere (n'imidugudu igize ibyo byogogo) nk'ibigize icyiciro cya mbere cyo gukorerwamo igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu. Ku mushinga ugamije Imicungire

Ikomatanyije y'Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda imirimo yatangiriye mu igenamigambi ry'ibikorwa by'icyogogo gito cya Karambo, hanyuma ikomereza mu:

i. Midugudu igaragara ko ''ikwiye kwitabwaho cyane'' mu turere twa Rutsiro na Ngororero;
ii. Ahandi hasigaye hose mu cyogogo cya Sebeya;
iii. Ndetse no mu bindi byogogo.

Uburyo bwo gukora amakarita agaragaza ibyogogo bikenewe kubungabungwa bufasha mu gufata imyanzuro ni igikoresho nkenerwa gifasha gusuzuma uduce twibasiwe dukeneye gusanwa. Ibyo kandi bifasha uturere gufata ibyemezo ku hantu hakwiye kwibandwaho mu kurwanya isuri, hagategurwa ingengabihe ihamye kandi ishoboka y'ishyirwa mu bikorwa rya gahunda y'ibikorwa.

b) **Amahugurwa y'abafashamyumvire ku rwego rw'Akarere:**

Itsinda ry'abantu bagera kuri 30 bahugurirwa kuba abafashamyumvire mu igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu. Abahugurwa baturuka mu ishami rishinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga, abakozi b'Akarere, n'imiryango itagengwa na Leta n' amashyirahamwe y'abaturage. Amahugurwa amara iminsi 3 kandi agakurikiza amabwiriza y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ahari.


c) **Ubukangurambaga mu Mudugudu no mu Karere**: Mu kumenyekanisha igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu no kubona ubwitabire bw'abaturage bakarushaho kwiyumva mu mushinga no kuwugira uwabo. Ibi bishimangira uburambe no kwihugura uko ibikorwa bigenda bigerwaho, bikongera ubushobozi bw'abaturage mu ikurikiranabikorwa n'amahugurwa. Ni ingenzi cyane kugira uburyo bworoheje bwo guhererekanya amakuru muri buri Karere hatirengagijwe uruhare "rw'abavuga rikumvikana" mu midugudu

d) **Kuzamura imyumvire kuri Covid-19**: Nka kimwe mu bigize ubukangurambaga n'igenamigambi, ni ingenzi ko abaturage bagira amakuru ahagije mu kwirinda icyorezo cya COVID-19, kumva akamaro ko guhana intera hagati yabo, gukaraba intoki no kwambara neza agapfukamunwa.

e) **Abaturage b'imidugudu (5-6) bahuriye ku cyogogo gito** bateranira kwiyungura ubumenyi ku gikorwa cy'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu kandi bashobora kugaragaza ku buryo bwagutse ibibazo byugarije icyogogo. Iyo bamaze kumenya neza no gusobanukirwa imbogamizi ziriho, hafatwa ingamba zigomba kubikemura. Urugero: Hari ubwo biba ngombwa ko bakorera hamwe ku micungire y'icyogogo cy'uruzi/umugezi. Ku munsi wa mbere, baterana ari 50 cyangwa 60 baturutse mu midugudu 5 cyangwa 6 ihuriye ku cyogogo kimwe. Ibyo bikurikirwa n'igenamigambi ryimbitse ryo kuri buri mudugudu.

f) **Icyiciro cya mbere cya gahunda y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu:** Komite y'umushinga yumvikana kuri gahunda

ngenderwaho w'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu (Umugereka wa 4), iyo gahunda ngenderwaho igaragaza amazina y'ibyogogo bito, Imirenge, Utugari n'Imidugudu. Amatsinda y'abafashamyumvire aba yumvikanye ku midugudu no ku byogogo bito bitandukanye. Bahuriza hamwe imidugudu ikora ku migezi bakumvikana ku gihe gahunda y'igenamigambi izabera. Ubwitabire bw' abagore n'abagabo mu gutanga ibitekerezo bushimangira kubahiriza ihame ry'uburinganire. Abagore kimwe n'abagabo bahabwa urubuga rwo kugaragaza uruhare rwabo hashingiwe ku bibazo byumvikanweho n'igikwiye bizakorwa. Kenshi gahunda itangira nyuma ya saa sita kandi ku masaha abaturage bumvikanyeho. Inama z'igenamigambi zibanda ku gusobanukirwa neza no kugaragaza ibibazo. Igiti cy'ibibazo cyoroherereje (Ishusho ya mbere) cyifashishwa mu kugaragaza ibibazo, impamvu zibitera n'ingaruka bijyana, kimwe no gutanga imirimo n'igihe ntarengwa cyo kuyikora. Ibi bijyana no gucishiriza ingano/umubare w'ibikoresho bikenewe; nk'urugero twavuga umubare w'ibiti cyangwa ibyatsi bikwiye guterwa cyangwa umubare w'amaterasi akwiye gukorwa. Aya niyo makuru shingiro igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ya mbere yubakiraho. Ibi bikorerwa kandi no mu yindi midugudu iri muri icyo cyogogo.



*Ishusho ya mbere: Igiti cy'ibibazo n'ibisubizo*

**g) Guhuza igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu n'ibyogogo bito**: Mu bice bifite igenamigambi ry'ibikorwa ry'ibyogogo bito, igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu rishobora gukoreshwa mu ishyirwa mu bikorwa, gutanga amakuru mashya, no kuzisobanura (Umugereka 10, 11). Ku rundi ruhande, mu bice bidafite igenamigambi ry'ibikorwa ry'ibyogogo bito, igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu rishobora kuba intangiriro yo gukora igenamigambi ry'ibikorwa ryabyo. Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu rigaragazwa ku ikarita y'igenamigambi ry'ibikorwa ry'ibyogogo bito ryatanzwe n'ikoranabuhanga rikoresha amakarita igaragaza neza imbibi za buri mudugudu. Hanyuma, hagashyirwamo ibyavuye mu nyigo z'ingenzi. Iryo genamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu rishobora guhuzwa niryo ku rwego rw'akarere, urugero, mu mikoreshereze y'ubutaka n'*Imihigo* y'Akarere, nyuma yaho rikajya mu rwego rw'igihugu.

**h) Kongera ubushobozi n'ibitekerezo**: Hashingiwe ku igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu kongera ubushobozi bishobora gukenerwa (urugero: ibiti bivangwa n'imyaka, gukora ubuhinzi bw'umwimerere, gukora amaterasi, gutera ibyatsi, n'ibindi). Amahugurwa atangwa binyuze muri Leta, Imiryango itagengwa na Leta, cyangwa mu mashyirahamwe y'abaturage hagamijwe guha imbaraga amashuri y'abahinzi mu murima. Mu bikoresho bikenerwa harimo ibikoresho by'ubuhinzi n'ingemwe/imbuto zo gutera. Ibi byose bikorwa ku bufatanye bw' Ikigo gishinzwe umutungo kamere w'amazi mu Rwanda, Uturere, Umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda n'izindi gahunda.

**i) Ishyirwamubikorwa**: Hashingiwe ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu, abaturage bashyira umushinga mu bikorwa nkuko byumvikanyweho. Ibikorwa bishobora kuba mu murima w'umuntu ku giti cye (urugero: amaterasi yikora, ibyatsi ku materasi, utugabanya muvuduko, ibiti bivangwa n'imyaka) cyangwa ku rwego rw'umudugudu (urugero: gusazura amashyamba ku mpinga z'imisozi, amaterasi, kubungabunga inkengero z'imigezi n'amazi muri rusange). Ibikorwa bishyirwa mu ngiro n'abagabo cyangwa abagore, cyangwa se bafatanyije, kandi bikagaragazwa ku ikarita y'ikoranabuhanga rikoresha amakarita.

**j) Icyiciro cya kabiri cy'ikurikiranabikorwa, amahugurwa no gutegura igenamigambi**: Nyuma y'igihe cyumvikanyweho (urugero: amezi 4-6), abakozi b'umushinga (n'abandi, urugero ishami rishinzwe gukurikirana *Imihigo* mu Karere) basura imidugudu kugirango basuzume aho imirimo igeze (Umugereka 7). Iterambere ry'ibyo bikorwa rigaragazwa ku ikarita y'ikoranabuhanga rikoresha amakarita yifashishwa mu gukurikirana no gusuzuma ibikorwa. Bashobora kandi kuvugurura igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu hashingiwe k'uburambe (igenamigambi n'ishyirwamubikorwa). Mbere y'ibi, abaturage bakurikirana kandi bakigira ku ishyirwa mu bikorwa bakoze, ari nako bagira uruhare mu kugenzura *imihigo*. Bene iyo migenzurire igomba gusubirwamo mu buryo buhoraho bwumvikanyweho. Birumvikana ko abaturage bazagiramo icyizere mu igenamigambi n'ikurikiranabikorwa, kandi ni ingenzi cyane ku iterambere rirambye.

**k) Inyigo n'isuzumabumenyi ni ngombwa**: Hashingiwe ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu n'igenamigambi ry'ibikorwa ry'ibyogogo bito (MCAP), hashobora gukenerwa inyigo z'inyongera zafasha gukemura ibibazo bitandukanye bishobora kuvuka. Izo nyigo zaba zikenewe zazakorwa na Kaminuza, n'amatsinda y'ubushakashatsi harimo n'Abenegihugu.

Nk'igisubizo:

1. Hekenewe ubufasha bw'inyongera mu iyamamazabuhinzi ndetse n'ibikoresho byemeranyijweho, bigomba gutangwa mu gihe kigufi kuko bifasha kongera icyizere.
2. Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu rishobora guhuzwa mu buryo bwo kunoza no gushyigikira igenamigambi ry'ibikorwa ry'ibyogogo bito ndetse na gahunda z'ibikorwa z'akarere. Ku bijyanye n'icyogogo cya Sebeya, ibi bifasha igenamigambi risanzwe ririho kandi rikabyara ibyiyumvo bihamye mu bagize umudugudu mu kugira ibikorwa ibyabo.
3. Ubu buryo ni ingenzi cyane cyane mu bice bidafite igenamigambi ry'ibikorwa ry'ibyogogo binini cyangwa bito;
4. Umusaruro w'ishyirwa mu bikorwa ku rwego rw'umududgudu ni ishingiro ry' ikurikiranabikorwa n'imikorere, kandi bigomba kujya mu mihigo y'umudugudu;
5. Ubu buryo bw'igenamigambi n'ibikorwa nibwo bushingirwaho mu gutanga agahimbazamusyi/umushahara ku bikorwa biba byumvikanweho (nko gusazura, gutera ibiti, ibyatsi ku materasi, amaterasi yikora)
6. Binyuze mu ikurikiranabikorwa n'amahugurwa ku rwego rw'umudugudu, imibare y'ibikorwa byakozwe (imibare, ubuso) ishobora guhuzwa kuva ku rwego rw'umudugudu, urwego rw'akarere no ku rwego rw'icyogogo kandi bikagaragazwa ku ikarita;

7. Amasomo ava mu ishyirwamubikorwa ry’igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu azaba ishingiro mu kwita k’ubumenyi.

## 1.2. Igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu mu bice bifite gahunda y’igenamigambi ry’ibikorwa by’icyogogo gito n’ibice bitayifite.

Intego z'iki gice ni:

a) Ugushyira mu bikorwa uburyo bw’igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu mu bice bisanzwemo gahunda y’igenamigambi ry'ibikorwa by’ibyogogo bito n’ibice iyo gahunda itakorewemo; no

b) Gusobanura imikorere itandukanye isabwa hagati y’aho gahunda y'igenamigambi ry’ibikorwa by’icyogogo bito zasojwe n’aho iyo gahunda yari itarakorwa.

Mu bice bifite gahunda y’igenamigambi ry’ibikorwa by’icyogogo gito, inama zibanza ku igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu ni "ukwibutsa" gutegura no gukora ikarita ngenderwaho, no guhuza gahunda z'ibikorwa by'umudugudu n’igenamigambi ry'ibikorwa by’ibyogogo bito. Imidugudu iri muri gahunda y’igenamigambi ry'ibikorwa ry’ibyogogo bito iba ifite ubumenyi bwisumbuye bwo guhura bakaganira ku igenamigambi rusange, kugaragaza ibibazo n’amahirwe biri mu igenamigambi ry'ibikorwa by’ibyogogo bito, noneho bakumvikana ku bikorwa bihuriweho n’imidugudu irenze umwe, nko gukora amaterasi no gusazura amashyamba.

Ibishingirwaho mu kugena insimburamubyizi y’imirimo birategurwa ndetse bikemezwa hashingiwe ku bunararibonye bw’umushinga wo kubungabunga umutungo kamere w’amazi mu Rwanda (Igice cya III Umugereka wa 5, 6). Urutonde rw’ibiciro by’ibikorwa bitandukanye rwemeranywaho ku bipimo by’ibikorwa bisanzwe bikurikizwa (imibare/ingano, metero/uburebure na hegitari (ha) Igice cya III Umugereka wa 6). Urugero: gutera ibiti bizishyurwa hashingiwe ku mubare w’ibiti

byatewe; kwishyura amaterasi bikorwa hashingwe ku mubare wa metero/ubuso z'amaterasi yakozwe; ndetse no gusubiranya ahakenewe mu mudugudu hakabarwa hegitari zakozwe. Abaturage bumvikana ku bikorwa ndetse n' ingano ya buri gikorwa. Abaturage bitabiriye bumvikana ku ishyirwamubikorwa ryabyo cyangwa se ku ntego y'imikorere yabo.

Gusubiramo igenamigambi, ishyirwamubikorwa, ikurikiranabikorwa, no kubyigiraho bitanga uburyo bwo gukomeza gukurikirana iterambere ry'ibikorwa bikeneye gusuzumwa mbere y'uko byishyurwa. Ikigo gishinzwe umutungo kamere w'amazi mu Rwanda gishyiraho uburyo bwo kwishyura gifatanyije n'uturere na za Koperative zo kubitsa no kugurizanya, insimburamubyizi ikava muri SACCOs ikajya kuri konti y'umuturage hashingiwe ku mibyizi yakoze. (Igice cya 2.9).

Mu bice bidafite igenamigambi ry'ibyogogo bito, umusaruro w'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ni ingenzi mu gushyiraho igenamigambi ry'ibyogogo bito, ariko igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ntiryabona ikarita igaragaza amakuru atomoye n'ikorabuhanga rikoresha amakarita.

Kuri ibyo rero:

1. Ikorabuhanga rikoresha amakarita rikorerwa imidugudu n'ibyogogo bito;
2. Igikorwa cy'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu gikurikirwa no gukora igiti cy'ibibazo, ikarita y'imikoreshereze y'ubutaka, ndetse n'ubusesenguzi bw'ibibazo n'imirimo bigomba gushyirwa mu bikorwa ndetse bigashyirwa mu *mihigo* y'umudugudu;
3. Ibibazo n'ibikorwa bigaragazwa mu ikoranabuhanga rikoresha amakarita urugero: gutera ibiti, kuvanga ibiti n'imyaka, gutera ibyatsi, utugabanyamuvuduko duto, no kugaragaza ushinzwe kubishyira mu bikorwa;
4. Ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage biteganya ko ibikorwa bimwe bishobora gukenera igenamigambi ryimbitse, gutunganya imikoki migari bityo hagatangwa ubufasha bwa tekiniki kuri iyi mirimo.

### 1.2.1. Inama ya mbere yo gutegura igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu

Inama ya mbere y'igenamigambi ikorewe k'umudugudu imara hafi amasaha ane. Hifashishijwe intoki hakorwa ikarita y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu hamwe n'ubusesenguzi hifashishijwe uburyo bw'igiti cy'ibibazo n'ibisubizo. Ibi bigakorwa hatirengagijwe ihame ry'uburinganire, aho ikarita imwe yibanda ku bagabo indi ikibanda ku bagore. Iryo hame ni naryo rigenderwaho mu bice bifite igenamigambi ry'ibyogogo bito ndetse no mu bice bitayifite. Muri iyi nama ya mbere y'igenamigambi, abayitabiriye bagaragaza bakanumvikana ku bibazo biriho n'umuti wabyo; nyuma hakuzuzwa igika 1-5 cy'imbonerahamwe (Igice cya III Umugereka wa 7). Ibika bisigaye 6-8 byuzurizwa mu nama izakurikira (ikurikiranabikorwa n'amahugurwa).

Ibi ni ishingiro ry'ubwumvikane ku bikorwa bizashyirwa mu bikorwa, aho bizakorerwa, igihe bizakorwa n'uzabikora. Igice cya III, umugereka wa 8 utanga

inyandikongero yumvikana y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu midugudu ya mbere. Muri uyu mwitozo wa mbere wo gukora igenamigambi, abagize umudugudu bumvikana ku bikorwa bimwe na bimwe bizana inyungu yihuse kugirango bagire kandi baniremememo icyizere. Iyo igenamigamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu imaze gusozwa, abagize umudugudu bagomba gutegura umwanya uboneye wo gutangiza gahunda y'ibikorwa yabo, bakabitangaza ndetse bagashaka n'inkunga y'inyongera.

### 1.2.2. Gutegura igenamigambi ry'ibikorwa ry'ibyogogo bito hashingiwe ku buryo bw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu

Hashingiwe ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu no ku bigenderwaho ku mikoranire n'abaturage, uburyo bwo gutegura igenamigambi ry'ibikorwa ry'ibyogogo bito (aho ritari) na gahunda y'ibikorwa y'ibyogogo binini bishobora gushyirwaho. Ni ukuvuga:

a. Icyiciro cyo kwitegura;
b. Icyiciro kibanza n'icya kabiri cy' imirimo mu biro no hanze yabyo;
c. Icyiciro cyo gutunganya no gusoza.

Izi ngingo zisobanuwe mu buryo burambuye mu gice cya III Umugereka wa 9 n'uwa 10. Iby'ingenzi bikwiye kwitabwaho muri gahunda y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu n'uburyo bw'imikoranire n'abaturage ni ishingiro ry'igenamigambi n'ibikorwa. Ubwo rero igenamigambi ry'ibikorwa ry'icyogogo gito n'ikinini, muri make, ni igiteranyo cy'umubare runaka wa za gahunda z'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu midugudu - (urugero: Imidugudu 5-6) kugirango hakorwe igenamigambi ry'ibikorwa by'icyogogo gito, bityo amakuru y'inyongera aba akenewe. Nyuma hahurizwa hamwe igenamigambi ry'ibikorwa ry'ibyogogo bito, kugira ngo bikore igenamigambi ry'icyogogo kinini.

Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ni uburyo bwiza bwo gushyira mubikorwa ibyateganyijwe kandi ryubahiriza imbibi z'umudugudu. Mu ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu riva ku byemezo by'imicungire iboneye y'umutungo kamere n'icyogogo kinini. Bikorwa hagamijwe gucunga ibyogogo kandi bigira uruhare mu igenamigambi ku mikoreshereze n'imicungire y'ubutaka.

Igenamigambi kuva ku mudugudu kugera ku cyogogo rikubiyemo:

- Igenzura rishingiye ku baturage rikorwa ku bufatanye bw'abaturage, abatekinisiye n'abayobozi;
- Guha amahirwe angana abatuye mu mudugudu ndetse n'abandi;
- Ubunyangamugayo mu bafatanyabikorwa bose bakorera hamwe nta buryarya;
- Guhanga udushya, iterambere no gushyira mu bikorwa ibisubizo;
- Ubworoherane mu igenamigambi n'ishyirwamubikorwa;
- Kugira ibisubizo byihariye ku hantu hafite umwihariko waho.

### 1.2.3. Ibizagerwaho na gahunda y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu

Igenamigamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ishyiraho gahunda y'ibikorwa yumvikanweho n'urwego (Umudugudu, Akagari, Umurenge, Akarere, Ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda ndetse n'umushinga).
Igice cya III Umugereka wa 8 gitanga urugero fatizo rwa raporo y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugugu. Gahunda y'ibikorwa iba igizwe na:

1. Ibibazo n'ibizubizo byagaragajwe kandi byumvikanyweho ku rwego rw'umudugudu bikorerwa ikarita;

2. Ibikorwa byumvikanwaho, aho bigomba gukorerwa, ubishinzwe, ndetse n'ingano yabyo (urugero: ubuso, cyangwa imibare);

3. Urutonde rw'ibigenderwaho mu buryo bwa tekiniki hashingiwe ku bikorwa byumvikanyweho;

4. Ingengo y'imari y'ishyirwa mu bikorwa ishingiye ku bigenderwaho mu buryo bwa tekiniki;

5. Uburyo bworoheje bw'ikurikiranabikorwa no kongera ubumenyi nk'igice cyo kongera ubushobozi mu *mihigo*.

Mu nama z'abaturage, amakuru yakusanyijwe yifashishwa mu kwandika igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu. Amakuru y'inyongera ashobora gukenerwa no kwifashishwa mu gukora igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ku bufatanye bw'uturere n'abafatanyabikorwa. Mu kunoza igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu, hari ibishobora gukenera guhindurwa, ariko byose bigomba gukorwa byumvikanyweho n'abatuye umudugugudu. Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ryemejwe ritangizwa ku rwego rw'umudugudu mu gihe gikwiye. Icyakora, ishyirwamubikorwa rishobora gutangira nyuma gato y'uko gahunda y'ibikorwa yemezwa.

## 1.3. Uruhare n'inshingano by'abafatanyabikorwa

Intego z'iki gice ni:

a) Kumenya abafatanyabikorwa banyuranye, uruhare n'inshingano bafite mu ishyirwamubikorwa ry'imikoranire n'abaturage;
b) Kumenya neza ko ntawahejwe kandi hazirikanwa ihame ry'uburinganire mu byiciro byose;
c) Kumenya neza ko ibyiciro by'abaturage batishoboye byitaweho by'umwihariko abagore.

Ni ingenzi cyane kumenya neza ko ibikorwa birimo gukorwa, kandi bikorwa mu mucyo. Imbonerahamwe ya mbere ikubiyemo incamake y'inshingano zo ku rwego

rw'umudugudu n'urwego rw'akarere. Hagendeye ku byavuzwe, ni ingenzi kumenya ko igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ryashyizwe mu *mihigo*.

### Imbonerahamwe 1: Inzego zibazwa ishyirwamubikorwa n'ibihano kubijyanye n'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu

| **Ubishinzwe** | **Urwego** |
|---|---|
| Abatuye umudugudu | Umukuru w'umudugudu |
| Akagari | Umukozi ushinzwe iterambere n'imibereho myiza y'abaturage n'Umunyamabanga nshingwabikorwa w'Akagari. |
| Umurenge | Umunyamabanga nshigwabikorwa w'Umurenge |
| Akarere | Umuyobozi w'Akarere |
| Ikigo cy'igihugu gishinzwe umutungo kamere w'amazi mu Rwanda | Inshingano zose zo kuyobora umushinga no kwishyura amafaranga |

Abafatanyabikorwa b'ingenzi ku mikoranire n'abaturage, ni abatuye umudugudu.U Rwanda rushyira abaturage barwo mu byiciro 5 by'ubudehe:

**Icyiciro A na B:** (A) Kigizwe n'abakire n'abandi bibeshejeho (B) bafite amahitamo atandukanye y'ubuzima kandi bibeshejeho mu bushobozi.

**Icyiciro C na D:** Gikubiyemo abakene bashobora kuzamura imibereho yabo (C), n'abakeneye ubufasha (D). Iyi miryango ihabwa ubufasha, igahabwa imfashanyo zitandukanye kandi igasinya imihigo mu gihe cy'imyaka 2 yo kuva mu cyiciro kimwe ujya mu kindi.

**Icyiciro cyihariye E**: Iki cyiciro kibona inkunga yuzuye ya Leta yo kwita ku mibereho myiza kandi abakirimo si ngombwa ko basinya imihigo yo kuva mu cyiciro kimwe ujya mu kindi.

Uburyo bw'imikoranire n'abaturage bwibanda ku byiciro C, D, na E. Ibikurikira ni uruhare n'inshingano zumvikanweho z'amatsinda atandukanye, zigaragara nk'uko zikurikirana mu ncamake mu mbonerahamwe ya kabiri ariko uruhare n'inshingano bisobanuwe birambuye ku mugereka wa cumi na rimwe:

1. **Abagabo n'abagore batishoboye batagira ubutaka (Icyiciro cya E):** Bunganirwa (binyuze mu gukora) ishyirwamubikorwa ry'ibikorwa byemeranyijweho (urugero: gutera ibiti ku muhanda, kubungabunga inkengero z'imigezi, gusazura amashyamba) kuko nta butaka bagira cyangwa

se kuko bafite isambu nto cyane. Ibikorwa bakora ni nko gutera ibiti by'imbuto ziribwa hafi y'ingo zabo. Aba baturage bahabwa insimburamubyizi kuri konti zabo binyuze muri za SACCO bakorana.

2. **Abagore n'abagabo bakeneye ubufasha (Icyiciro cya D):** bashyira mu bikorwa ibikorwa byumvikanyweho mu mirima yabo no hafi y'ingo zabo. Babishyira mu bikorwa ku giti cyabo cyangwa bagahabwa ubufasha bwa tekiniki aho biri ngombwa. Bakora ikurikiranabikorwa, kongera ubumenyi noneho bagahabwa insimburamubyizi binyuze muri konti zabo muri SACCO.

3. **Abagore n'abagabo bashobora kuzamura imibereho yabo (Icyiciro cya C**): Bo ubwabo bashyira mu bikorwa ibyo bemeranyijweho cyangwa bagahabwa ubufasha bukenewe; bakora ikurikiranabikorwa no kongera ubumenyi; ndetse bwa nyuma insimburamubyizi bakoze binyuze muri konti zabo muri SACCO.

4. **Ubuyobozi bw'umudugudu na Komite:** bagenzura gahunda y'ibikorwa n'ishyirwamubikorwa ryayo, kandi umuyobozi w'umudugudu arabisinyira. Bamenya neza ko igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ryashyizwe mu *mihigo* bagakora ikurikiranabikorwa mu mudugudu wabo no hagati y'imidugudu. Bashinzwe guhana amakosa yakozwe. Ubuyobozi bw'umudugudu butanga urutonde rw'abaturage n'ibyo bateganya gukora; bikifashishwa mu ikurikiranabikorwa rishingirwaho mu kwishyura nyuma yo kugenzurwa.

5. **Urwego rw'Akagari n'Umurenge:** Izi ni zimwe mu nzego zishinzwe itegurwa n'iyemezwa ry'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu, n'iyinjizwa mu mihigo y'akagari n'umurenge. Binyuze mu kuyimenyekanisha, bari mu bagize ishyirwamubikorwa, ikurikiranabikorwa no gutanga raporo.

6. **Koperative yo kubitsa no kuguriza (SACCO):** Kwishyura abaturage kuri konti zabo hashingiwe ku byakozwe. SACCO zakira amafaranga yo kwishyura abaturage avuye mu Kigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda binyuze kuri konti y'Akarere. SACCO zikora raporo y'amafaranga yakiriwe n'ayishyuwe.

7. **Itsinda rishinzwe gutanga ubufasha bwa tekiniki:** Iri tsinda ritegura kandi rikanatunganya igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu, harimo n'amahugurwa y'abakozi b'umushinga, kandi rikemeza ko raporo zakozwe zahujwe kugirango zemezwe. Rikusanya ibigenderwaho mu buryo bwa tekiniki mu ishyirwamubikorwa rishingiye ku bikenewe, kandi bikaba biri muri gahunda y'ikurikiranabikorwa. Rihuza umusaruro w'ibikomoka mu ruhererekane nyongeragaciro n'amasoko bijyanye n'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu. Mu bufasha bwa tekiniki harimo n'itsinda rishizwe ikoranabuhanga rikora amakarita.

8. **Amashyirahamwe y'abaturage n'imiryango itegengimiye kuri Leta** Gushyigikira imitegurire y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu

mudugudu ubufasha mu bya tekiniki no kwagura imirimo, amahugurwa n'ubukangurambaga. Banatanga ubufasha mu ishyirwamubikorwa, nko gufasha amashyirahamwe y'abaturage gukora za pepiniyeri z'ibiti, kongera ubukangurambaga, guhuza n'amasoko, ndetse no kubaka ubushobozi mu igenamigambi n'ikurikiranabikorwa.

9. **Ba Rwiyemezamirimo:** bagira uruhare binyuze mu ipiganwa mu bikorwa bimwe na bimwe birenze ubushobozi bw'abaturage. Urugero: Gusana imikoki migari, ibidendezi bikomoka ku migezi/inzuzi n'ibindi.

Ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi gifite inshingano nyamukuru mu bya tekiniki no kumenya abashinzwe imirimo itandukanye, kandi bagira uruhare mu gutegura no kwemeza igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu. Ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi gifatanyije n'itsinda ry'ubufasha bwa tekiniki bibanda ku:

a) Gutegura igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu

b) Gushyira amafaranga kuri konti z'Uturere binyuze muri Banki nkuru y'igihugu kugirango hishyurwe imirimo yakozwe nk'uko byemeranyijweho mu igenamigambi n'ingengo y'imari, hamwe na konti yihariye y' imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi (IWRM). Umucungamari w'umushinga ashyirirwaho gufasha ishami ry'imari mu karere no kwita ku mikoreshereze y'umutungo w'umushinga;

c) Gutanga akazi no guhemba abatekinisiye (inzobere n'abakozi mu kubungabunga ubutaka n'amazi) bakorera ku cyicaro cy'umushinga ku rwego rw'akarere mu ishyirwamubikorwa;

d) Gukurikirana iterambere ry'umushinga no gutanga amabwiriza akenewe.

Uturere tugira uruhare mu kwemeza igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu kandi tukarihesha agaciro mu kuyinjiza mu *mihigo* y'Akarere.

Uturere kandi tugomba:

a) Gushyigikira ishyirwamubikorwa no kugira uruhare mu ikurikiranabikorwa no gutanga raporo ku rwego rw'igihugu kandi bashinzwe igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu midugudu iri mu Karere;
b) Gushyira mu bikorwa imirimo yumvikanweho binyuze mu buryo bw'imikoranire n'abaturage;
c) Gukurikiza ibisabwa byatanzwe n' Ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda mu gihe cy'ishyirwamubikorwa
d) Gushyira ibikorwa byemejwe mu *mihigo* y'Umudugudu;
e) Kuzamura imyumvire y'abaturage bakumvako ibikorwa ari ibyabo no kwita ku burambe bwabyo;
f) Gutanga raporo y'iterambere ry'ibikorwa n'iy'imikoreshereze y'amafaranga mu kigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi buri gihembwe, harimo na raporo ya nyuma ya gahunda y'imirimo yakozwe.

Uturere ni ingenzi mu gushyira mu bikorwa ibingenderwaho ku buryo bw'imikoranire n'abaturage kuko dufite ubunararibonye (mu mikorere), imiyoborere (imicungire y'ibikorwa nk'ibi mu mudugudu) ndetse n'imicungire y'amafaranga (kwemeza ko amafaranga yatanzwe n'Ikigo gishinzwe umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda agashyirwa kuri konti z'abaturage. Uturere nitwo twemeza ko igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ishyirwa mu mihigo y'akarere kimwe no gukurikirana no gusuzuma ibikorwa. Hamwe n'abatuye umudugudu, abakozi b'akarere bafasha mu igenamigambi kugaragaza ubutaka bwangiritse no gutanga ibisubizo ku cyakorwa.

**Ingeri z'icyogogo kinini n'igito:** Ikibandwaho muri iyi mirongo ngenderwaho ni uburyo bw'imikoranire n'abaturage bushingiye ku mudugudu n'abawutuye. Mu mugereka wa 9 n'uwa 10 hakubiyemo incamake ku ngeri z'ingenzi mu gutegura gahunda y'ibikorwa mu cyogogo kinini hashingiwe ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ariko hibandwa ku byogogo binini n'ibito. Kugirango habeho ubwuzuzanye bw'izo ngeri, nanone ni ingenzi cyane guhuriza hamwe gahunda z'ibikorwa n'uburyo bwo gukora amakarita agaragaza ibyogogo bikenewe kubungabungwa- Bufasha mu gufata imyanzuro.

**Imbonerahamwe ya 2: Incamake y' ishyirwa mu bikorwa n'umusaruro bya gahunda y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu**

| IGIKORWA | UGIKORA | IBIZAGERWAHO |
|---|---|---|
| Igenamigamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu | Imidugudu yose, abakozi b'umushinga/abafashamyumvire | Igenamigamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ryemejwe |
| Ibikurikizwa mu bya tekiniki n'ingano | Abatekinisiye & abatuye imidugudu | Urutonde rw'ibyumvikanyweho& ubishyira mu bikorwa |
| (a)Icyiciro cya C&D<br>Abaturage mu mirima yabo | Abaturage bakorera ibikorwa byumvikanyweho mu mirima yabo. Hari ibikoresho bikenerwa | Ibikorwa byumvikanyweho bishyirwa mu bikorwa |
| (b)Icyiciro cya E<br>(abatagira ubutaka ) ibikorwa by'umudugudu | Abaturage batagira ubutaka bakora ibikorwa nko gutera ibiti ku mihanda, kubungabunga imigezi. Hari ibikoresho bikenerwa | Ibikorwa byumvikanweho bishyirwa mu bikorwa |
| Igikorwa gisaba ibikurikizwa bya tekiniki by'umwihariko-amaterasi y'indinganire, imikoki minini, gusazura amashyamba | Imirimo ihabwa abayifitiye ubumenyi biciye mu buryo bwateganyijwe | Rwiyemezamirimo arangiza ibikorwa ku gihe giteganyijwe |
| Gukurikirana imirimo no ku kuyemeza | Inzego z'Umudugudu,<br>Akagari n'Akarere | Kwemeza imirimo yakozwe |
| Kwishyura imirimo yakozwe | Akarere, Koperative yo Kubitsa no Kuguriza<br>Kwishyura ibyemejwe | Abaturage bakira imishahara yabo kuri za konti |

## 1.4. Akamaro ko kubaka icyizere mu baturage no kugira ibikorwa ibyabo

*Intego z'iki gice ni:*
*a) Gusobanukirwa n'akamaro ko kwibona mu bikorwa ku muturage no ku mudugudu; no*
*b) Kurema icyizere kugirango Imidugudu n'abaturage bakore igenamigambi, ishyirwamubikorwa, guhugurwa no gukurikirana.*

Ibikorwa bibera mu mudugudu. Ibi bituma habaho kubyibonamo bakabigira ibyabo kandi bagashishikarizwa kubikomeza na nyuma y'isozwa ry'umushinga. Ibi bigira akamaro k'umusaruro, uburambe bw'ibyakozwe kandi bituma hatangwa raporo ku rwego rw'umudugudu, Akarere ndetse n'igihugu mu buryo bworoshye.

Kwibona mu bikorwa no kubaka icyizere bisaba ibi:

**Gushushanya/gukora ikarita:** Nubwo amakarita yaba adashushanyije ku buryo bunononsoye, atuma habaho kubaka icyizere. Igikorwa cyo gukora amakarita atuma habaho kuganira ku bibazo byugarije umudugudu ndetse no ku bisubizo byabyo. Ibi bigatuma habaho kugira ibiganiro, impaka, kumvikana ku bibazo by'ingenzi. Ni ingirakamaro kandi gukora urugendo ruzenguruka umudugudu mu gusuzuma ibiri ku ikarita bigatuma habaho ibindi biganiro/inama ku bibazo byugarije umutungo kamere ndetse n'ibidukikije.

**Uburemere bw'ibibazo by'imibereho:** Umutungo kamere n' igenamigambi ku mibereho birajyana. Ibibazo by'abafatanyabikorwa batandukanye muri bo ubwabo no mu bandi bigomba kumvikana. Ni cyo kimwe no:

a) Gusobanukirwa neza abafatanyabikorwa batandukanye n'uruhare rwabo.
b) Uburyo bwo gufata ibyemezo ku micungire;
c) Uburyo inzego z'imidugudu zifata ibyemezo;
d) Uburyo bigira aho bihurira n'izindi nzego. Urugero: uburenganzira buhuriweho bwo kuragira amatungo no kubona amazi.

**Kubaka icyizere:** Kubaka icyizere bifata igihe, kuko usanga mu cyaro abaturage badasobanukiwe na gahunda n'intego z'ababasura n'ibibashishikaje. Hatabayeho kwizerana no kubahana, ntibyashoboka ko bagira uruhare mu igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka rishingiye ku byifuzo bifatika. Kubera iyo mpamvu rishobora kudatanga umusaruro ushimishije.

**Ububasha:** Ni ishingiro ariko biragoye kubigeraho. Gusesengura isano ry'ububasha ku rwego rw'umudugudu byoroha iyo hariho icyizere mu baturage kandi nabo bakifitiye. Ni ngombwa kumva/gusobanukirwa uko ububasha bwuzuzanya kuko aribyo bitanga inzira kuri gahunda ishoboka. Isesengura mbonezamubano n'ububasha bifasha mu kumvikana no gufata ibyemezo.

**Gutegura gahunda**: Ibi bisaba gutumiza ibikoresho mu buryo buhoraho. Gahunda y'ibikorwa igomba kugenzurwa no kumvikanwaho n'abatuye umudugudu. Habaho amakuru menshi agomba guhurizwa hamwe. Amakarita ashobora gusubirwamo

hashingiwe ku biganiro byakurikiyeho. Ibiti by'ibibazo bigomba gushyira imbere ibibazo by'umudugudu, hamwe n'ibibazo byihariye ku mutungo kamere. Igiti cy'ibibazo cyihutisha itegurwa rya gahunda y'ibikorwa.

**Kugendera kuri gahunda:** Umudugudu ugira amakarita, imbonerahamwe n'amashusho. Hagomba gutegurwa umunsi umudugudu uzagaragarizaho gahunda zawo. Gushyira mu bikorwa ibyateganyijwe, nko gutera ibiti no kubungabunga ubutaka byerekana akamaro ka gahunda y'ibikorwa by'umudugudu. Gahunda y'ibikorwa ishobora kunozwa no kujyanishwa n'igihe uko ibintu bigenda bihinduka, kuko ibibazo bikemuka n'ibindi bivuka.

**Gukoresha uburyo buri wese agiramo uruhare:** Ibikoresho byifashishwa mu kugira uruhare nko gukora amakarita, ingendo zambukiranya ibice/ahantu, ni byo shingiro ry'ibiganiro bifasha abaturage kumva neza ibibazo byabo. Gukoresha isesengura mibereho bifasha umudugudu kumva neza ibibazo byawo by'imibereho n'amahirwe ahari.

**Imyitwarire myiza y'umufashamyumvire.**

Arangwa no:

a) Kuba ashoboye kuyobora neza abitabiriye amahugurwa bagoranye;
b) Kuba afite ubumenyi bwo gukoresha ibikoresho byo kwandika (flip chart);
c) Ahorana imvugo nziza;
d) Amenya gutega amatwi kandi akita ku byubaka;
e) Avuga n'ijwi ryumvikana, kandi asetsa/ashyiramo gutebya;
f) Yumva ibitekerezo bitandukanye no kubyakira uko biri - (nta gisubizo kibi n'ubwo hari ibiruta ibindi);
g) Kuba afite ubushobozi bwo gutanga incamake ku butumwa bw'ingenzi;
h) Ntiyiremereza/ aca bugufi akumva abandi.

**Dore bimwe mu bikubiye mu bufashamyumvire/kuyobora ibiganiro:**

a) Gushyiraho amabwiriza ngengamyitwarire asobanutse;
b) Kwicara mu buryo bw'uruziga kugirango abantu bose babe barebana;
c) Gukoresha impapuro (igitekerezo kimwe kuri buri rupapuro);
d) Gushushanya amashusho, amakarita;
e) Kuyobora ibiganiro by'itsinda rito;
f) Gukoresha imvugo yiyubashye;
g) Gukoresha amagambo "gukora" (urugero: gutera, gucukura, kwandika) - aho kuvuga "uburyo" (urugero: gukunda, kuganira);
h) Kudatinya abitabiriye amahugurwa no gukomeza kurebana na bo mu maso;
i) Guha buri wese amahirwe yo gutanga igitekerezo.

### 1.5. Uruhare n’akamaro byo gukoresha ikoranabuhanga rikoresha amakarita mu gutegura no gukurikirana ibikorwa

Intego z'iki gika ni:

a) Gusobanukirwa n'akamaro k’ikoranabuhanga rikoresha amakarita mu igenamigambi n'ibikorwa;
b) Kumenya neza ko abaturage n’imidugudu bashobora gukoresha amakarita mu igenamigambi no mu bikorwa; no
c) Kumenya ko ikarita ishobora kutaboneka mu bihe byose – icyo gihe hakoreshwa ikarita yashushanyijwe n’intoki ikazashyirwa mu ikoranabuhanga nyuma.

Amakarita ni igikoresho cy’ingenzi mu ikoranabuhanga ndangahantu n’uburyo bw’imikoranire n’abaturage. Bushingira ku:



Ishusho ya 3: Urugero rw’ikarita GIS igice cy’icyogogo cya Sebeya

a) aGukora ubusesenguzi ku rwego rw’icyogogo kinini, gutanga ikarita shingiro no gutanga amakuru agaragaza aho biri;
b) Gutanga ubufasha bukenewe mu igenamigambi n’ishyirwamu bikorwa aho bibera; no
c) Gushyira no kugaragaza mu buryo bw’ikoranabuhanga ibikorwa by’abaturage n’ubusesenguzi.

Ikoranabuhanga rikoresha amakarita rikenera ibikoresho byihariye, Igice cya III, Umugereka wa 2 usobanura ibyo bikoresho.

### 1.5.1. Uburyo bw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu hifashijwe ikoranabuhanga rikoresha amakarita.

Imbibi z'icyogogo gito ni ishingiro mu gufata ibyemezo ku mikoreshereze y'ubutaka n'amazi (Ishusho 3, 4). Ibi bisaba gusesengura itemba ry'amazi, inzira zayo, naho yerekeza. Itsinda rishinzwe ikoranabuhanga rikoresha amakarita rigendera ku mbibi z'icyogogo rigakora ikarita y' icyogogo gito noneho rigashyira hamwe imidugudu ihuriye ku bibazo bimwe by'amazi. Amakarita yo ku rwego rw'umudugudu, hashingiwe ku mbibi zisanzwe z'inzego z'ubuyobozi, ashobora gukorwa ku bw'igenamigambi rinoze ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu.



Ishusho 4: Urugero rw'ikarita

Uburyo bukomatanyije bwo Kubungabunga/ gusazura ibidukikije (ubutaka, amashyamba, amazi) n'umutungo kamere w'amazi bigirira akamaro abaturage n'ibidukikije muri rusange. Guhindura uburyo bw'imibereho no kuvugurura uburyo bw'imibanire no guhuza kw'ibinyabuzima/ibidukikije, hashobora kubaho igurana mu rwego rw'ibidukikije. Urugero: urwego rw'amashyamba yasazuwe rugira aho ruhurira n'ubuso buteganyirijwe mu buhinzi n'ibiti bivangwa n'imyaka. Ibigenderwaho mu mikoranire n'abaturage mu igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu bizakoresha inyungu ziri mu buryo busanzwe buriho bwo gukora amakarita agaragaza ibyogogo bikenewe kubungabungwa. Bufasha mu gufata imyanzuro mu kugaragaza ibikorwa bibyara umusaruro mwinshi. Aya makarita ayobora abaturage ahakwiye kujya ibikorwa bizakorwa; kandi agatanga amakuru ku buryo busanzwe buriho bwo gukora amakarita y'ibyogogo bikenewe kubungabungwa.

Mu gihe cyo gutegura igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu, abaturage bakoresha amakarita atangwa n'ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda. Ibiranga amazi/imigezi bihuzwa n'imbibi bigategurwa bigashyirwaho ibimenyetso. Amashusho/amafoto afasha abaturage kubona imiterere y'imidugudu yabo bigatuma hatangwa ibitekerezo by'ingenzi mu gushushanya/gukora ikarita ndangahantu.

Ikarita yerekana umudugudu mu mbibi zawo n'imidugudu iwukikije. Umudugudu ugashobora kumenya ibisubizo biwubereye no kubihuza n'iby'indi midugudu bihana imbibi. Ibi bitanga ibisubizo ku bidukikije byambukiranya imbibi kandi by'ingenzi mu kuvugurura igenamigambi ry'ibikorwa ry' ibyogogo bito. Ikarita ya buri mudugudu ihabwa izina ryihariye n'ikimenyetso cyayo (urugero: aho ubarizwa mu nzego z'ubuyobozi (Akarere, Umurenge n'Akagari), indanga cyerekezo amajyaruguru-amajyepfo, intera, n'imbonerahamwe irimo izina ry'umuyobozi w'umudugudu, n'amakuru yaguhuza na we.

### 1.5.2. Hakorwa iki mu gihe nta makarita ahari?

Hari ubwo amakarita ataboneka cyangwa ugasanga umushinga udafite ubushobozi buhagije n'ibikoresho bikenewe. Hakorwa iki iyo bimeze gutyo? Dore bimwe mu bitekerezo:

1. Hifashishwa Porogaramu ndangahantu ya murandasi mu gukora amakarita nk'aya; kuko nta yandi ahari;

2. Imidugudu ishobora gukomeza gukoresha amakarita ashushanyije n'intoki agakomeza kongerwamo amakuru ahagije bitewe n'igikenewe, nk'ibibazo, ubwoko bw'ibikorwa, aho bigomba gukorerwa, ibikenewe, no kugaragaza abafatanyabikorwa babishyira mu bikorwa. Bene aya makarita ashobora gushyirwa muri Porogaramu ndangahantu ya murandasi nyuma. Iri niryo shingiro rya gahunda y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu midugudu idafite ikoranabuhanga rikoresha amakarita kandi ishobora kwifashishwa mu kwishyura ndetse hakanabaho kugisha inama Ikigo cy'Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda, cyangwa ikigo gishinzwe igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka mu gihe amakarita ahari.

## 1.6. Uburyo bwo guhitamo ibikorwa ku mudugudu

*Intego z'iki gice ni:*

*a) Gusobanukirwa n'ibikorwa bigomba gushyirwa mu bikorwa n'ahantu bigomba gukorerwa mu mudugudu; no*


*b) Kumvikana ku rwego rw'umudugudu aho ibikorwa bigomba gukorerwa n'ugomba kubishyira mu bikorwa.*

Ibikorwa binyuranye byo ku rwego rw'umudugudu n'icyogogo gito birakenewe kugira ngo intego z'imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi zigerweho, birimo gusazura, imikoreshereze y'ubutaka irambye n'ishyirwamubikorwa ry'Imihigo. Ibikorwa bitandukanye bishyirwa mu byiciro (Imbonerahamwe ya 2) bitewe n'ubishyira mu bikorwa. N'ubwo bimeze gutyo, ibikorwa bitandukanye bishobora kugira icyo bihuriraho.

**Imbonerahamwe 2: Bimwe mu bikorwa by'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu n'inshingano z'ingenzi mu ishyirwamubikorwa.**

| Ubikora/ubishinzwe | Ibikorwa bitangiza ibidukikije | Imirimo yo kubungabunga ubutaka | Guhuza amasoko n'abaturage |
|---|---|---|---|
| Abaturage n'Imidugudu | -Gutera ibiti by' imbuto ziribwa | -Amaterasi yikora | Gutunganya umusaruro uva |

| | | | |
|---|---|---|---|
| (by'umwihariko ingo ziri mu byiciro C na D) | -Ibiti bivangwa n'imyaka<br>-Gusazura amashyamba<br>-Gusimbuza inturusu ibiti bivangwa n'imyaka<br>-Uturima tw'igikoni<br>-Ubworozi (Gira inka,ifumbire) | -Ubuhinzi bugezweho-ifumbire y'imborera<br>-Utugabanyamuvuduko duto<br>-Imirwanyasuri mu mashyamba (gufata amazi)<br>-Kubungabunga inkengero z'imigezi (uduti duto, ibiti, inkuta z'amabuye)<br>-Gusana ruhurura z' imihanda<br>-Gusana amasoko y'amazi | mu buhinzi ukagezwa ku isoko. |
| Amashyirahamwe y'abaturage n' Imiryango itegamiye na Leta | -Ubuhumbikiro z'imbuto ziribwa<br>-Ubuhumbikiro z'ibiti<br>-Kongera ubushobozi (mu gukora imborera, ubuhinzi butabangamiye ikirere, kuvanga imyaka) | -Kongera ubushobozi (imiterere y'amaterasi, utugabanyamuvuduko)<br>-Kufata amazi y'imvura<br>-Gutanga amashyiga aronderaza ibicanwa | -Kongera ubushobozi<br>-Guhuza amasoko no kongera agaciro |
| Rwiyemezamirimo | Ubuhumbikiro bunini bw'ibiti bivangwa n'imyaka n'ibiti by'imbuto ziribwa | -Utugabanyamuvuduko tunini<br>-Ingomero z'imigezi<br>-Ahanyura amazi ava mu mihanda n'indi mirimo<br>-Ibigega by'amazi | -Gushyiraho ikigo cy' imari iciriritse |




*Ishusho ya kabiri1: Uburyo bwo guhitamo ibikorwa ku mudugudu*

Inzego nyamukuru z'ishyirwamubikorwa ni urwego rw'umudugudu n'urw'abaturage cyane cyane ingo ziri mu byiciro bya C, D, n'icya E, nubwo bimwe mu bikorwa byaba bizashyirwa mu bikorwa n'imidugudu myinshi. Bimwe mu bikorwa bishobora gukorwa n' amashyirahamwe y'abaturage n'imiryango itegamiye kuri Leta. Urugero: gutanga ingemwe z'imbuto, kubaka ubushobozi. Ibikorwa binini byagutse bishyirwa mu bikorwa na ba rwiyemezmirimo, urugero nk'utugabanyamuvuduko tunini, ingomero.

Ibikorwa byinshi bigomba gukorwa n'abaturage mu mirima yabo. Ariko, niba urugo rudafite ubutaka (urugero Icyiciro E), abantu nk'abo bagomba gukora ibikorwa bigari by'umudugudu (urugero: gutera ibiti ku muhanda, kubungabunga imigezi, gusazura amashyamba). Mu gihe hari imirimo yo gutunganya umuhanda muri gahunda, iyo mirimo izakorwa ku bufatanye na gahunda y'Igihugu ishinzwe imihanda ifasha kugeza umusaruro ku isoko.

## 1.7. Ibikorwa bishyirwa mu ngiro n'abatuye mu mudugudu

*Intego z'iki gice ni:*

a) *Kumvikana ku bwoko bw'ibikorwa abaturage bazashyira mu bikorwa;*
b) *Kumvikana ku bikorwa bisaba ubufasha mu bya tekiniki kugirango bishyirwe mu bikorwa; na*
c) *Gusobanukirwa n'akamaro k'ishyiramubikorwa rikozwe n'abaturage ku mudugudu.*

Iki gice gitanga inama ku bikorwa bitandukanye bikorwa n'abaturage ubwabo, icyakora bashobora gukenera ubufasha bw'iyamamazabuhinzi. Icy'ingenzi

cyibandwaho ni igikorwa cy’umudugudu n’umuturage ugomba kubigira ibye hagaragazwa igikenewe gukorwa, aho gikorerwa ndetse n’ugomba kugikora. Ibi birimo:

1. **Gutera ibiti by’imbuto ziribwa:** Ni byiza gutera ibiti by’imbuto ziribwa hafi y’urugo nka kimwe mu bigize ubusitani bw’urugo. Ingemwe ziterwa zivanwa mu buhumbikiro bw’imbuto zitanga umusaruro mwiza (akenshi byabanguriwe). Ibi bishobora gukorwa n’ishyirahamwe ry’abaturage cyangwa se abacuruzi b’ingemwe zo mu buhumbikiro. Abaturage, cyane cyane abagore batera ibiti by’imbuto ziribwa bakanazitaho; nubwo umuhinzi ashobora gukenera ubufasha mu by’iyamamazabuhinzi mu guhitamo ubwoko bw’ibiti, kubitera no kubyitaho/kubikorera (kubyicira, gufumbira);

2. **Ibiti bivangwa n’imyaka:** Kuvanga ibiti n’imyaka bishobora kongera umusaruro w’umurima kandi ntibyangize ikirere. Bishobora gukorwa mu kugaragaza imbibi cyangwa ibiti biterwa ku materasi, bakanavanga ibiti n’imyaka isanzwe, amashyamba y’ibiti bicanwa. Gutoranya ubwoko bw’ibiti biterwa bisaba ubwitonzi, cyane cyane hakitonderwa ibiti bivangwa n’imyaka n’ibiti gakondo. Muri ubu buryo abaturage bagenda baca inturusu buhoro buhoro.

3. **Kubungabunga no gusazura amashyamba**: Hari uburyo bwinshi bwo gusazura amashyamba mato atanga inkwi, ku nkengero z’imigezi, ku misozi iri mu mudugudu n’ahantu hahanamye. Abaturage bagomba kugira uruhare mu kwemeza ibiti bigomba guterwa, aho biterwa n’impamvu yabyo. Ubufasha ku bukangurambaga/iyamamazabuhinzi buzamura ubumenyi ku kamaro k’ibiti gakondo.

4. **Amashyamba avamo ibicanwa**: Kubona ibicanwa birakenewe cyane. Abaturage benshi bagira amashyamba mato bakuramo ibicanwa mu mirima yabo. Ibiti nkenerwa cyane nibyo bikundwa kuko bigira inyungu nyinshi n’ubwo ikibandwaho ari ibicanwa. Amoko y’ibiti atandukanye agomba kuvangwa hakajyamo n’ibiti bivangwa n’imyaka. Inturusu ntizigomba guterwa mu ntera ya metero 5 uturutse ku rubibi rw’umurima kugira ngo zitabangamira imyaka/ibihingwa iri mu wundi murima wegereye.

5. **Gutera amashyamba ahantu hahanamye**: Ahantu hahanamye ntihagomba guhingwa. Ahantu nk’aho ni ingenzi kuri gahunda yo gutera no gusazura amashyamba, by’umwihariko gusazura amashyamba hibandwa ku kubungabunga ahari ibiti gakondo by’ingirakamaro. Gusazura bisaba ubufasha mu bya tekiniki mu buryo bikorwa mu gihe kubitera no kubyitaho (kuvomera/kuhira/kubagara) biri mu nshingano z’umudugudu (cyangwa imidugudu yifatanyije).

6. **Uturima tw’igikoni**: Uturima tw’igikoni ni ingenzi mu mbonezamirire, by’umwihariko imbuto n'imboga kandi ubusanzwe bikorwa n’abagore. Ubufasha mu by’iyamamazabuhinzi bushobora gukenerwa kugirango habeho kuvanga ibihingwa neza. Abagore mu busanzwe nibo bita kuri utwo turima ndetse ku musaruro utuvuyemo banasagurira isoko.

7. **Ubworozi (Gahunda ya Gira inka, ifumbire)**: Ahantu hagaragaye igikorwa cy'ubworozi, hagomba gushyirwa muri gahunda y'igihugu ya "Gira inka" kandi bigahinduka inshingano z'urwo rugo kuyitaho. Ubufasha mu bukangurambaga burakenerwa ku mikoreshereze myiza y'ifumbire y'imborera.

8. **Ifumbire y'imborera:** Ifumbire y'imborera ni ingenzi, ntihabwa agaciro nyamara yongera uburumbuke mu butaka bukamera neza. Ubu hakorwa ifumbire nke. Hakenewe ubukangurambaga ku kamaro k'ifumbire y'imborera, kuyikora no kuyikoresha. Gukora ifumbire ni inshingano y'abaturage.

9. **Amaterasi yikora n'amaterasi y'indinganire:** Gukora amaterasi bishyirwa mu bikorwa n'abaturage hamwe n'ubufasha n'inama z'umukozi w'Akarere n'itsinda ritanga ubufasha mu bya tekiniki. Iryo tsinda n'abakozi b'Akarere batanga ubujyanama ku bwoko bw'ibyatsi n'ibiti bigomba guterwa.

10. **Utugabanyamuvuduko duto**: Abaturage bashyira mu bikorwa ingamba zo kubungabunga ubutaka mu mikoki mito binyuze mu kubaka utugabanyamuvuduko tworoheje. Uburyo bwo kubaka utugabanyamuvuduko bukenera ubufasha n'inama buva ku bakozi b'Akarere n'itsinda rya tekiniki mu gutunganya umukoki wa mbere n'uwa kabiri– nyuma abaturage baba bashobora gukora icyo gikorwa ubwabo.

11. **Gukora imirwanyasuri mu mashyamba**: kugena imiterere y'imirwanyasuri ni inshingano z'abatekinisiye b'Akarere, mu gihe kuyicukura ari inshingano z'umudugudu.

12. **Kubungabunga inkombe z'umugezi:** Amabwiriza y'Igihugu agenga ibice birimo imigezi avuga ko intera ya metero 2.5 kuri buri nkombe ku migezi mito, metero 5 ku migezi iringaniye na metero 10 ku migezi minini igomba gusigara idahinzwe ahubwo hagenewe ibiti bifata ubutaka (ibiti gakondo ni byo byiza), uduti duto, ibyatsi n'imigano hanashyigikirwa n'inkuta z'amabuye uko bibaye ngombwa. Kubungabunga inkombe z'umugezi bishyirwa mu bikorwa n'umudugudu, nubwo kubaka inkuta z'amabuye bikenera ubufasha mu bya tekiniki.

13. **Inzira z'amazi y'umuhanda/ruhurura no kuzisana**: Imihanda n'inzira zayo z'amazi bikenera gusanwa cyangwa guterwaho ibiti ku nkengero. Ibikorwa nk'ibi bishyirwa mu bikorwa n'umudugudu (by'umwihariko bigakorwa n'abaturage bo mu cyiciro D na E) bafashijwe n'abakozi b'Akarere hamwe n'ubufasha mu bya tekiniki ndetse n'ubujyanama bwa gahunda y'Igihugu ishinzwe imihanda yo kugeza umusaruro ku isoko.

**14. Gusana amasoko y'amazi**: Hashobora kuba hari amasoko y'amazi mu mudugudu (cyangwa se no mu murima w'umuturage) yakenera gusanwa. Iyo mirimo nayo ni iy'umudugudu. Muri iki gice, ubunararibonye bwagaragaje ko gutunganya ayo masoko habanza gukorwa inyigo.

15. **Gutunganyiriza isoko umusaruro w'ubuhinzi:** Guhuza amasoko bikorwa hitawe ku bihingwa byahinzwe bigizwemo uruhare n'umushinga w'imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda n'indi mishinga. Ibi bituma ibicuruzwa byo mu gace runaka cyangwa akarere runaka (ndetse n'igihugu) bigira agaciro ku isoko ku rwego rw'ibanze cyangwa mu Karere (ndetse n'igihugu) bikongererwa agaciro aho bikomoka bikagira uruhare mu kuzamura imibereho myiza y'abaturage.

## 1.8. Imirimo minini ikorwa na ba rwiyemezamirimo binyuze mu ipiganwa

| Intego y'iki gika ni: |
|---|
| a) Gusobanukirwa ibikorwa bigomba gukorwa na ba rwiyemezamirimo |

Ibikorwa bimwe na bimwe, ntibishobora gushyirwa mu bikorwa n'abaturage ubwabo. Mu bikorwa bisaba 'inzobere' birimo nko gusana aho inkangu zacitse/imikoki minini, inkuta z'amabuye zifata inkengero z'imigezi. Iyi mirimo igomba gukorwa na ba rwiyemezamirimo binyuze mu ipiganwa. Hagati aho, abaturage bagira uruhare rwo gukora akazi aho bishoboka, bakabihemberwa bihwanye n'umubyizi wakozwe.

Urugero: rwiyemezamirimo ashobora gutanga igishushanyo/imiterere ku materasi cyangwa inzira/ruhurura z'amazi, noneho abaturage bahaturiye bagakora indi mirimo yose y'icyo gikorwa bafite ubugenzuzi.

**Imirimo ishobora gukorwa n'amashyirahamwe y'abaturage n'amiryango itegamiye kuri Leta ikubiyemo:**

- Gukora ubuhumbikiro bw'ibiti by'imbuto n'ibiti bisanzwe.
- Kongera ubushobozi bwo gukora ifumbire, ubuhinzi butabangamiye ikirere,
-Kuvanga ibihingwa; - Kongera ubushobozi ku miterere y'amaterasi yikora, utugabanyamuvuduko n'ibindi;
- Gutanga ibega bifata amazi y'imvura;
- Gutanga amatungo muri "gahunda ya gira inka" cyangwa icyo bihwanye;
- Gutanga amashyiga akoresha inkwi nkeya;
- Guhuza isoko no kongerera agaciro umusaruro, aho bikwiye.

Mu gihe ba rwiyemezamirimo n'abandi batanga serivisi bahabwa akazi binyuze mu buryo bwo gupiganirwa amasoko, bagakora imirimo ikurikira:

- Gukora ubuhumbikiro bunini bw'ibiti by'imbuto n'ibiti bisanzwe;
- Utugabanyamuvuduko tunini;
- Imirimo yo gukora amaterasi ari ku buso bunini;
- Kugomera imigezi n'inkuta z'amabuye;
- Bimwe mu bikorwa binini by'inzira z'amazi ava mu mihanda no kubisana, aho bigomba guhuzwa na gahunda y'igihugu ishinzwe imihanda yo kugeza umusaruro ku masoko;
- Kubaka ibigega by'amazi; no
- Gushyiraho ikigo cy'imari iciriritse, aho bikenewe, kugirango hazamurwe uruhererekane nyongeragaciro.

### 1.9. Guhererekanya amafaranga y' insimburamubyizi (kwishyura) ku mirimo yakozwe

*Intego z'iki gice ni ugusobanura:*

*a) Uburyo ikigo gishizwe umutungo kamere w'amazi mu Rwanda cyohereza amafaranga ku baturage bakoze imirimo.*
*b) Guhuza ibikorwa byakozwe n'amafaranga yishyuwe binyuze mu mucyo*

Kugirango uburyo bw'imikoraniranire n'abaturage bugere ku musaruro mwiza biterwa n'ubushobozi bwo gutanga ibikenewe byose no gutanga insimburamubyizi ku baturage babigizemo uruhare.

Itegeko ngenga rishya rya Minisitiri No 002/20/10 / TC ryo kuwa 19/05/2020 rishyiraho amabwiriza yerekeye amasoko ya Leta, ryerekana uko imikoreshereze y'imari mu mirimo ishyirwa mu bikorwa n'abaturage igenda. Umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda n'Ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda bategura uburyo bwiza bwo kunoza iyo mikorere kugirango ubu buryo bw'imikoranire n'abaturage bugire akamaro muri uyu mushinga ndetse n'iyindi. Ni yo mpamvu imbaraga zigomba kongerwa mu bukangurambaga bw'abaturage, igenamigambi, n' ishyirwamubikorwa.

Uburyo bwo kwishyura butangirana n'Ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda cyohereza amafaranga kuri konti z'abaturage muri SACCO. Kugirango ibi bigende neza, hari ibindi bikwiye gukorwa:

1. Hashingiwe ku ngengo y'imari yemejwe, Ikigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi mu Rwanda cyohereza binyuze muri Banki Nkuru y'igihugu amafaranga kuri Konti y'Akarere, Akarere kakishyura abaturage binyuze muri SACCO zabo; habarwa imirimo bakoze ku rwego rw'umudugudu;
2. Imicungire y' Amafaranga ahabwa abaturage mu bikorwa byo kubungabunga ibidukikije;
3. Umuyobozi w'umudugudu akora urutonde rw' abaturage bakoze ibikorwa bitandukanye (amazina, ubwoko n'umubare/ingano y'ibikorwa). Ibi byose bishingiye ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu Mudugudu;
4. Ikurikiranabikorwa rikozwe n'abaturage n'urwego rw'umudugudu, rikorwa hagendewe ku bihe bumvikanye. Ibi bikagenzurirwa ku rwego rw'Akagari (cyangwa Umurenge). Nyuma yaho iryo kurikiranabikorwa rigashyirwa mu *mihigo* ku rwego rw'Umudugudu n'Akarere;
5. Gutera inkunga gahunda y'ibikorwa y'imishinga mito yo kwiteza imbere itegurirwa mu bimina n'indi mishinga mito mito;
6. Umuyobozi w'umudugudu binyuze mu karere yohereza ku Kigo gishinzwe Umutungo kamere w'Amazi urutonde rw'abaturage n'umubare w'amafaranga agomba koherezwa kuri konti zabo muri SACCO hamwe n'incamake y'ibyakozwe. Uru rutonde rugomba kwemezwa ku rwego rw'Akagari, Umurenge n'Akarere mbere yo kwishyura; noneho;

7. Akarere kakabwira SACCO kohereza amafaranga yumvikanyweho kuri konti z'abaturage bakoze.


Imbonerahamwe ya 3 yerekana muri make iki gikorwa aho igaragaza abashinzwe ishyirwamubikorwa n’uko amafaranga yoherezwa. Ishusho ya 5 yerekana uko bikorwa kuva ku kigo gishinzwe umutungo kamere w’amazi mu Rwanda, uko abakozi bakenerwa bakurwa mu batuye mu mudugudu. Ingo ziri mu byiciro by’ubudehe D-E ni byo bishyira mu bikorwa imirimo yo ku rwego rw’Umudugudu, naho ingo zo mu byiciro B na C zikora imirimo yo mu mirima yabo. Ni byiza ko abagenzuzi (“abagapita”) bafite ubunararibonye baturuka mu mudugudu. Igice cya III umugereka wa 5, 6, 12-19 utanga ingero z’amakarita n’amafishi yifashishwa mu ishyirwamubikorwa no kwishyura abakoze.

### Imbonerahamwe ya 3: Incamake y'ibikorwa by'umudugudu n’uburyo bwo kwishyura

| **Uko amafaranga aturuka mu kigo gishinzwe Umutungo kamere w’Amazi mu Rwanda** | **Ishyirwamubikorwa no kwemeza igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu** |
|---|---|
| Uturere dusaba amafaranga Ikigo gishinzwe umutungo w’Amazi mu Rwanda hagendewe kuri gahunda y’umwaka yakozwe ishingiye ku Igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu. | Igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu ryakorewe ku mudugudu, rigaragaza ibikorwa, ingano yabyo n’aho bizakorerwa. Ibi bigaragazwa ku ikarita |
| | Ibikorwa by’igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu byemejwe gushyirwa mu bikorwa kuva ku rwego rw’umudugudu ku geza ku rw’Akarere bishobora kuba iby’umuntu ku giti cye cyangwa se umudugudu wose muri rusange |
| | Umudugudu wemeranya ku rutonde rw’abaturage bazagira imirimo runaka bakora, igihe bazabikorera ndetse n’ingano yibyo bazakora |
| Banki Nkuru y’Igihugu igeza amafaranga kuri konti z’uturere bisabwe n’Ikigigo gishinzwe umutungo w’Amazi mu Rwanda, natwo | Urutonde rw’abaturage n’imibyizi yabo byemezwa kuva ku rwego rw’umudugudu kugeza ku rw’Umurenge ndetse n’Akarere ariho haherwa hishyurwa. |
| | |

| | |
|---|---|
| tukayohereza | |

## Ishusho ya 5: Imikoreshereze y'amafaranga y'ishyirwa mu bikorwa ku mirimo n'ubwishyu byakozwe n'Akarere



### 1.10. Ikurikiranabikorwa no kwigira ku byakozwe

| |
|---|
| *Intego z'iki gice ni ugusobanura neza:*<br><br>*a) Uko uburyo bw'imikoranire n'abaturage bugenzurwa*<br>*b) Gushyigikira ubugenzuzi no kwigira ku byakozwe n'Umudugudu nabyo bigira uruhare mu kugenzura imihigo* |

Ikurikiranabikorwa rigizwemo uruhare n'abaturage, isuzumabikorwa no kwigira ku byakozwe ni ingenzi kuko ritanga:

a) Ubushobozi bwo gukurikirana ibyakozwe mu mirima no ku rwego rw'Umudugudu;
b) Ubushobozi mu ikurikiranabikorwa ry'*imihigo* y'umudugudu;
c) Byongera ubushobozi n'icyizere k'umuturage no mu mudugudu;
d) Uburambe bw'igihe kirekire kubera ko ishyirwamubikorwa babigezemo uruhare.

Ikurikiranabikorwa ni uburyo bw'ingenzi bwakoreshwa ku rwego rw'Akarere n'urw'igihugu. Mu mushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda, ubufasha mu bya tekiniki bufite inshingano zikomeye zo kugenzura no gukurikirana ibikorwa no kumenya neza ko ikurikiranabikorwa rikozwe n'umuhinzi n'umudugudu ariryo ryashyizwe imbere.

Abahuzabikorwa b'umushinga ku cyicaro cy'Akarere bakora ikurikiranabikorwa bagakora raporo y'ukwezi y'aho ibintu bigeze. Itsinda ry'ubufasha bwa tekiniki rikora ikarita y'imirimo yashyizwe mu bikorwa, bayigereranya n'iyakozwe n'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu bakoresheje ibipimo byemewe. Muri ubwo buryo ishyirwamubikorwa ryakorewe ubugenzuzi rirandikwa rigashyirwa ku ikarita bigatuma umushinga ushobora gukora amakarita buri gihembwe, hagaragazwa aho umushinga ugeze. Inzego z'igenzura zibanda kuri ibi bikurikira:

a) Igikorwa gishingiye ku muturage n'Umudugudu niyo mpamvu ari iby'ingenzi ku muhinzi n'Umudugudu kubigira ibyabo bikabatera kwigirira icyizere;
b) Ikurikiranabikorwa ryo ku rwego rwo hejuru ni ingenzi mu gushushanya/gukora amakarita hakoreshejwe ikoranabuhanga rikoresha amakarita, kumenya inshingano no gutanga insimburamubyizi ku mirimo yakozwe.

Ikurikiranabikorwa rikorwa mu gihe cyumvikanyweho n'abaturage ku mudugudu. Nyuma yo gusoza igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ribanza rikanashyirwa mu bikorwa, inama ya kabiri n'izizakurikira zisuzuma:

a) Umusaruro n'ikurikiranabikorwa hashingiwe ku byashyizwe mu bikorwa;
b) Amasomo abaturage bakuye mu byashyizwe mubikorwa,
c) Gusubira muri gahunda y'ibikorwa, uko bikenewe, hategurwa ibizashyirwa muri gahunda y'*imihigo* y'ubutaha. Ibi bikazakurikirwa n'icyiciro cya gatatu n'icya kane bigakomeza gutyo. Igice cya III, Umugereka wa 7 utanga imbonerahamwe y'icyitegererezo yuzuzwa hatekerejwe ku nama itaha y'igenamigambi ya gahunda y'igenamigambigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu. Inama nk'izo zongera ubushobozi bw'Umudugudu

mu ikurikiranabikorwa n'amahugurwa, hakiyongeraho kongera ubushobozi mu gukurikirana imikorere ku *mihigo* yabo. Ibyo byose biganisha ku burambe bw'igihe kirekire no kurushaho kwiyumva mu bikorwa nka nyir'ubwite.

Ikurikiranabikorwa rigenzurwa n'abayobozi b'Imidugudu (nka kimwe mu bigize *Imihigo*). Bikorwa na:

a) Umudugudu;
b) Itsinda ry'umushinga mu bya tekiniki
c) Itsinda rishinzwe gukurikirana/kugenzura *imihigo* ku rwego rw'Akarere.

Kugirango hashyigikirwe ikurikiranabikorwa n'amahugurwa komite y'umudugudu (ishingiye ku miterere y'*imihigo*) ishobora gushyirwaho cyangwa gukoreshwa (iyo hari indi bisa nka "Komite y'ikurikiranabikorwa ") isanzwe iriho. Iyo "Komite y'ikurikiranabikorwa" iba ishinzwe:

a) Korohereza abaturage n'Umudugudu kwigira mu ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu wabo, urugero, inama n'abaturage, hamwe abagabo n'abagore bari gukora ibikorwa;
b) Gukoresha amafishi mu gikorwa cy'amahugurwa (Igice cya III, Umugereka wa 7) mu gukora incamake y'ikurikiranabikorwa no kwiga kandi afasha Umudugudu kubika amakuru y'ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu wabo;
c) Kuba uburyo bwo gukora raporo y'ikurikiranabikorwa n'amahugurwa kuva mu mudugudu ukagera ku turere nk'ibigize i*mihigo*.
d) Gushyigikira muri rusange uburambe bw'igihe kirekire kugirango ishyirwamubikorwa ryakozwe risigasirwe kandi ryaguke aho bikenewe;
e) Kuba amaso n'amatwi y'Umudugudu n'abaturage

## 1.11. Umusozo

Imikoranire n’abaturage yuzuzanya na gahunda y’Igihugu yo kwegereza ubuyobozi abaturage, kandi *imihigo* ni uburyo bw’ingenzi. Ibigenderwaho ku mikoranire n’abaturage byibanda ku buryo bukomatanyije bwo kubungabunga umutungo w’amazi n’igenamigamabi ry’imikoreshereze y’ubutaka. Ariko kandi ishobora gukoreshwa no mu bindi nko kwita ku buhinzi n’ubworozi. Irumvikana kandi ntigoye kuyikoresha, yibanda ku igenamigambi ry’igihe kigufi, aho kuba kirekire. Ikibandwaho ni ukumvikana ku bikorwa by’ingenzi ibyemeranijweho bigashyirwa mu bikorwa.

Mu gihe igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu rya mbere rishobora gusa nk’aho ariryo ry’ingenzi cyane, ni ngombwa gushimangira ko ari icyiciro cyo gukora gahunda y’ibikorwa, ikurikiranabikorwa, kwiyungura ubumenyi, igenamigambi n’ibindi...Muri ubu buryo gahunda z’ibikorwa zishyigikira kandi zikanaba mu bigize gahunda y’*imihigo*. Niyo mpamvu atari gahunda ihita irangira ahubwo ni inkingi y’uburambe bw’igihe kirekire no kubigira ibyabo mu micungire myiza y’imisozi n’ibibaya. Uko kubigira ibyabo bishobora kugira imbaraga mu gihe imidugudu ifite kandi ishobora gutangiza igenamigambi ku mikoreshereze y’ubutaka mu midugudu yabo mu gihe gikwiye, kuko ibyo bakora bibatera ishema.

Ni iby’ingenzi kubona ibyo abaturage bigiraho mu bikorwa bategura, bakanabishyira mu bikorwa kandi bakanashyira mu nyandiko ibyo bagezeho bakazabisangiza abandi kuko:

a) Ni ibyabo mu mudugudu kandi barushaho gusobanukirwa uburyo ibikorwa nk'ibi biteza imbere imirimo y’ubuhinzi n’umusaruro ukiyongera.
b) Urufatiro rw’ibindi bikorwa no kunoza ibikorwa bisanzwe biriho;
c) Gushyigikira uburambe no kubigira ibyabo by’igihe kirekire;
d) Gutanga ibikoresho by'itumanaho kubw’ubukangurambaga n'imibanire rusange.

Imyigire nk’iyi ikorwa ivuye mu igenamigambi, ibikorwa no kubikurikirana, kwiyungura ubumenyi, kandi ishobora gutegurwa na komite nto ku rwego rw’Umudugudu bakoranye n’abaturage ibyizwe bikabikwa mu nyandiko.

Uburyo bw’imikoranire n’abaturage buba inkomoko kandi bugashimangira akamaro k’umuturage n’umudugudu mu gutegura no gushyira mu bikorwa, ibiteganyijwe gukorwa n’umushinga no kubigira ibye. Ikurikiranabikorwa no kwiyungera ubumenyi bikozwe n’umuturage ndetse n’umudugudu biha imbaraga uburyo bwo kongerera ubushobozi abaturage n’ububasha, nyuma bikagira uruhare k’uburambe bw’igihe kirekire no kugabanya kubeshwaho n’inkunga zo hanze. Ibigenderwaho mu gukorana n’abaturage bitanga amabwiriza ku buryo bw’imikoranire n’abaturage bishobora gushyirwa mu bikorwa n’aho igice cya II cyerekana uburyo abaturage bashobora guhuza no gutanga umusanzu muri politiki n’ibikorwa by’igihugu byatoranijwe.

Repubulika y'u Rwanda

Ikigo gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda

# IBIGENDERWAHO MU MIKORANIRE N'ABATURAGE

## IGICE CYA KABIRI: IBIGENDERWAHO MU MIKORANIRE N'ABATURAGE MU GUSHYIRA MU BIKORWA GAHUNDA ZA LETA KU MUDUGUDU



Kingdom of the Netherlands

IUCN

SNV

## IBIRIMO

*1. UBURYO BW'IMIKORANIRE N'ABATURAGE MU MICUNGIRE IKOMATANYIJE Y'UMUTUNGO KAMERE W'AMAZI MU KWESA IMIHIGO* ........................................3

*2. UKO IGENAMIGAMBI KU MIKORESHEREZE Y'UBUTAKA KU MUDUGUDU RIGIRA URUHARE MU IGENEMIGAMBI RY'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA KU RWEGO RW'IGIHUGU* ........................................5

*4. URUHARE RW'IBIGENDERWAHO MU MIKORANIRE N'ABATURAGE MU KUGABANYA UBUKENE NO KONGERERA UBUSHOBOZI ABATURAGE* ...............9

*5. UBURYO BW'IMIKORANIRE N'ABATURAGE BUGIRA URUHARE RUNINI MU KUGERA KU MBANZIRIZAMUSHINGA Y'ICYEREKEZO 2050*..................................15

*6. UKO UBURYO BW'IMIKORANIRE N'ABATURAGE BUGIRA URUHARE KU CYEREKEZO 2020 GAHUNDA-UMURENGE (VUP)* ....................................................18

## 1. UBURYO BW'IMIKORANIRE N'ABATURAGE MU MICUNGIRE IKOMATANYIJE Y'UMUTUNGO KAMERE W'AMAZI MU KWESA IMIHIGO

***Intego z'iki gice ni:***

*a) Gusobanukirwa uko ibikorwa by'umushinga bishobora kwinjizwa mu mihigo;*
*b) Kwemeranya ku bikorwa by'umushinga bizagira uruhare mu kweswa imihigo kuva ku rwego rw'Umudugudu kugeza ku rwego rw'Akarere*

Mu mihigo, abaturage bagaragaza ibikorwa babona ko byihutirwa kandi bakeneye kurusha ibindi. Abayobozi b'Imidugudu bakabishyikiriza Akagari, aho ibyifuzo byaturutse mu midugudu bihurizwa hamwe bigashyikirizwa urwego rw' Umurenge. Ku rwego rw'Umurenge ihuriro ry'ibikorwa by'iterambere rigahitamo rikananononsora ibitekerezo by'ibanze bityo bikazashyirwa mu bikorwa by'ibanze ku rwego rw'Igihugu.

Ibikorwa byihutirwa bihurizwa hamwe ku rwego rw'Akarere kandi bihuzwa n'amikoro ahari. Igice cya nyuma cy'ibikorwa biganirwaho hanyuma kikemezwa n'Inama Njyanama y'Akarere no ku rwego rw' igihugu. Ibi bigize ishingiro ryo gushyira mu bikorwa, kugenzura no gusuzuma, nabyo bikaba ishingiro ry'imikorere.

***Imihigo* ifite intego nyinshi zikomeye, zirimo:**

a) Kwihutisha ishyirwamubikorwa rya gahunda z'iterambere guhera ku mudugudu kugeza ku rwego rw'igihugu;

b) Gukora ku buryo abafatanyabikorwa bagira gahunda z'iterambere izabo;

c) Gushyigikira kubazwa inshingano no gukorera mu mucyo;

d) Guteza imbere imikorere ishingiye ku musaruro;

e) Gushishikariza kurushanwa mu bikorwa biteza abaturage imbere;

f) Kumenya neza uruhare na gahunda by'abafatanyabikorwa mu ishyirwaho ry'ingamba zinoze ndetse no kugenzura ishyirwamubikorwa ryazo;

g) Kwimakaza umuco w'isuzumabikorwa rihoraho.

Uburyo bw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu bushobora kugira uruhare rukomeye mu kugera ku ntego u Rwanda rwihaye.

Urugero:

a) Amazi meza mu miryango;

b) Gahunda ya Girinka munyarwanda;

c) Igice kimwe cy'abaturage bakennye (cyangwa bafite ubukene bukabije);

d) Ubutaka buhingwaho burwanyijeho isuri;

e) Kubona amazi meza yo kunywa;

f) Gukangurira abaturage gukora imirimo rusange (umuganda);

g) Abaturage bagaragaza ko bishimiye politiki yo kubegereza ubuyobozi.

Byongeye kandi, uburyo bw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu bushobora kongera ubushobozi ku rwego rw' Umudugudu ndetse na Leta mu gutegura gahunda y'imikoreshereze y'ubutaka n'ibikorwa, ndetse n'uburyo ibikorwa nk'ibi byakurikiranwa, bikanasuzumwa. Inzira zashyizweho kugirango gahunda z'ibikorwa zishobore gushyirwa mu bikorwa kandi inkunga itangwe ku gihe kandi biciye mu mucyo. Kugira iryo genamigambi, no kuba buri mudugudu ufite ikoranabuhanga rikoresha amakarita, ikarita yerekana aho ibibazo biri n'ibikorwa bikenewe, ni ingenzi mu kuzamura ubwitange (kwiyumva mu bikorwa) mu midugudu kandi uwo ni umusingi mwiza. Gahunda z'ibikorwa zihujwe no kwigira ku ishyirwa mu bikorwa bishobora gushyirwa hamwe mu *mihigo* nk'uburyo bw'ingenzi mu gusubiramo, n'ishyirwamubikorwa rirambye.



*Umugezi wa Sebeya ufitiye akamaro kanini abaturage b'Intara y'Iburengerazuba by'umwihariko mu buhinzi n'ubworozi, amashanyarazi, isuku n'isukura no gutanga amazi meza*

## 2. UKO IGENAMIGAMBI KU MIKORESHEREZE Y'UBUTAKA KU MUDUGUDU RIGIRA URUHARE MU IGENEMIGAMBI RY'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA KU RWEGO RW'IGIHUGU

***Intego z'iki gice ni:***

a) Gusobanukirwa akamaro k'igenamigambi ryagutse ku mikoreshereze y'ubutaka

b) Kugaragaza bimwe mu bigize uburyo bw'imikoranire n'abaturage byagira uruhare mu igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka ku rwego rw'ibanze n'urw'igihugu.

Nka kimwe mu bigize igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu amakarita akorewe mu ikoranabuhanga cyangwa ashushanyijwe n'intoki niyo agaragaza ibibazo n'ibikorwa byumvikanweho (ishusho ya 5 ,6 n'iya 7). Iri niryo shingiro ry'umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda. Ayo makarita anakoreshwa mu igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka.

1. Buri mudugudu ugira ikarita shingiro yawo ndetse n'ikarita y'ibikorwa kandi ayo makarita aboneka hifashishijwe ikoranabuhanga.

2. Amakarita y'umudugudu ahuzwa ku rwego rw'Akarere mu gukora ikarita shingiro y'Akarere igaragaza ibikorwa byose.

3. Amakarita ashobora guhuzwa n'icyogogo gito, n'ikinini ndetse n'izindi nzego zo mu karere.




U Rwanda rufite amabwiriza agenga igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka kandi zimwe mu ntego zayo ni uburyo bwiza bw'ingenzi ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu bwo gusangira ubunararibonye cyane cyane ko u Rwanda ruhora ruvugurura gahunda yarwo y'imikoreshereze n'amabwiriza agenga iby'ubutaka. Imbonerahamwe ya 5 yerekana zimwe mu ntego

zihuriweho na gahunda y'amabwiriza agenga imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda n'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu.

**Imbonerahamwe ya 5: Uko igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku mudugudu rigira uruhare mu igenemigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka ku rwego rw'igihugu**

| Intego z'amabwiriza agenga imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda | Uko umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda n'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu byagira uruhare mu kugera ku ntego z'iterambere rirambye n'izindi gahunda z'igihugu |
|---|---|
| 1. Guhuza uburyo bw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka n'uburyo bukoreshwa mu bikorwa by'iterambere bijyanye no gukoresha neza ubutaka. | 1. Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ni uburyo busanzwe kandi bwakoreshejwe mu midugudu 200 y'uturere 4. |
| 2. Kuyobora abashinzwe ubutaka, abashinzwe igenamigambi ry'imikoreshereze n'abakoresha ubutaka ku nzego zose | 2. Yibanda ku igenamingambi ku rwego rw'umudugudu kandi ikagirwamo uruhare |
| 3. Gukemura amakimbirane ashingiye ku mikoreshereze y'ubutaka ashobora kuvuka hagati y'ababukoresha. | 3. Kugaragaza amakimbirane ku rwego rw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu no gufata ingamba zo kuyakemura. |
| 4. Gushoboza abakoresha ubutaka by'umwihariko abashoramari kugira imyumvire imwe mu gushyira mu bikorwa politiki y'ubutaka ya Leta y'u Rwanda n'ingamba z'iterambere | 4. Bifasha kumenya uruhererekane nyongeragaciro n'amahirwe ahari ku bucuruzi mu mudugudu (Urugero: ubucuruzi bw' imbuto, ibikomoka ku mata n'ibihingwa bimwe na bimwe) |
| 5. Guteza imbere imicungire y'ubutaka irambye. | 5. Iyi ni intego nyamukuru y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu -Kunoza imicungire y'ubutaka, kongera umusaruro n'agaciro k'ibicuruzwa ku bahinzi n'imidugudu. |
| 6. Gutanga ibikoresho n'ingengo y'imari bikenewe bikoreshwa n'abakora igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka. | 6. Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu rishobora gukoreshwa mu buryo bwagutse. Umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda uzarikoresha mu midugudu 350 y'icyogogo cya SEBEYA - hakubiyemo n'ibikoresho n'amakarita byagizwemo uruhare. |
| 7.Kwirinda no kugabanya iyangirika | 7. Iyi ni intego nyamukuru y'umushinga |

| | |
|---|---|
| ry'ubutaka | ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda binyuze mu ishyirwamubikorwa ry'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu (amaterasi, ibiti bivangwa n'imyaka, ubuhinzi butangiza ikirere, kubungabunga imigezi, n'ibindi) |
| 8.Gucunga ibiza karemano n'ibyatewe n'abantu | 8.Gushyira mu bikorwa igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu bizagira uruhare mu kurwanya/kugabanya ibiza |
| *Muri rusange* igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu *ni igikorwa cyoroshye gukoresha ku turere n'imidugudu kandi kikagirwamo uruhare n'abaturage. Ibikorwa byose biteganywa bishyirwa, bikazanagenzurirwa ku ikarita*. Iri genamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu rishobora gushyirwa hamwe ku rwego rw'Akarere, urw'icyogogo gito n'ikinini. | |

Igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda rizafasha kugera ku mikoreshereze irambye y'ubutaka n'imicungire y'amazi. Ibi bizatuma habaho kwihaza mu biribwa, iterambere ry'imijyi riboneye no kubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima.


Kugira ngo u Rwanda rukomeze gukoresha umutungo kamere nta nkomyi rugomba kugira igenamigambi rirambye ku mikoreshereze y'ubutaka rutirengagije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi. Ibi bisaba uburyo bushya bw'igenamigambi ry'imijyi, imiturire mu cyaro n'ubuhinzi hagamijwe kwihaza mu biribwa no kurengera ibidukikije.

Izi ni zimwe mu mpamvu z'umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda kandi ubu buryo bwombi bugomba gukorana mu bwuzuzanye.

Gahunda y'ibikorwa isobanutse ku mikoreshereze y'ubutaka igomba kuba mu bigize igenamigambi ry'iterambere ry'Akarere hagamijwe guhuza ibikorwa ku rwego rw'umudugudu n'igihugu. Kwitabira ibikorwa ni ingenzi cyane mu igenamigambi ryiza ry'imikoreshereze y'ubutaka. Ibi nibyo igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu iharanira kugeraho. Umurimo w'inzobere ni ukoyobora abaturage mu bikorwa zibagezaho amakuru y'inyongera akenewe.

Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu rirushaho kongera inkunga y'abaturage, guhera ku mudugudu kugeza ku rwego rw'Akarere ndetse n'Igihugu, ikigamijwe aha ni ingamba nshya n'iterambere bibereye abaturage. Ibi bifasha abatuye Imidugudu mu gukemura ibibazo byabo cyane ko ari nabo baba babizi. Gushishikariza abaturage kugira ubufatanye n'abafatanyabikorwa bifasha kwihutisha iterambere no kugira imyumvire yagutse ku kamaro k'igenamigambi ryiza ndetse n'ishoramari.

Cyakora, urebye uburyo ishyirwa mu bikorwa ry'igenamigambi y'ubutaka mu mudugudu nkuko ryakoreshejwe mu mushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda usanga ritabasha gukemura ibibazo byose byerekeranye n'imikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu cyangwa se Akarere (urugero: ibigo by'amashuri, ibigo nderabuzima, igishushanyo mbonera cy'umudugudu cyangwa ahazubakwa ibikorwa remezo nk' imihanda, ibiraro binini n'ibindi). Ku rundi ruhande, igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ritanga umusingi ukomeye mu igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka bwagutse, ku bikenewe mu yindi midugudu n'uturere ndetse ibi bibagabanyiriza imvune bigatuma igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ziriho zigomba kubakirwaho.



## 4. URUHARE RW'IBIGENDERWAHO MU MIKORANIRE N'ABATURAGE MU KUGABANYA UBUKENE NO KONGERERA UBUSHOBOZI ABATURAGE

*Intego z'iki gice ni:*

*a) Gusobanukirwa uko umusaruro w'uburyo bw'imikoranire n'abaturage ugira uruhare muri gahunda za Leta n'Intego z'Iterambere rirambye mu kugabanya ubukene, no kuzamura imibereho y'abaturage*

*b) Kwemeranya uburyo bwiza bwo gukoresha ku rwego rw'Akarere n'Igihugu amakuru yaturutse mu buryo bw'imikoranire n'abaturage.*

Raporo y'igihugu y'abakorerabushake (2019) yahawe Umuryango w'Abibumbye ku ishyirwa mu bikorwa ry'Intego z'Iterambere rirambye, igaragaza ahantu h'ingenzi hagaragaje gutera imbere. U Rwanda rwita ku ntego z'iterambere rirambye (SDGs) iya 4,8,10,13,16 na 17 ku hantu hatanu hakwifashishwa mu kugaragaza uko umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda yagira uruhare kuri izo ntego uko ari 6 (reba imbonerahamwe ya 8).

Mu mpamvu zatumye u Rwanda rubigeraho twavuga:

a) Ubuyobozi bufite icyerekezo, imiyoborere inoze no kubahiriza inshingano;

b) Kwishakamo ibisubizo bisanzwe mu muco nyarwanda kandi bigira uruhare runini mu kwigira no kwihutisha iterambere.

c) Guhuriza hamwe Intego z'Iterambere rirambye n'igenamingambi ku rwego rw'igihugu n'uburyo bw'ikurikiranabikorwa.

Umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda urimo gukora ubushakashatsi bw'ibanze kandi bwagutse bugamije kwerekana uburyo umushinga ushobora kugira uruhare ku kigamijwe kugerwaho n'intego zitandukanye z'iterambere rirambye (Imbonerahamwe ya 6) n'imihigo (imbonerahamwe ya 9) ndetse no ku ikarita ya raporo yo muri 2018 igaragaza uko imibereho y'abaturage ihagaze (Imbonerahamwe ya 8). Imbonerahamwe 6-8 zitanga ibitekerezo by'ukuntu umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda utanga amakuru ku mikorere (raporo ku ntego z'iterambere rirambye, inkingi za gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere.

**Imbonerahamwe ya 6: Ibitekerezo ku kuntu umushinga wa Sebeya ushobora kugira uruhare mu kugera ku ntego z'iterambere rirambye (SDGs)**

| **Uruhare rwa Leta y'u Rwanda ku ishyirwamubikorwa ry'intego z'iterambere rirambye** | **Uruhare rw' ''Umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda'' mu kugera ku ntego z'iterambere rirambye** |
|---|---|
| **Iterambere ry'umuntu:** (*intego y'iterambere rirambye ya 4) "Uburezi budaheza kandi bungana no guteza imbere amahirwe yo kwiga kuri bose" uburezi zishingiye ku:*<br>(I) Kongera umubare w'amashuri y'incuke.<br>(ii) Kunoza ibyavuye mu masomo<br>(iii) Kunoza inyigisho zitangwa<br>(iv) Guteza imbere ubumenyi/siyansi, ikoranabuhanga no guhanga udushya.<br>(v) Gutanga amahirwe kuri bose hatirengagijwe abafite ibibazo byihariye.<br><br>Leta yashyizeho ingamba zihuriweho n'inzego zinyuranye mu guhashya ikibazo cy'imirire mibi mu bana bato. | ➢ Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu nk'uburyo bwo kwigisha no kongerera ubushobozi abantu bakuze.<br>➢ Abaturage biga gukora ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa<br>➢ Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu rifasha mu bikorwa byo kwigisha-kubungabunga ubutaka, kuvanga ibiti n'imyaka n'ibindi<br>➢ Umusanzu mu buhinzi bunoze no kongera imbuto mu kunoza imirire. |
| Ubwiyongere bw'ubukungu budaheza: Ku gice kingana na 43.5% cy'abaturage bafite imbaraga zo gukora, urubyiruko rufatwa nk'ingenzi mu iterambere, bisaba ubukungu kwihutisha guhanga imirimo. Gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere ifite intego yo guhanga imirimo itanga umusaruro igera kuri miliyoni 1.5 muri 2024. | ➢ Amwe mu matsinda y'urubyiruko n'abagore yatewe inkunga y'ibikoresho (nk'ingemwe, amashyiga ya kijyambere n'ibindi)<br>➢ Guhanga imirimo (akazi, ibiti by'imbuto ziribwa no kugurisha umusaruro)<br>➢ Agaciro n'ubwoko bw'ibicuruzwa bijya ku isoko n'uruhererekane nyongeragaciro<br>➢ Ikigereranyo cy'amafaranga yinjira mu muryango. |
| **Ibidukikije n'imihindagurikire y'ikirere:** U Rwanda rufite intego yo kuba igihugu gitoshye, kibungabunga ibidukikije kandi kirangwa n'ubukungu budahumanya ikirere mu 2050. Mu 2012 hashyizweho ikigega gitera inkunga imishinga ibungabunga ibidukikije (FONERWA) mu rwego rwo gukusanya amafaranga yo gushyigikira ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije. Politiki y'igihugu ishinzwe imicungire y'ibiza yaravuguruwe mu rwego rwo guhangana | ➢ Ikigero cy'ubuhinzi bugezweho bubungabunga urusobe rw'ibinyabuzima (amashyamba, uburyo butandukanye bw'imihingire, ibihingwa n'ibiti bidahungabanywa n'imihindagurikire y'ikirere )<br>➢ Ikigero cyo kubungabunga ubutaka, uburumbuke n'umusaruro w'ibihingwa |

| | |
|---|---|
| n'ibiza. | |
| **Imiyoborere myiza no guhabwa ubutabera:** Uruhare rw'abenegihugu no kwishakamo ibisubizo nk'*imihigo* n'*Umuganda* (abaturage bahurira hamwe kugira ngo bakore ibikorwa bifite inyungu rusange) byabaye urufunguzo rw'iterambere ry'u Rwanda. Udushya nk'ifishi/ikarita y'imiyoborere y'u Rwanda n'ifishi/ikarita ya raporo y'abaturage byazamuye uruhare rw'abaturage no kubazwa inshingano. | - Uko ingano y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu yahujwe n'imihigo.<br>-Ikigero cyo gushishikarira gutunganya ibikorwa rusange (Umuganda). urugero: imihanda, imigezi<br>-Uko uburyo bw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu bugira uruhare mu miyoborere yagutse. Urugero: Igenamigambi rigizwemo uruhare, kugira ibikorwa ibyabo, guhagararirwa no kubazwa inshingano |
| **Gushimangira uburyo bw'ishyira mu bikorwa ubufatanye ku rwego rw'isi n'amakuru ku ntego z'iterambere rirambye :** Imbaraga nyinshi zishyirwa mu gukusanya ubushobozi/amafaranga imbere mu gihugu , ubushishozi mu kwita ku myenda/amadeni n'ubukungu butajegajega. Kureshya/guhamagara abikorera ku giti cyabo gushora imari mu bikorwa by'ingenzi by'iterambere binyuze mu bufatanye bwa Leta n'abikorera ku giti cyabo nirwo rufunguzo rwo kugera ku Ntego z'Iterambere rirambye. | -Ubufatanye hagati y'inzego za Leta n'Abikorera. Urugero: gukora pepiniyeri z'ibiti, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, icyayi).<br>-Uruhererekane nyongeragaciro ruteye imbere ruhuza abaturage n'abikorera ku giti cyabo. |
| **Nta n'umwe usigaye inyuma:** Abagore, urubyiruko n'abafite ubumuga bahagarariwe mu nzego zose zifata ibyemezo. Umubare munini (61.3%) w'abagore mu Nteko Ishinga Amategeko, n'umubare ungana mu bagize Guverinoma. Abakene cyane baterwa inkunga binyuze muri gahunda za Leta zita ku mibereho myiza y'abaturage. | -Umubare w'abagore bagize uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa gahunda y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu bakabyungukiramo binyuze mu micungire inoze y'umutungo kamere w'icyogogo.<br>-Uruhare rw'umushinga mu kongera umutungo by'umwihariko ku bakene cyane (urugero: abatagira ubutaka, abibana) |

**Imbonerahamwe ya 7: Ihuriro ry'umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda n'inkingi za gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere**

| **Inkingi za gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda y'imyaka 7 yo kwihutisha iterambere** | **Iby'ibanze muri NST1** | **Intego z'iterambere rirambye** | **Ihuriro n' umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda** |
|---|---|---|---|
| Impinduka z'ubukungu | Guhanga imirimo ibyara inyungu miliyoni imwe n'igice (2024) | 8,1 | Imirimo ikwiye kandi ibyara inyungu n'imirimo idashingiye k'ubuhinzi itanga inyungu nyinshi |
| | Kwiyongera k'ubwizigame mu ngo. | 8, 17 | Kwizigamira muri EJO HEZA ku gihembo cy'imirimo bakoze gica muri SACCO |
| | Kuvugurura no gushyira imbere umusaruro mu buhinzi | 2, 1 | Kubungabunga ubutaka, ubuhinzi butangiza ikirere, uruhererekane nyongeragaciro (by'umwihariko imbuto). Gahunda ya Girinka. |
| | Imicungire irambye y'ibidukikije igamije y'ubukungu butangiza ibidukikije | 15, 8, 12 | Gusazura amashyamba (hitawe ku biti gakondo), kubungabunga ubutaka, n'imigezi ibingabubunzwe |
| Guhindura imibereho | Guhangana n'ingaruka z'imihindagrikire y'ibihe no kugabanya ubukene | 1, 10, 2 | Uburyo butangiza ikirere no kugira ibikorwa binyuranye |
| | Kugabanya imirire mibi | 2, 1 | Gutera ibiti by'imbuto ziribwa n'ubuhinzi bw'ibiribwa bitandukanye |
| Inkingi z'imiyoborere | Kongera ubushobozi, gutanga serivisi no kubahiriza inshingano | 16 | Uburyo bw'imitegurire y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu Mudugudu |
| | Kuzamura ubwitabire rw'abenegihugu n'uruhare rwabo | 16 | Uburyo bw'imitegurire y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu Mudugudu |

| | | | |
|---|---|---|---|
| | mu iterambere | | |
| Ibindi byiciro bikenewe | Ibidukikije n'imihindagurikire y'ikirere. | 12, 15 | Ikigero cy'ubuhinzi butangiza ikirere, harimo amaterasi n'ibiti bivangwa n'imyaka |
| | Ubumuga no kutagira uhezwa | 1, 10, 2, 3, 4, 8, 5 | Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ihuriza hamwe abafatanyabikorwa bose ku rwego rw'umudugudu |
| | Kongera ubushobozi | 4, 9 | Akamaro k'ingenzi k'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ni ukongera ubushobozi |
| | Uburinganire n'iterambere ry'umuryango | 5, 3, 8, 1. 10, 2, 4 | Ikigero cyo kureshya muri gahunda y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu |

**Icyitonderwa:** Igika cya 1-3 cyavuye muri Raporo ya Gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere, naho igika cya 4 cyita ku ruhare rw' umushinga ugamije imicungire ikomatanyije bishobora kugira uruhare mu gushyigikira izi nkingi za gahunda ya Guverinoma y'u Rwanda y'imyaka irindwi yo kwihutisha iterambere.

**Imbonerahamwe ya 8: Uburyo umushinga ugamije imicungire ikomatanyije igira uruhare ku ikarita ya raporo y'abaturage ya 2018 mu turere 4 umushinga ukoreramo.**

| **Ukunyurwa kw'imirenge** | **Akarere ka Rubavu** | **Akarere ka Rutsiro** | **Akarere ka Nyabihu** | **Akarere ka Ngororero** | **Uburyo umushinga ugamije imicungire ikomatanyije ushobora gutanga umusanzu mu mirenge** |
|---|---|---|---|---|---|
| Ubuhinzi | | | | | Kongera umusaruro w'ibihingwa; urugero rw'imicungire y'ubutaka inoze |
| Ubworozi | | | | | Uruhare muri gahunda ya "Girinka Mu nyarwanda" . |
| Ibikorwaremezo | | | | | Ingomero, |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| | | | | | utugabanyamuvuduko, amaterasi y'indinganire (ibikorwaremezo bibungabunga ibidukikije) |
| Ubutaka | | | | | Ubutaka butunganyije – ikigero runakaka n'ubwoko bw'amaterasi |
| Abikorera ku giti cyabo | | | | | Kongerera agaciro umusaruro, ndetse no kuwushakira amasoko |
| Uburezi | | | | | Amashuri yungukira ku mushinga – imibare n'ubwoko bw'inyungu/umusaruro |
| Ubuzima | | | | | Kongera imirire myiza – imbuto, ubuhinzi bw'ibiribwa bitandukanye, ubwiyongere bw'umusaruro |
| Isuku n'isukura | | | | | Ntabwo bibireba |
| Imibereho myiza | | | | | Ikigero cy'ingo ziri mu cyiciro cya 1 zitabwaho |
| Ibibazo by'umuryango n'uburinganire | | | | | Imibare igabanyije bijyanye n'igitsina mu igenamigambi, gushyira mu bikorwa no gutanga umusaruro |
| Ubuyobozi bw'ibanze | | | | | Ntabwo bibireba |
| Ubutabera | | | | | Ntabwo bibireba |
| Uburenganzira bwa muntu | | | | | Ntabwo bibireba |
| Umutekano | | | | | Ntabwo bibireba |
| Ubwitabire bw'abenegihugu | | | | | Umubare(abitabiriye) n'ikigero (umubare w'imidugudu) cy'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu |
| | | | | | |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| *Kunyurwa hejuru ya 75%* | | | | *Kunyurwa hagati ya 50-60%* |
| *Kunyurwa Hagati ya 60-75%* | | | | *Kunyurwa hagati ya 0-50%* |

**Icyitonderwa** : Igika cya 1-5 cyakuwe muri raporo y'igihugu yaturutse mu makarita y'abaturage yo mu 2018 mu gihe igika cya 6 cyita ku ruhare rw' umushinga ugamije imicungire ikomatanyije.

## 5. UBURYO BW'IMIKORANIRE N'ABATURAGE BUGIRA URUHARE RUNINI MU KUGERA KU MBANZIRIZAMUSHINGA Y'ICYEREKEZO 2050

Imbanzirizamushinga y'icyerekezo cy'u Rwanda 2050 yerekana ingamba z'icyerekezo cy'igihe kirekire ku "u Rwanda twifuza" n'inzira zifasha kugera kuri iki cyifuzo. U Rwanda rwifuza guhindura ubukungu bwarwo no guteza imbere ubuzima bw'abanyarwanda bose. Icyerekezo 2050 ni igenamigambi ry'ingenzi n'umurongo ngenderwaho w'iterambere ry'u Rwanda. Kwibanda ku iterambere ry'ubukungu ni ukubaka ubutunzi bw'abanyarwanda bose.

Kubakira ku bice aho u Rwanda rufite imbaraga z'ubukungu, igihugu kizakomeza guteza imbere gutunganya umusaruro ukomoka k'ubuhinzi, inganda, ubwubatsi. Inganda zitunganya ibiribwa zizubakwa imbere mu gihugu zishingiye ku bufatanye bukomeye hagati y'abahinzi n'inganda. Urwego rw'ubuhinzi ruzashyira imbere kongera umusaruro, guhangana n'imihindagurikire y'ikirere n'ibisabwa byo ku rwego rwo hejuru bihura n'ibyifuzo by'u Rwanda. Icyerekezo cy'ubuhinzi n'imikoreshereze y'ubutaka gikubiyemo ibi :

**Ubuhinzi bugezweho bugamije amasoko kandi butangiza ikirere :** Mu rwego rw'ivugurura rihamye muri iki gihe, hakenewe ubuhinzi bw'intangarugero. U Rwanda ruzahindura urwego rw'ubuhinzi kugira ngo rujyane n'ibisabwa ku isoko no guhuza iterambere ry'imijyi n'ubucuruzi. Agaciro k'ubuhinzi kongerewe kuri buri muhinzi kazakenera kwiyongera kugera ku nshuro zirenga 8 muri 2035, naho inshuro zirenga eshatu muri 2050 ku kigereranyo cy'ibihugu by'injiza amafaranga menshi. Hazifashishwa imirima mike mu cyaro ariko itanga umusaruro hakoreshejwe ubuhinzi bugezweho na tekiniki zinoze mu gukoresha ubutaka.

**Gukoresha ibikoresho bigezweho hamwe n'ikoranabuhanga mu rwego rwo kongera umusaruro :** Mu buhinzi, intego ni ukuzamura umusaruro no guteza imbere ubuhinzi bw'umwuga n'amahuriro anoze hagati y'umuhizi n'umuguzi k'ubuhinzi bw'ibanze.

Izi serivisi zizaba zirimo gutunganya no gukwirakwiza ifumbire, imbuto nziza, ikoranabuhanga mu kuhira, umusaruro ukomoka k'ubuhinzi utunganyijwe woherezwa ku masoko no muri hoteli. Guha imbaraga uburyo bwo kubona inguzanyo, uburenganzira k'ubutaka no gukorana n'amasoko bizaba ari ingenzi. Ubufatanye bw'inzego za Leta n'abikorera ku giti cyabo mu ruhererekane mu by'ubuhinzi buzafasha gufata umusaruro uva mu bahinzi b'abanyarwanda, kuwutunganya, no kuwugeza ku masoko mpuzamahanga. Igishushanyo mbonera cy'igihugu cy'imikoreshereze y'ubutaka kizagira uruhare rukomeye mu kuyobora aho ibikorwa by'ubunzi bikorerwa.

**Kongera uburyo bwo kubona imari mu buhinzi no kugabanya igihombo :** Abahinzi bo mu Rwanda bazabona ibikoresho byo kugabanya igihombo gikomoka ku ngaruka z'imihindagurike y'ikirere muri ubu buryo :

i. Ubwishingizi bwiza na serivisi z'imari n'ubundi buryo bwo kugabana igihombo n'ibikoresho by'ihererekanya,

ii. Kongera ubuhinzi bw'ibihingwa bitandukanye ku rwego rw'umuryango,

iii. Kunoza amakuru y'isoko no gushimangira uburyo bw'amasezerano yo guhinga,

iv.Imicungire y'ibigega by'imbuto yegerejwe abahinzi mu rwego rwo kurwanya izamuka ry'ibiciro by'ibiriwa ku isoko.

**Dore uko amafaranga ya Leta nayo azakoreshwa:**

i. Ubushobozi bwo guhanga udushya mu by'imari no kugabanya igihombo by'umwihariko bishingiye ku byangombwa umuhinzi w'umunyarwanda akenera,
ii. Gutera inkunga ubushakashatsi, kwagura ibikorwa, ibikorwaremezo no kongera agaciro k'ibicuruzwa

**Kwinjira mu buryo rusange bw'uruhererekane nyongeragaciro ku bicuruzwa bihenze:**
Mu kugaragaza urwego rw'ubwiyongere bw'amafaranga umunyarwanda yinjiza, abaturage bazajya barya indyo nziza ifite intungamubiri, byerekana amahitamo y'imirire ishingiye ku bwiyongere bw'imyinjirizee y'amafaranga mu mijyi.
Kugeza mu mwaka wa 2050 gahunda y'igihugu y'imirire igezweho izaba ijyanye n'ibyifuzo by'abaturage. Kunyuranya ibinyampeke n'ibihingwa bifite agaciro kanini, bizakurikiranwa cyane cyane kubera impamvu zo kubyohereza mu mahanga.

**Ubuyobozi bwegereye abaturage burushaho kubegereza serivisi:** Mu myaka ya mbere y'icyerekezo 2050, kwegereza ubuyobozi abaturage bizagerwaho mu buryo bwuzuye, bikazagira uruhare mu mitangire myiza ya serivisi, kwinjiza no guhanga imirimo ku rwego rw'ibanze. Iyi politiki igamije kugera ku mahame y'imiyoborere myiza binyuze mu guteza imbere uruhare rw'abaturage mu iterambere ryabo, guteza imbere uburyo bwo gutanga serivisi zegereye abaturage, no gushyiraho igenamigambi ry'abaturage mu iterambere n' ubukungu bw'ibanze. Kwegereza ubuyobozi abaturage byibanda ku miyoborere, itangwa rya serivisi, n'iterambere ry'ibanze, gukoresha neza imari ya Leta no kwegereza abaturage ubuyobozi. Icyerekezo cy'ingenzi ni ukwihutisha iterambere n'uburambe, hibandwa ku iterambere ry'ubukungu rijyanye n'igihe, imiyoborere mu kongera umusaruro, guhanga umurimo, kongera ubushobozi no gukomeza kunoza imitangire ya serivisi.

***Imihigo ikoreshwa mu kwisuzuma mu nzego zose:*** Ifasha mu gusuzuma umusaruro/imikorere ikanagaragaza inzego zikeneye kwitabwaho mu ngengo y'imari y'umwaka utaha. Ubu birimo kuba umuco mu bigo bya Leta, ibyigenga cyangwa imiryango itegamiye kuri Leta. *Imihigo* kandi yegerejwe abaturage ku rwego rw'umuryango/urugo hagamijwe ko abaturage bose bagira uruhare muri gahunda zose. Abakozi ba Leta bakoresha *imihigo*; kandi ibi byazamuye cyane imikorere myiza no gutanga serivisi nziza.
Ibigenderwaho ku buryo bw'imikoranire n'abaturage bishyigikira ishyirwa mu bikorwa ry'icyerekezo 2050 mu nzego nyinshi, harimo imikoreshereze y'ubutaka ishingiye ku mudugudu n'umuturage, igenamigambi ry'ibikorwa n'ishyirwa mu bikorwa, kunoza imikoreshereze y'ubutaka (amaterasi, ibiti bivangwa n'imyaka, uburumbuke bw'ubutaka); ubuhinzi bunyuranye (ibihingwa, amatungo); kunoza imikoreshereze y'ubutaka itangiza ikirere; kubungabunga (amashyamba n'ubwoko bw'ibimera cyimeza); no kugira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo. Imbonerahamwe ya 9 yerekana uburyo ibigenderwaho mu gukorana n'abaturage bigira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'icyerekezo 2050.

**Imbonerahamwe ya 9: uburyo ibigenderwaho mu gukorana n'abaturage bigira uruhare mu ishyirwa mu bikorwa ry'icyerekezo 2050**

| Ibikorwa by'ibanze by'icyerekezo 2050 | Uruhare rw'ibikorwa by'abaturage |
|---|---|
| 1) Ubuhinzi bugezweho bugamije amasoko kandi butangiza ikirere | ➢ Guhuza imikoreshereze y'ubutaka n'amazi<br>➢ Agahimbazamusyi ku mirimo yakozwe itanga amafaranga<br>➢ Bifasha gushyira mu bikorwa gahunda y'uburinganire<br>➢ Kwitabira ikurikiranabikorwa n'amahugurwa bigira uruhare mu burambe bw'ibikorwa |
| 2) Kuzamura imikoreshereze y'ibikoresho bigezweho n'ikoranabuhanga mu kongera umusaruro | ➢ Ubuhinzi butangiza ikirere - Ubwoko bw'ibihingwa bunyuranye, kuvanga ibiti n'imyaka, gukora amaterasi, uburumbuke bw'ubutaka |
| 3) Kongera uburyo bwo kubona imari mu buhinzi n'ubushobozi bwo kugabanya igihombo | ➢ Uburyo bw'imikoranire n'abaturage bugaragaza aho ibikorwa rusange bikenewe (imihanda, uburyo bwo kurinda icyogogo, amaterasi)<br>➢ Ibikorwa rusange bishyirwa mu bikorwa bishingiye ku mirimo yibanda cyane kubatagira ubutaka<br>➢ Ubuhinzi bugezweho n'uduhimbazamusyi bifasha mu kongera amikoro/ubushobozi |
| 4) Guhuriza hamwe muri rusange uruhererekane nyongeragaciro ku bikorwa bifite agaciro kanini | ➢ Guhuza abahinzi n'ibigo bitanga inguzanyo hitabwa ku bikorwa bimwe na bimwe byagagaraye urugero: ibiti by'imbuto ziribwa, ubworozi bw' inzuki, ubuhinzi bw'imboga<br>➢ Gushyigikira iterambere ry'uruhererekane nyongeragaciro |
| 5) Kwimakaza ubuyobozi bwegereye abaturage ndetse na serivisi | ➢ Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu Mudugudu nk'uburyo bworoshye bwo gukora igenamigambi ku rwego rw'umudugudu bituma umudugudu n'umuturage bagira gahunda y'ibikorwa iyabo.<br>➢ Kugira gahunda y'ibikorwa iyabo byongera ubushobozi kandi bigafasha mu burambe bw'ibyagezweho<br>➢ Kugaragaza ibigomba gukorwa, n'aho byakorerwa urugero (amaterasi, ibiti bivangwa n'imyaka, imikoki, gusana no gusazura), bituma abaturage babyiyumvamo bikaba ibyabo<br>➢ Guhuza imikoreshereze y'ubutaka n'amazi |
| 6) *Imihigo* ikoreshwa mu kwisuzuma ku nzego zose | ➢ Gahunda y'ibikorwa y'midugudu n'ibyogogo bito bishyirwa mu *mihigo*.<br>➢ Bifasha kuba umusingi w'ikurikiranabikorwa, isuzumabikorwa no kwiyungura ubumenyi. |

## 6. UKO UBURYO BW'IMIKORANIRE N'ABATURAGE BUGIRA URUHARE KU CYEREKEZO 2020 GAHUNDA-UMURENGE (VUP)

Icyerekezo 2020 -Umurenge (VUP) ni gahunda y'iterambere ry'ibanze rihuriweho mu kwihutsiha kurandura ubukene, iterambere ry'icyaro no kuzamura imibereho y'abaturage. Iyi gahunda iyobowe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ikaba ishyigikiwe/iterwa inkunga na Ministeri y'Imari n'Igenamigambi.

Icyerekezo 2020 -Umurenge (VUP) igendera ku mikorere ya gahunda yo kwegereza abaturage ubuyobozi kandi igenzura inkunga ya tekiniki n'imari mu rwego rwo kwihutisha gahunda yo kugabanya ubukene mu Rwanda. Ubunararibonye bwerekana ko ibikorwa bidahuriweho bidahagije mu kuzamura imibereho y'abaturage mu buryo burambye. Imwe mu mbogamizi zikomeye mu bikorwa bidahuriweho ni uko iyo mikorere itabasha gukemura ibibazo bibiri by'ubukungu aribyo "ingengo y'imari idahagije" n'uko "abantu bakunda akazi gahemba". Ibyo bituma habaho amahitamo. Iyo habayeho guhitiramo abaturage (urugero nk'igenamigambi ryakorewe mu rwego rwo hejuru) bigaragara ko abaturage badahabwa ibyo bakeneye, agahimbazamusyi karahindurwa ugasanga ari ugupfusha ubusa cyangwa gukoresha nabi amikoro. Ku rundi ruhande, iyo amahitamo akozwe n'abaturage (mu buryo bugizwemo uruhare), icyo gihombo kiragabanuka ariko nanone ugasanga agahimbazamusyi gatangwa kadahura n'ikigamijwe aricyo kurandura ubukene bukabije.

Bityo, Icyerekezo 2020-Umurenge (VUP), kiringaniza umurongo ngenderwaho w' ingenzi mu guhindura imibereho n'ubukungu hamwe n'uburyo bw'uruhare abaturage babigizemo kugirango bakoreshe neza amikoro make mu kugera ku iterambere rirambye. Icyerekezo 2020 -Umurenge (VUP) kigizwe n'ibice bitatu (Ishusho ya 8).

1. Kuvugurura ibikorwa rusange ukoresheje uburyo bushingiye ku baturage, kubaka ibikorwa bifitiye abaturage inyungu no gushyiraho ibikorwa remezo ku mirimo itari ubuhinzi. Mu ngero twavuga imicungire y'amabanga y'imisozi, gukora amaterasi, gufata amazi, kuhira, kubaka imihanda ifasha kugeza umusaruro ku isoko, n'ibindi.
2. Gukoresha ubushobozi buhari mu kurwanya ubukene bukabije no kwihutisha kwihangira indi mirimo itari ubuhinzi. Uburyo nk'ubu bukoresha neza amikoro make ahari, bukazanamo abikorera ku giti cyabo kandi bugaha abaturage imbaraga zo kugira ikindi bakora bashingiye ku gahimbazamusyi bahembwe. Ingero zirimo: inguzanyo zifasha guhinga ibihingwa binyuranye/ ubuhinzi bw'umwuga / ubworozi, guteza imbere ubumenyi butari ubuhinzi, kugura / kubaka inzu / ibikoresho by'ubucuruzi, nibindi.
3. Inkunga y'ako kanya mu kurushaho kwegereza abaturage serivise, no gutanga ku ngo z'abatagira ubutaka kandi badashobora no gukora ibikorwa rusange. Iyi nkunga ifasha mu buzima n'uburezi kandi igateza imbere ubumenyi ''shingiro" nk' ubukorikori, cyangwa ibikorwa by'imibereho myiza.

Iyo mikorere y'icyerekezo 2020 -Umurenge (VUP) yibanda kandi ku:

a) Guhanga imirimo idashingiye ku buhinzi;
b) Kwihutisha imikoreshereze y'ifaranga no kongera agaciro k'ifaranga, mu buryo burambye bw'igihe kirekire, no

c) Kwita ku mibereho y'abatishoboye, batagira ubutaka kandi batabasha gukora.

Biragaragara ko gushyira mu bikorwa ibigenderwaho ku buryo bw'imikoranire n'abaturage bigira uruhare runini mu gushyira mu bikorwa Icyerekezo 2020 - Umurenge (VUP) mu byogogo no mu duce ikoreramo; aha icyogogo cya Sebeya nicyo cyibandwaho. Imbonerahamwe ya 10 yerekana uko ishyirwa mu bikorwa ry'ibigenderwaho mu gukorana n'abaturage bishyigikira Icyerekezo 2020 - Umurenge (VUP).

**Imbonerahamwe ya 10: Uko ishyirwamubikorwa ry'ibigenderwaho mu gukorana n'abaturage bishyigikira Icyerekezo 2020 -Umurenge (VUP)**

| Ibigize Icyerekezo 2020 - Umurenge (VUP) | Uruhare ry'ibigenderwaho mu gukorana n'abaturage mu mudugudu |
|---|---|
| 1.Kuvugurura ibikorwa rusange bikozwe n'abaturage hashingiwe ku buryo bugizwemo uruhare mu kuzamura ubukungu bw'abaturage no guhanga imirimo idashingiye ku buhinzi | ➢ Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu nk'uburyo bworoshye bwo gukora igenamigambi ku rwego rw'umudugudu bituma umudugudu n'umuturage bagira gahunda y'ibikorwa iyabo.<br>➢ Kugira gahunda y'ibikorwa iyabo byongera ubushobozi kandi bigafasha mu burambe bw'ibyagezweho<br>➢ Kugaragaza ibigomba gukorwa, n'aho byakorerwa urugero (amaterasi , ibiti bivangwa n'imyaka, imikoki, gusana no gusazura), bituma abaturage babyiyumvamo bikaba ibyabo<br>➢ Guhuza imikoreshereze y'ubutaka n'amazi<br>➢ Agahimbazamusyi ku mirimo yakozwe itanga amafaranga<br>➢ Ubuhinzi bugezweho n'uduhimbazamusyi bifasha mu kongera amikoro/ubushobozi<br>➢ Bifasha gushyira mu bikorwa gahunda y'uburinganire<br>➢ Kwitabira imirimo y'ikurikiranabikorwa n'amahugurwa bitera uburambe ku byakozwe |
| 2. Inkunga yo guhanga udushya mu guhashya ubukene bukabije, no guteza imbere kwihangira imirimo cyane cyane idashingiye ku buhinzi. | ➢ Guhuza abahinzi n'ibigo bitanga inguzanyo hitabwa ku bikorwa bimwe na bimwe byagagaraye urugero: ibiti by'imbuto ziribwa, ubworozi bw' inzuki, ubuhinzi bw'imboga<br>➢ Gushyigikira iterambere ry'uruhererekane nyongeragaciro |
| 3. Inkunga y'ako kanya yo kunoza serivisi z'imibereho zihabwa imiryango idafite ubutaka n'ubushobozi bwo | ➢ Uburyo bw'imikoranire n'abaturage bugaragaza aho imirimo rusange ikenewe urugero, (imihanda, kubungabunga icyogogo, amaterasi)<br>➢ Imirimo rusange ishyirwa mu bikorwa ishingiye |

| | |
|---|---|
| gukora imirimo rusange. | k'umusaruro hibandwa kubatagira ubutaka |

**Imbonerahamwe ya 11: Ibice bigize umushinga, inyungu zituruka ahandi, n'ahantu hakeneye impinduka mu buryo bwiza.**

| Ibice bigize umushinga ("Ikigamijwe") | Izindi nyungu ("ziturutse ahandi") | Ahantu hakeneye impinduka mu burwo bwiza ("Kwita ku mpinduka") |
|---|---|---|
| **Ibikorwa rusange** | Uburyo bwo guhanga imirimo itari iy'ubuhinzi | Gufasha ubuyobozi bw'ibanze guhuza imirimo y'ishyirwa mubikorwa ry'ingamba za minisiteri |
| **Inkunga nguzanyo** | Ubukungu bushingiye ku gaciro k'ifaranga | Gukwirakwiza igitekerezo ku bwuzuzanye bwa serivise mu nzego za minisiteri |
| **Inkunga itaziguye** | Akamaro ko kwita ku mibereho y'abaturage | Guhindura imyumvire ku bikorwa bya gahunda zo kugabanya ubukene mu nzego za minisiteri mu Rwanda |

**Repubulika y'u Rwanda**
**Ikigo gishinzwe Umutungo Kamere w'Amazi mu Rwanda**

# IBIGENDERWAHO MU MIKORANIRE N'ABATURAGE

## IGICE CYA GATATU: INYANDIKONGERO N'IMIGEREKA



Kingdom of the Netherlands

IUCN

SNV

## IBIRIMO


Intangiriro ku nyandikongero n'imigereka ........ 3

Umugereka wa 1: Ibisobanuro birambuye ku buryo bw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ........ 3

Umugereka wa 2: Ibikoresho by'ikoranabuhanga rikoresha amakarita bizakenerwa ........ 6

Umugereka wa 3: Bumwe mu bwoko bw'ibyatsi n'ibiti bikoreshwa mu buryo butandukanye. ........ 8

Umugereka wa 4: Indangabihe y'ishyirwamubikorwa ry' igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ........ 11

Umugereka wa 5: Inyandiko y'incamake ku mirimo yakozwe mu mudugudu ........ 13

Umugereka wa 6: Ibikorwa n'ingano yabyo ........ 14

Umugereka wa 7: Raporo y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu mu buryo buciriritse ........ 16

Umugereka wa 8: Imiterere ya raporo y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu buhanitse ........ 18

Umugereka wa 9: Gushyiraho gahunda z'ibikorwa ku rwego rw'icyogogo zishingiye ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu n'uburyo bw'imikoranire n'abaturage ........ 19

Umugereka wa 10: Uruhare mu gushyiraho gahunda z'ibikorwa ku rwego rw'icyogogo zishingiye ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ........ 21

Umugereka wa 11: Inshingano z'umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda kuva ku mudugudu kugeza ku rwego rw'Akarere ........ 23

Umugereka wa 12: Igipande kigaragaza imibyizi yakozwe ........ 28

Umugereka wa 13: Inyandiko igaragaza uko umushinga urimo gushyirwa mu bikorwa ........ 29

Umugereka wa 14: Inyandikongero igaragaza abahawe akazi ........ 30

Umugereka wa 15: Raporo y'imikorere ya buri munsi na buri cyumweru ........ 31

Umugereka wa 16: Raporo ya buri kwezi igaragaza ibyakozwe ........ 32

Umugereka wa 17: Raporo igaragaza imibyizi umuturage yakoze ........ 34

Umugereka wa 18: Listi y'uko agahimbazamusyi katanzwe ........ 35

## Intangiriro ku nyandikongero n'imigereka

Umugereka ugaragaza amafishi n'amakarita ya raporo ashobora guhuzwa agakoreshwa mu mushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda n'indi mishinga. Ibi bizafasha abaturage n'Imidugudu kugera ku ntego n'umusaruro w'ibikorwa byateguwe kandi byatangiye gukorwa.

## Umugereka wa 1: Ibisobanuro birambuye ku buryo bw'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu


Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ikomatanya igenamigambi, ishyirwamubikorwa no kwigira kubyagezweho kugirango hanozwe igenamigambi n'ishyirwamubikorwa byo mu gihe kizaza. Abaturage bashyirwa mubyiciro byo kumenya gutegura ibikorwa, kubishyira mu bikorwa, kwigira kubyagezweho, bakongera bagategura irindi genamigambi. Igenamigambi ku mikoreshereje y'ubutaka ku mudugudu akenshi ikoresha uburyo butandukanye mu kugaragaza:

1. Ikibazo gikomeye (urugero: Imbogamizi z'imiterere y'imisozi n'ibibaya);

2. Abantu (urugero: abaturage ntibazi aho bahera, urugero: isuri no gukora amaterasi);

3. Igikorwa kirimo abantu bafite imyumvire itandukanye (urugero: abagore n'abagabo)

4. Ibihe bishobora guhinduka (urugero: kugabanuka k'uburumbuke, kwiyongera kw'imyuzure)




Iyi mikorere yifashishwa mu cyogogo cya Sebeya ndetse no mu bindi byogogo. Abafatanyabikorwa batandukanye bahuriza hamwe ibitekerezo byagutse bikagenderwaho mu igenenamigambi n'ibikorwa. Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ritanga uburyo bworoshye bw'iteganyamigambi n'ishyirwa mu bikorwa, uko bikurikiranwa ndetse n'uko ababikora babikuramo ubumenyi bwinshi, buzabafasha mu zindi gahunda. Kwiga ku birimo gukorwa. Ibi bifite akamaro ku byogogo byo mu Rwanda:

a) Igenamigambi no kwigira ku byakozwe bifasha gukemura ibibazo bikomeye mu nzego zose z'igenamigambi, ishyirwa mu bikorwa, ikurikiranabikorwa ,kwigira ku byakozwe bizafasha kunoza gahunda z'ubutaha.
b) Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ryibanda ku bikorwa bigamije kunoza imikoreshereze y'ubutaka, gusazura, kubungabunga ubutaka n'amazi. Ni uburyo bw'ingenzi mu gutegura imikoreshereze y'ubutaka kandi bugira uruhare mu kugabanya ubukene.
c) Iyo biteguwe neza, ibyiciro by'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu bigira akamaro kanini mu ikurikiranabikorwa no kwigira ku byagezweho n'isuzumabikorwa
d) Amasomo n'ibitekerezo bivuyemo bisangizwa abandi

**Uko ingengabihe ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu bishingiye kuri gahunda y'ibikorwa mu byogogo bito iteye:**

| Igikorwa | | Ugikora | Igihe kimara | Ibitekerezo n'umusaruro byitezwe |
|---|---|---|---|---|
| **Umunsi wa 1: Gusura ahabera igikorwa** | | | | |
| Gusura icyogogo hagamijwe gusobanukirwa icyogogo no gutegura ahabera inama y'abaturage | | Abayobora/ abafashamyumvire b'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu Mudugudu | Mu gitondo na nyuma ya sita | Kugaragaza ibikorwa by'ingenzi bwangiritse bikeneye gusanwa |
| **Umunsi wa 2 & 3: Inama y 'abaturage n'itsinda rya 1 n'irya 2 ry'imidugudu guhera saa 14h:00 kugeza saa 16h:00** | | | | |
| Ijambo ry'ikaze | | Umuyobozi w'Umurenge cyangwa Akagari | Iminota 5 | Abaturage bumva neza akamaro k'umushinga, ibyo bawutegerejeho n'uruhare rwabo muri rusange |
| Intangiriro, ikigamijwe n' igikorwa/imikorere | | Umuyobozi w'itsinda rikora igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu | Iminota 10 | Abaturage basobanukiwe imikorere n'umusaruro witezwe nyuma y'inama |
| Gusesengura ibibazo n'ibisubizo bishoboka (ibibazo, impamvu, ingaruka) | | Inama ihuje abaturage bose iyobowe n'umufashamyumvire, umuturage umwe akandika ibivamo | Iminota 20 | Abaturage basabwe kugaragaza ibibazo by'ingenzi, impamvu zibitera ndetse n'ibisubizo byagaragaye mu gihe cy'igikorwa cyigenamigambi ry'icyogogo gito no gutanga amakuru mashya igihe bibaye ngombwa |
| Itsinda rikorera muri buri Mudugudu mu rwego rwo kumvikana ku bikorwa by' Umudugudu n'igikwiye gukorwa na gahunda y'ibikorwa by'icyogogo gito mu midugudu yabo | | Abitabiriye muri buri Mudugudu | Iminota 60 | Abafashamyumvire 2 cyangwa 3 bayobora ibiganiro muri buri mudugudu bijyanye n'uburemere bw'ibibazo. Umwe mu bitabiriye afasha mu kwandika Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | | | mudugudu ayobowe n'umufashamyumvire n'abitabiriye. Bifashisha ifishi y' umugereka wa 2 |
| Ibiganiro birambuye kubyo buri Mudugudu wabonye | | Umunyamabanga n'itsinda | Iminota 15 | Buri munyamabanga w'Umudugudu atanga raporo ku myanzuro y'ingenzi y'inama, abaturage bemeza ibyavuye mu midugudu yose. |
| Umwanzuro n'icyakorwa | | Umuyobozi w'itsinda ry'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu n'umunyamabanga nshingwabikorwa w'Umurenge | Iminota 10 | Umuyobozi w'itsinda ry'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ashimira abaturage; akanatangaza itangira ry'ibikorwa. Umunyamabanga nshingwabikorwa asoza inama |
| **Umunsi wa 4: Gukusanya amakuru y'inyongera no gutangira gukora raporo y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu** | | | | |

## Umugereka wa 2: Ibikoresho by'ikoranabuhanga rikoresha amakarita bizakenerwa

**1.** Hakenewe mudasobwa igezweho mu bwoko bwa (HP cg Dell) ifite 1.6GHz cyangwa iyisumbuyeho.

**2.** Amashusho n'ibindi bikoresho byifashisha ikoranabuhanga ry'ibyogajuru**3.** Ahantu hisanzuye ho kwandikira

**4.** Amakaramu y'amabara atandukanye

**5.** Imashini ifotora amakarita

**6.** Mudasobwa zihuta cyane

**7:** Ububiko bw'amakarita

**8.** Utubati tubikwamo ibikoresho

### Imikorere y'ikoranabuhanga rikoresha amakarita: Imirimo ikorerwa aho ibikorwa biri kubera no mu biro

#### Akazi gakorerwa aho ibikorwa biri kubera:

a**)** Itsinda ry'ikoranabuhanga rikoresha amakarita ritegura amakarita yose azakoreshwa mu cyogogo hifashishijwe amakuru yose yafashwe.

b) Itsinda ry’ikoranabuhanga ritanga amakuru hifashishijwe amashusho mu by’ikirere ritegura amakarita n’ibijyana nayo (kode, amazina) ahakorerwa imirimo mu kagari cyangwa Umurenge.

c) Impuguke mu ikoranabuhanga zitanga amakuru hifashishijwe amashusho mu by’ikirere ifatanije n’umuyobozi w'itsinda bayobora itsinda mu midugudu yumvikanyweho. Akenshi Imidugudu 5-6 ihurira hamwe ikaganira ku bibazo rusange by' ubutaka hagatangira gukorwa ikarita.

d) Nyuma y'uko abaturage mu mudugudu runaka batangiye igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka, impuguke mu ikoranabuhanaga rikoresha amakarita ifasha mu makuru ashyirwa ku ikarita (ibirango, ubutumburuke, icyerekezo).
Nyuma y'ibi, impuguke yemerera abatuye Umudugudu gushushanya ikarita yabo kandi igafasha itanga ubusobanuro bwose bukenewe. Muri buri kinyampande abaturage bashushanyije, bandikamo impine y’ibikorwa.

e)Iyo igenamigambi risojwe, hagaragazwa ahantu 3 cyangwa 4 h’igenzura hagasurwa hagafatwa ibipimo by’ikoranabuhanga nyoboranzira/ndangacyerekezo ngendanwa .

f) Impuguke yemezako urupapuro rw'amakuru rwujujwe neza, ko rugaragaza amazina ye, aho abarizwa, n’amakuru yo ku hantu h’igenzura atangwa n’ikoranabuhanga nyoboranzira/ndangacyerekezo ngendanwa. Noneho impuguke zikabika ikarita ahatavirwa.

g) Impuguke mu ikoranabuhanga rikoresha amakarita isuzuma amakarita yose mu buryo bw’ifoto, ikagaragaza kode n’amazina y’Imidugudu bizifashishwa mu igenzura.

## Akazi ko mu biro

a) Umuyobozi w’ikoranabuhanga rikoresha amakarita yemezako bafite mudasobwa zikenewe kubw’amashusho. Umukozi w’Ikigo cy’Igihugu cy’Ibarurishamibare atanga ubufasha bwa tekinike ku mikoreshereze ya murandasi.

b. Umuyobozi w'itsinda ry’ikoranabuhanga rikoresha amakarita ashyira impuguke mu midugudu kugirango amakuru yose ashyirwe muri mudasobwa.


5. Ingingo n'ingero ku kuyobora igikorwa cy'amahugurwa ku rwego rw'Umudugudu 18

Umugereka 1: Intego 12 z'ibibazo bifunguye no gusubiza neza ........ 20

*A. Kuki habazwa "ibibazo bifunguye? Intego 12 ........ 20*

*B. Uburyo bwo gusubiza neza ........ 21*

# INCAMAKE

Abagore n'abagabo batuye mu mudugudu bigira ku bikorwa bategura bakanashyira mu bikorwa bahuriza hamwe ibitekerezo bitandukanye bigatuma habaho imyumvire imwe ihuriweho ku gikorwa cyateganyijwe. Birumvikana ko abaturage bo mu cyaro bigira ku bunararibonye bakura mu micungire y'ubutaka bahereye ku mirima yabo. Byongeye kandi bibongerera ubushobozi bwo kwigira ku bikorwa, gukora iteganyabikorwa no kurishyira mu bikorwa. Ibi ni ingirakamaro cyane kuko bishimangira uburambe bw'ibikorwa na nyuma yo gusoza umushinga. Iyo myigire ituma habaho igikorwa kizabazo igihe kirekire. Impinduka nziza mu mibanire no mu ishyirwamubikorwa bigaragara ko aribyo bimara igihe kirekire kurusha igihe umushinga wamaze. Amahugurwa ahoraho afasha abaturage bafite ibitekerezo bitandukanye ku iterambere; bakamenya uko impinduka ku iterambere ryabo zigomba kuba zimeze.

Ibigenderwaho ku mikoranire n'abaturage byorohereza abaturage mu kwiga ku bikorwa no kongera ubushobozi bwabo mu cyaro mu buryo bakora igenamigambi, ishyirwamubikorwa, kugenzura no kwiyungura ubumenyi bityo bigashyirwa mu *mihigo* y'Umudugudu. Ibi bizashyigikira uko umushinga wo kubungabunga icyogogo cya Sebeya ugenzura iterambere n'ishyirwamubikorwa; bishyireho uburyo bworohera abatuye umudugudu (abagabo n'abagore) bwo kwigira ku bikorwa/imishinga baba bateguye ubwabo; habeho inyandiko yoroshye yo gukoresha mu myigire, bibe n'uburyo bugaragaza imikorere (imibyizi). Ibi bizongerera ubushobozi imidugudu bwo kwikorera igenzura n'amahugurwa ku rwego rw'umushinga wo kubungabunga icyogogo cya Sebeya n' ibikorwa by'*Imihigo* by'igihe kirekire.

Kuyobora amahugurwa bisaba ubuhanga n'ibitekerezo bitandukanye mu gutegura ibibazo umuntu azabaza kugirango kwiga ku bikorwa bigende neza. Imirongo ngenderwaho k'uburyo bw'imikoranire n'abaturage itanga ingamba zakwifashishwa mu kwandika ibibazo by'imyigire/amahugurwa. Bashishikarizwa gukoresha tekiniki zo kubaza kugirango basuzume ibyo bize. Ni byiza ko itsinda ry'abaturage ryiga mu gihe kuva ku isaha kugeza kuri abiri. Byaterwa n'igihe abaturage bafite n'inyungu babibonamo. Hashobora kubaho bitunguranye umubare w'abagabo ungana n'uw'abagore – kuko baba bari mu matsinda abiri ashingiye ku ihame ry'uburinganire. Amabwiriza atanga amakuru ahagije ku buryo bwo gutegura no kwandika inyigisho kugirango abaturage nabo bitegure ku giti cyabo kandi batange amakuru yakwifashishwa ku rindi teganyamigambi n'umushinga.

## 1. Amahugurwa ku rwego rw'Umudugudu – Urufunguzo k' uburambe bw'ibikorwa.

Kenshi ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa biturutse hejuru ntibiba byiza mu mahugurwa y'abaturage. Ubwo buryo bushobora kugora abaturage ku ngingo z'ingenzi. Ariko imyigire itangiriye hasi ikazamuka ifasha kunoza ishyirwamubikorwa n'uburambe bwabyo. Kugirango habeho iterambere no kubungabungwa kw'ibikorwa bigizwemo uruhare n'abaturage, hagomba kubaho amahugurwa/kwiga ahamye mu mudugudu. Buri gihe ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa bikozwe n'abaterankunga ntibifasha mu myigire y'abaturage ndetse nta bushobozi bwiyongera kubw'iterambere rirambye. Bibanda ku bipimo by'umushinga bishingiye ku gihe cyo gukusanya amakuru no gusuzuma harebwa ikigamijwe cy'ako kanya. Ibi bituma habaho gutakaza amahirwe yo kwigira ku bagabo n'abagore bo mu cyaro ndetse n'indi mikorere ijyana n'igikorwa cyo kuri uru rwego rw'ibanze.

Uburyo bwo kwiga/amahugurwa bisobanura ibintu bitandukanye ku bantu batandukanye. Urugero, abaterankunga bashobora guhitamo kunyuza amafaranga mu buryo runaka; abashyira umushinga mu bikorwa bakayakoresha mu kunoza ibyavuyemo; abaturage/imidugudu bashobora gukoresha amahugurwa kugira ngo bamenye neza niba ibikorwa bihura nibyari bikenewe. Hari inzego nyishi kwiga neza bigaragariramo. Uko biri kose abaturage mu cyaro nibo shingiro, rero biga/bahugurwa hashingiwe ku igenamigambi n'ishyirwamubikorwa.

Gushyira abagabo n'abagore muri iyo myigire bituma:

1. Habaho guhuza ibitekerezo bitandukanye no kugira imyumvire imwe ku gikorwa cyateganyijwe;
2. Kumenya ko abaturage bigira ku bunararibonye bakura mu micungire y'ubutaka bwabo kandi banoza imicungire binyuze mu magerageza/ubushakashatsi bakora;
3. Kubishyiramo abagabo n'abagore bo mu cyaro bibongerera ubushobozi bwo kwiga, no gushyira mu bikorwa hakazakurikiraho andi mahugurwa. Ibi ni ingenzi cyane mu gushyigikira uburambe bw'ibikorwa na nyuma yo gusoza umushinga.

Iyo bene iyo myigire igaragara, abaturage nabo bagaragaza ko bazi imitere y'umushinga n'ukuntu ibice byawo bigenda byuzuzanya. Ibi byungura ubumenyi, kandi bagakomeza kwiyumva mu mushinga nk'uwabo bagashishikarira gutegura ibikorwa bizakurikira. Gushyira amahugurwa mu bikorwa byateganyijwe biganisha ku ishyirwamubikorwa rizaramba, mu bwiza n'akamaro. Kwiga/guhugurwa ni ikimenyetso gikomeye, kandi bisobanura umusaruro uteganyijwe. Impinduka nziza (mu mibanire, ishyirwa mu bikorwa) ziramba igihe kirekire kurusha icyo umushinga wamaze.

Hari ubwo kwiga bisa n'ibigorana iyo ari igikorwa cy'abaturage bonyine. Kenshi, iterambere rishingira ku matsinda atandukanye mu nzego zitandukanye z'ubuyobozi kuko igikorwa gihuriweho kenshi gikorwa n'abafatanyabikorwa batandukanye ndetse n'ubuhanga butandukanye. Imishinga yibanda ku bikorwa bimwe na bimwe gusa ishobora kutagenda neza mu micungire y'abaturage. Aha, kwiga/amahugurwa bishobora kongera ikizere, kuko kwiga bijyana n'inshingano kandi bigomba gushyirwa mu mushinga no muri gahunda z'igenzura n'isuzuma. Guha imidugudu amahirwe yo kwiga/amahugurwa bituma habaho ubumenyi, kwagura ibitekerezo,

gufatanya mu nshingano, kongera ikizere kimwe n'urufatiro rw'uburambe bw'ibikorwa.

Ibi bigenderwaho bigufi byagenewe guha abaturage ubushobozi buborohereza mu myigire yabo mu mudugudu bigira ku igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka bwabo mu mudugudu kandi biha abaturage ubushobozi bwo gukora igenamigambi, ishyirwamubikorwa, kugenzura, no kwigira ku byakozwe kugirango ishyirwe mu *mihigo* y'Umudugudu.

Kwigira ku bikorwa biteguwe n'umushinga ugamije imicungire ikomatanyije y'umutungo kamere w'amazi mu Rwanda bifasha mu:

a) Gushyigikira uko umushinga ugenzura iterambere n'ishyirwamubikorwa mu gihe abaturage bakora igenzura ry'*imihigo* yabo nk'urufatiro rwo kwiga kwabo;
b) Gushyiraho uburyo bworoshye ku rwego rw' Umudugudu ku bagabo n'abagore bwo kwigira ku bikorwa/imishinga baba bateguye mu igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu wabo;
c) Habaho inyandikorugero yoroshye yo gufata amakuru kuri ubwo buryo bw'imyigire;
d) Kuba uburyo bugaragaza umusaruro mu ishyirwamubikorwa;
e) Kongerera ubushobozi imidugudu ikikorera igenzura n'amahugurwa ubwayo nk'igice cy'umushinga wo kubungabunga icyogogo cya sebeya n'umusaruro w'Imihigo w'igihe kirekire, bityo kikaba igikorwa cyo kongera ubushobozi.

## 2. Uburyo bw'imikoranire n'abaturage no kwigira ku bikorwa

Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu n'amahugurwa bigamije:

a) Guhuza igenamigambi/gahunda, igikorwa n'amahugurwa;

b) Gutuma igenamigambi n' igikorwa bizakurikira bizaba byiza kurushaho;

c) Gukemura ibibazo byose mu gihe cy'ishyirwamubikorwa;

d) Gukoresha ubwitonzi mu gushaka umuti w'ikibazo (urugero: Isuri);

e) Gufasha umudugudu guca mu byiciro bitandukanye by'igikorwa-kwitegereza-kukigiraho-igenamigambi. Igitekerezo ni itsinda ry'abantu (umudugudu, abagabo n'abagore) bahuriye ku kigwa/ikibazo (urugero: isuri, uburumbuke bw'ubutaka), iteganyamigambi, ishyiramubikorwa no gusuzuma ibikorwa byabo. Muri ubu buryo bashobora gukora ishyirwamubikorwa ryiza kurushaho. Igenamigambi n'ishyirwamubikorwa ni uburyo rusange kandi hakoreshwa uburyo/imikorere/ n'ibikoresho bitandukanye. Urugero: gukora/gushushanya amakarita, ubusesenguzi bw'umufatanyabikorwa, urugendo runyura ahabera ibikorwa. Igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ishingiye ku "kwigira ku bikorwa uri kubikora". Igenamigambi n'amahugurwa/kwigira ku bikorwa bigira akamaro kenshi ku byogogo byo mu Rwanda:

a) Gukora igenamigambi no kwigira ku bikorwa/amahugurwa bituma abafatanyabikorwa bashobora gukemura ibibazo bitandukanye mu nzego zitandukanye (umudugudu, imisozi n'ibibaya, igihugu, akarere, isi) binyuze mu igenamigambi, ishyirwamubikorwa, ikurikiranabikorwa no kwibyigiraho, kugirango hanonosorwe igenamigambi n'igikorwa bizakurikira;

b) Iyo byizwe neza ibyiciro/ibice by'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ni ingenzi mu igenzura no kwigira ku bikorwa, nkuko ikurikiranabikorwa n'isuzumabikorwa ari igice cy'ingenzi;

c) Iyo yanditswe neza, amasomo avuyemo ashobora gutangazwa mu mushinga ndetse no mu yindi mishinga.

Gahunda ya mbere y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu, ishyiraho ibikorwa n'imirimo kuri raporo ya mbere ya gahunda y'ibikorwa, ikanagaragaza ubishyira mu bikorwa. Amakuru atomoye wayasanga mu bigenderwaho mu mikoranire n'abaturage no mu gitabo cy'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu. Iyo abaturage bumvikanye ku igenamigambi ryabo, havuka ikintu cyo kugira ubushobozi no kubigira ibyabo. Ibi biha urubuga igikorwa no kukigiraho. Imbonerahamwe ya 1 ni incamake y'ifishi y'inama ya mbere ku igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka ku rwego rw'umudugudu.

Hashingiwe ku gihe cyumvikanweho, (urugero hagati y'amezi 2-4), itsinda ry'umushinga n'abandi (nk'itsinda rigenzura *imihigo* y'akarere cyangwa umuryango utegamiye kuri Leta) bakora urugendo rwo gukurikirana imirimo mu mudugudu ngo barebe aho bigeze (ubuso bumaze gukorwa, gukoresha amakarita yo mu ikoranabuhanga nyoboranzira ) ngo hamenyekane kandi hakorwe amakarita y'ishyirwa mu bikorwa, gusobanukirwa amasomo yizwe, no gushyira amakuru mashya no gusuzuma igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu yabo hashingiwe ku bunararibonye mu ishyirwamubikorwa.

Inama ya kabiri (n’inama zizakurikira) zizareba:

a) Imirimo n’igenzura hashingiwe ku byashyizwe mu bikorwa;
b) Abaturage bigira ku byashyizwe mu bikorwa;
c) Gusubira muri gahunda z’ibikorwa zabo hashingiwe ku byizwe mu ishyirwa mu bikorwa mu gihe gitaha. Ibi bizaganisha ku cyiciro cya gatatu, bikomeze bityo.

Imbonerahamwe ya 2 itanga ifishi yujujwe nk’igice cy’igenamigambi y’imikoreshereze y’ubutaka mu mudugudu y’ubutaha. Izo nama ni urufunguzo rwo kongera ubushobozi bw’Umudugudu mu kugenzura no kwigira ku bikorwa. Ibi nabyo bikongera ubushobozi bw’umudugudu mu kugenzura umusaruro wa gahunda y’ibikorwa by’*imihigo*.

Mbere y’iri genzura, abaturage bikorera igenzura, bakigira ku ishyirwamubikorwa bikoreye kandi nabyo bigira uruhare mu gukurikirana *imihigo*, kongera ubushobozi no gushyigikira uburambe bw’igihe kirekire. Bene izo ngendo zo gukurikirana ibikorwa zizajya zikorwa humvikanywe ku gihe bitewe n’umushinga. Birumvikana ko umudugudu uzaba warigiriye icyizere gihagije mu buhanga bwabo bw’iteganyamigambi n’igenzura ryabo; bikazagira akamaro muri gahunda zo gushyigikira uburambe bw’ibikorwa.

Igenzura/ikurikiranabikorwa rikorwa na:

a) Umudugudu;
b) Itsinda ry’umushinga; ndetse
c) Byashoboka bigakorwa n’itsinda rigenzura *imihigo* ku rwego rw’Akarere, kugirango hagenzurwe hanasuzumwe igice kimaze gukorwa mu buryo butabogamye.

Gusobanukirwa n’ibyo abaturage n’Umudugudu bigira ku byo bashyize muri gahunda yabo y’ibikorwa ni ingenzi kubyandika no kubisangiza nk’ibigize:

a) Umudugudu kumva ko ibikorwa ari ibyabo no kurushaho gusobanukirwa igikorwa cyose n’uburyo ibyo bakora bizahindura imirimo yabo y’ubuhinzi;
b) Urufatiro rw’ibikorwa bizakurikira no kunoza ibikorwa bisanzwe;
c) Gutangaza amakuru ya gahunda za Leta n’imibanire n’abandi

**Imbonerahamwe 1: Ifishi yoroheje ya raporo y' igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka ku rwego rw'Umudugudu mu nama ya mbere y'Umudugudu.**

**Urugero rwa Raporo:** Umudugudu mwiza n'Umudugudu mubi (urugero rw'ikigereranyo)

**Umubare w'abatuye umudugudu**: (Abagabo n'abagore)

**Itariki raporo itangiweho:** (Urugero: 6 Kanama 2019)

| Igikorwa | Ugikora | Aho kibera | Igihe kibera | Ibikoresho nkenerwa | Aho bigeze | Isomo dukuyemo Ryatumarira iki? | Intambwe ikurikira |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Igika 1 | Igika 2 | Igika 3 | Igika 4 | Igika 5 | Igika 6 | Igika 7 | Igika 8 |
| Urutonde rw'ibikorwa biri muri gahunda y'ibikorwa | Ni nde ushinzwe ishyirwa mu bikorwa? | Aho ibikorwa bizabera ku ikarita | Ni ryari igikorwa cyari giteganyijwe | Ni ibihe bikoresho bikenewe? | Bigeze he, ni nde wabigizemo ruhare? | Ni izihe mbogamizi zabaye? Ni ayahe mahirwe ahari? Ni iki twize nk'umusaruro wo gukora iki gikorwa kandi kuki ari iby'ingenzi | Hashingiwe ku rwego bigezeho ubu, ni ibihe bikorwa bindi dukeneye gukora ? Ibyo bikorwa tuzabikora gute ? Ryari? – iri niryo shingiro ry'ishyirwa mu bikorwa ritaha |
| Igikorwa cya 1: abaturage 20 buri wese azatera ibiti 100 bivangwa n'imyaka | abaturage 20 ( reba urutonde ku mugereka n'amakuru y'imirima | Urutonde rw'abaturage 20 bagaragazwa | Mbere yuko imvura igwa | Ingemwe z'ibiti 2000 bivangwa n'imyaka ,ibikoresho | (Huzuzwa igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka rizakurikira) hagenzurwa aho bigeze | (Huzuzwa igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka rizakurikira) hagenzurwa aho bigeze | (Huzuzwa igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka rizakurikira) hagenzurwa aho bigeze bigahuzwa/ bikongerwa mu bikorwa |
| Igikorwa cya 2:Km 5 z'amaterasi yikora zasanwe haterwaho imirongo y'ibyatsi | Abagabo n'abagore bo mu mu dugudu n'ikarita | Gukora amaterasi hashingiwe ku ikarita | Mbere yuko imvura igwa | Ibisinde by'ibyatsi n'ibikoresho | | | |
| Igikorwa 3: Km 1 | Imirima 10 | Inkombe | mbere | Ingemwe | | | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| y'inkombe z'umugezi yabungabunzwe binyuze mu kutaharagira no kuhatera ibiti | (Amazina ku mugereka n'ikarita) ku bafite imirima ikora ku migezi | z'imigezi zigaragazwa ku ikarita | y'uko imvura igwa | z'ibiti bivangwa n,imyaka n'ibikoresho | | | |
| Igikorwa cya 4: Abaturage 50 bazatera ibiti 50 bya kimeza/gakondo mu mirima yabo n'ibiti 10 by'imbuto ziribwa hafi y'urugo | abaturage 50 barabyemera (reba urutonde n'ahantu) | ikarita n'umubare runaka w'abaturage (10 buri gice) | Mbere yuko imvura igwa | Ibiti 2500 bya gakondo na 500 by'imbuto ziribwa | | | |
| Igikorwa cya 5: abaturage bose bazahugurirwa gukora ifumbire y'imborera byibuze abaturage 50 | Amasomo yo gukora ifumbire ku mudugudu (nk'ibigize ishuri cy'abahinzi mu murima) | amahugurwa, ku bakora ifumbire | Amahugurwa y'igihenbwe cya nyuma cya 2019 | | | | |
| Igikorwa cya 6: ibindi bikorwa ( umurongo 1 ku gikorwa) | | | | | | | |
| Igikorwa cya 7: ibindi bikorwa | | | | | | | |

**Imbonerahamwe ya 2: Inama zikurikira z'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu n'izindi nama (hashingiwe ku bikorwa byagaragajwe kuva ku mutwe wa 1 kugeza kuwa 6 kuva mu igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka rya mbere)**

**Raporo y'igenamigambi ku mikoreshereze y'ubutaka mu mudugudu ku:** Umudugudu mubi n'umwiza (n'ikigereranyo)

N'ubwo umushinga ugira itsinda rishinzwe kugenzura, ni ngombwa ko mu kongera ubushobozi, umudugudu wiga kugenzura aho ibikorwa bigeze. Ibi byongerera umudugudu ubushobozi bwo kugenzura ibikorwa bigafasha mu kugenzura *imihigo*. Umudugudu ushobora kubara ibyagezweho; ibi bituma habaho kwiyumva mu bikorwa nk'ibyawe ndetse n'uburambe bwabyo. Itsinda rikora amakarita yo mu ikoranabuhanga rishobora gufasha mu gusuzuma ikurikiranabikorwa ry'umudugudu.

**Ni irihe tsinda mu mudugudu kandi ni abaturage bangahe**? (abagabo n'abagore)

**Itariki ya raporo: (Urugero:** 16 Kanama 2019)

| **Igikorwa** | **Ugikora** | **Igihe Kibera** | **Aho kibera** | **Ibikoresho nkenerwa** | **Aho bigeze** | **Icyo twize( icyo bitumariye)** | **Intambwe ikurikira** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| Igika 1 | Igika 2 | Igika 3 | Igika 4 | Igika 5 | Igika 6 | Igika 7 | Igika 8 |
| Urutonde rw'ibikorwa/imirimo rukuwe muri gahunda y'ibikorwa | Ninde ushinzwe kubishyira mu bikorwa? | Ni ryari igikorwa giteganyijwe ? | Nihe ibikorwa bizabera? (ku ikarita) | Ni ibihe bikoresho bikenewe? | Ni iki cyakozwe? , cyakozwe na nde? | Habonetse izihe mbogamizi, cyangwa amahirwe ? Twize iki mu gukora icyi gikorwa kandi kuki ari iby'ingenzi? | Hashingiwe kuho bigeze ubu, dukeneye gukora ibihe bikorwa bindi/ imirimo dukeneye gukora, kandi se twabikora gute ? Ryari? – Aha niho fatiro ry'iteganya migambi rizakurikira |
| Igikorwa cya 1: abaturage 20 buri wese azatera ibiti 100 bivangwa n'imyaka | Abaturage 20 (reba urutonde ku mugereka n'imirima | Mbere y'imvura | Urutonde rw'abakozi | Ingemwe 2000 z'ibiti bivangwa n,imyaka, ibikoresho | *Ibiti 2,500 byatewe muri Nzeri* | *Kugira ibiti bya kimeza/gakond o bihagije n'umurama abo bahinzi* | *Hashingiwe ku bunararibonye tuzatera ibiti bivangwa n'imyaka* |

| Igikorwa | Ugikora | Igihe Kibera | Aho kibera | Ibikoresho nkenerwa | Aho bigeze | Icyo twize( icyo bitumariye) | Intambwe ikurikira |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | igaragara ku ikarita | | | | | *bakeneye. Hakenewe ubushakashatsi ku ngemwe z'ubwoko bumwe na bumwe* | *2,500* |
| Igikorwa cya 2: Km 5 z'amaterasi yikora zasanwe haterwa ibyatsi | Abagabo n'abagore bo mu mudugudu (ku mugereka hari urutonde rw'amazina n'ikarita | Mbere y'imvura | Amaterasi agaragara ku ikarita | Ibyatsi bihingwa n'ibikoresho | *Amaterasi yagaragaye, na km 3 zasanwe n'abaturage 15 batera ibyatsi* | *N'ubwo bikiri kare amaterasi yasanwe yongera gucengera kw'amazi kandi ntibyatwara ubutaka* | *N'ubwo tutasoje ibyo twari twateganyije, birasobanutse ko uku kubungabung a bifite akamaro – kubw'ibyo tuzagerageza dukore km 5 kandi n'umubare w'abaturage ukazamo* |
| Igikorwa cya 3: Km 1 ku nkombe z'umugezi yabungabunzwe binyuze mu kutaragiramo no kuhatera ibiti | Imirima 10 (amazina n'ikarita) ku bafite ubutaka bukora ku mugezi | Mbere yuko imvura igwa | Umugezi ugaragara ku ikarita | Ibiti byo kurinda umugezi - 500 | *Km 1.5 yabungabunzwe - haterwa ibyatsi n'ibiti* | *Inyungu iragaragara – ku nkombe nta butaka bwatakajwe ubwatsi bwaho buzahabwa amatungo* | *Kongera iyi km 1 hepfo no haruguru kuri buri kerekezo hagaterwa ibiti n'ibyatsi, ntawukoze ku mazi.* |
| Igikorwa cya 4: abaturage 50 | abaturage 50 | Mbere y'imvura | Ahantu hagaragajwe | Ingemwe z'ibiti 2500 | *Hatewe 2,500 kandi buri wese* | *Abari mu za bukuru* | *Komeza ubikore ku biti* |

| **Igikorwa** | **Ugikora** | **Igihe Kibera** | **Aho kibera** | **Ibikoresho nkenerwa** | **Aho bigeze** | **Icyo twize( icyo bitumariye)** | **Intambwe ikurikira** |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| batera ibiti bya gakondo ku mirima yabo n'ibiti 10 by'imbuto ziribwa hafi y'ingo zabo | barabyemera (reba ku rutonde n'aho batuye) | | ku ikarita | bya gakondo na 500 by'imbuto ziribwa | *yateye ibiti 15 by'imbuto ziribwa* | *(abagabo n'abagore) barishima cyane – kuko ibi biti bitanga imbuto, bikanakoreshwa mu buvuzi.* | *bya gakondo kandi bige mu mihigo* |
| Igikorwa cya 5: Byibuze abaturage bose bahugurirwa gukora ifumbire | Inyigisho ku gukora ifumbire (nk'igice cya cy'ishuri ry'abahinzi mu murima) | Amahugurwa mu gihembwe cya nyuma cya 2019; bagakora ifumbire (bakoresha ibyatsi, imborera n'ibindi) | Amahugurwa adafite ikinda asaba; Agaragazwa ku ikarita n'abayikora | Amahugurwa, ibikoresho bike wenda | *Amahugurwa yasojwe, no gukora ifumbire mu mirima 20* | *Bisa nk'aho ifumbire izaba nziza cyane ku butaka bwacu; ikanaba uburyo bwo kwikiza ibishingwe, nk'aho ifumbire ifasha mu gukamura amazi* | *Byakenera kubikurikirana kugirango ifumbire ikorwe neza; dukeneye gushishikariza abaturage gukora ifumbire* |
| Igikorwa cya 6: ibindi bikorwa ( umurongo 1 ku gikorwa | | | | | | | |
| Igikorwa cya 7: ibindi bikorwa | | | | | | | |

### 3. Ikiranga umufashamyumvire mwiza mu mahugurwa

Ni iyihe myitwarire y'umufashamyumvire mwiza kandi kuki ari iby'ingenzi? Imbonerahamwe ya 3 ni incamake ku myitwarire y'umufashamyumvire mwiza.

**Imbonerahamwe ya 3: imyitwarire y'umufashamyumvire**

| | |
|---|---|
| ➢ Azi umuco n'ururimi bikoreshwa<br>➢ Asobanukirwa akanumva ibyo abandi bavuga<br>➢ Afasha akanayobora abitabiriye gusubiza neza<br>➢ Atuma bose bagira uruhare mu gikorwa<br>➢ Agira ubumenyi rusange ku cyogogo<br>➢ Ashobora gusobanukirwa ibitekerezo bya buri wese<br>➢ Yumvikana n'abaturage mu rurimi<br>➢ Aba afite ubumenyi buhagije ku kigiye/ikibazo kuganirwaho<br>➢ Ayobora abitabiriye mu gufata ijambo<br>➢ Asobanukiwe n'imico itandukanye akagira ikinyabupfura, ariyubaha, aratuje<br>➢ Ubushobozi butuma abandi bashishikara ibiganiro<br>➢ Azi gutega amatwi kandi akabasha kugira icyo yakora<br>➢ Acisha make, akorera mu mucyo<br>➢ Agira ubumenyi, ubuhanga n'amakuru ku igenamigambi ry'imikoreshereze y'ubutaka ku rwego rw'umudugudu<br>➢ Yubahiriza igihe<br>➢ Yubahiriza amabwiriza amugenga<br>➢ Amenya kare ahantu n'abantu baho<br>➢ Abaza ibibazo byumvikana<br>➢ Menya gutega amatwi/kumva<br>➢ Ubushobozi bwo kumva abitabiriye<br>➢ Ntazarira mu byo akora<br>➢ Akeye ku maso kandi akoresha imvugo nziza<br>➢ Afasha abitabiriye kuvumbura<br>➢ Ni inararibonye kandi ni umuhanga<br>➢ Ntayobagurika kandi afasha abitabiriye<br>➢ Agira umucyo ku myambaro akaberwa<br>➢ Ashobora gutanga amakuru<br>➢ Ashobora gusetsa abandi<br>➢ Ntiyabura icyo avuga ku bibazo bikomeye | ➢ Yubaha ibitekerezo by'abaturage<br>➢ Afite ubumenyi bw'aho hantu<br>➢ Ashishikariza abandi kugira uruhare<br>➢ Aguma ku cyigwa, ntaca ku ruhande/ntayoba<br>➢ Yubahiriza igihe cy'ikiruhuko (kunywa icyayi/ikawa)<br>➢ Azi amabwiriza kuri buri kiciro kandi akakigenera igihe gihagije<br>➢ Abasha kumva abandi akabayobora<br>➢ Ubushobozi bwo gusesengura akanahuza ibikorwa<br>➢ Ni umufashamyumvire – asobanukirwa ibibazo kandi akumva buri wese<br>➢ Yigirira ikizere kandi yigaragaza nk'inararibonye ku kigwa<br>➢ Yubaha igihe ngo birinde kunanirwa no kurambirana<br>➢ Anyuzamo ibibazo biruhura<br>➢ Yisanisha n'abitabiriye<br>➢ Asobanura ibintu neza<br>➢ Akoresha intego zisobanutse zumvikana neza<br>➢ Yita ku bitekerezo byose<br>➢ Agira ibikoresho mfashanyigisho<br>➢ Agira ubuntu<br>➢ Ntavugavuga ubusa<br>➢ Arakerebutse<br>➢ Imyumvire yagutse kandi isobanutse ku byigwa<br>➢ Yemeza ko nta wasigaye inyuma<br>➢ Yubaha umuco n'amabwiriza y'umudugudu |

| | |
|---|---|
| ➢ Aratuza iyo asobwe | |

Bumwe mu buhanga buranga umufashamyumvire:

- Kumenya uko afata abitabiriye amahugurwa bagoranye
- Afite ubuhanga mu gukoresha ibikoresho byo kwandika
- Azi icyo ashaka/ikigamijwe mu nama, mu mahugurwa (urugero; twese turiga, tugasobanukirwa iby'amahugurwa)
- Ntata umurongo kandi yirwanaho
- Akoresha ingingo z'umubiri, azi kumva, arishima, akavuga ukuri, yita ku bizima
- Avuga mu ijwi ryumvikana, ashobora no gusetsa
- Yemera/yakira ibitekerezo byose – nta gisubizo kibi kibaho, ahuza ibitekerezo bya bose byatanzwe
- Akurikira neza ibitekerezo mu biganiro akanatanga incamake
- Ashyiraho amabwiriza
- Kwicara mu ruziga mu gihe mwiga (buri wese aba arebana n'abandi)
- Akoresha amakarita (igitekerezo 1 kuri buri karita, yashushanya amashusho, amakarita)
- Ibiganiro mu matsinda, kuganira n'uwo muri kumwe (babiri babiri)
- Akamaro ko kurebana/guhuza amaso n'uhugurwa
- Akoresha amagambo y'ibikorwa (inshinga) – ntavuga iyo bishoboka

## 4. Kubaza ibibazo nyabyo bituma igikorwa cy'amahugurwa kirushaho kugenda neza

Iyo utegura amasomo, tekereza cyane ku bwoko bw'ibibazo uza kubaza ngo isomo rigende neza. Kwiga ni uguhozaho. Iyo ubaza ibibazo ukoresha urugero ruzakoreshwa n'abitabiriye. Bashishikarize gukoresha ibibazo basuzuma ibyo bize, bakoresha ubuhanga bwo gutekereza. Ibibazo byiza bisaba gutegurwa.

Dore intambwe zo gutegura ibibazo:

1. Gendera ku ntego/ikigamijwe ubaza ibibazo bijyanye n'icyigwa. Ibi bizagufasha guhitamo ubwoko bw'ibibazo byo kubaza.
2. Hitamo ingingo wabazaho. Urugero: ibikorwa abaturage bashyize mu bikorwa. Abitabiriye biga bashingiye ku bibazo ubaza. Ku bw'ibyo ntubayobye wibanda ku bintu bidafite agaciro.
3. Tegura ibibazo byawe witonze.
4. Iyo utegura ibibazo byawe gerageza gusa n'uhamagara ibisubizo bishoboka. Ibi bifasha kwirinda amakosa.
5. Andika ibibazo byawe by'ibanze mbere y'igihe kandi ubikurikiranye neza (kuva ku byihariye ujya ku bya rusange, kuva ku byoroshye ujya ku bikomeye bijyanye n'icyigwa).
6. Wanatekereza kandi ku byo wakongeraho cyangwa ibisubizo byiza kurushaho, wabyongera ku byo wateguye nta kibazo. Kugira urutonde rw'ibibazo ruteguye bigufasha kubaza ibibazo bikwiye bijyanye n'intego/ikigamijwe kandi bikubiyemo amakuru akenewe.

### 4.1. Uburyo rusange bwo kubaza ibibazo

a) **Iyo utegura ibibazo, utekereza ku ntego n'ikigamijwe muri iryo somo.** Urugero:Ese ushaka ko abitabiriye bakoresha ubuhanga bwabo bwo gutekereza? Ubwo gusesengura? Imitekerereze? Ibibazo ubabaza bigomba kubafasha gukoresha ubu buhanga bwose.

b) **Kwirinda kubaza "ibibazo byisobanura".** Ikibazo kisobanura ni ikibajije ku buryo kiba gikubiyemo igisubizo cyacyo ku buryo kibuza abitabiriye/abari kwiga kwitekerereza. Urugero: "Mukunda gutera ibiti, sibyo se?"

c) **Gukoresha ibibazo bisaba "yego/oya" ukurikizeho ikindi kibazo/bibazo.** Urugero: baza abitabiriye gusobanura impamvu basubije "yego" cyangwa "oya", cyangwa gutanga ikimenyetso cyangwa urugero, cyangwa basubize niba ibyo uwasubije aribyo cyangwa atari byo.

d) **Kurasa ku ntego mu bibazo byawe.** Mu biganiro, ukoreshe ibibazo byoroshye, aho kubaza ikibazo gikomeye cyabavangira. Ibi byatuma barushaho kudasobanukirwa

e) **Mu kiganiro si byiza kubaza ibibazo birenze kimwe icyarimwe.** Iyo ubajije ibibazo birenze kimwe, bijijisha abiga bakayoberwa ikibazo ushaka ko basubiza.

f) **Mu gutegura isomo, ni byiza guteganya umwanya wo kubaza ibibazo no kubisubiza.** Kubaza ibibazo hagati mu isomo bituma abiga bashishikara, bigafasha kumenya ikigero no kunoza imyigire y'abitabiriye.

g) **Kubaza ibibazo bitandukanye (Ishusho 2).**

*i.* Hagomba gukoreshwa ibibazo **“**bifunze**”**, cyangwa ibibazo bidasaba ibisubizo byiza byinshi, kugirango abitabiriye batange amakuru nyayo, urugero: *mwateye ibiti bingahe?*

ii. Hagomba na none kubaza **ibibazo ku micungire** kugirango umenye ko abiga basobanukiwe amabwiriza. Uurugero: “ese hari ikindi kintu mutasobanukiwe*?”*

iii. Gukoresha **“ibibazo bifunguye” ibibazo** byasubizwa mu buryo bwinshi rimwe na rimwe bikaba byanabusana. Bene ibyo bibazo usanga aribyo byiza mu gushishikariza abiga ibiganiro no kwiga. Urugero: “Ni iki mwize cyavuye mu ishyirwamubikorwa mwakoze*?”*

## 4.2. Ibibazo bitandukanye

Gufasha abiga mu biganiro bishobora kugorana/gukomera. Dore bimwe mu bibazo bitandukanye ushobora gukoresha bigatuma abiga bagira uruhare/bashishikarira icyigwa:

a) **Ibibazo bifunguye**: Ni iki kijya mbere/ ibintu bimeze gute? Gutoranya ibibazo bitanga ibisubizo biri ku murongo. Gutoranya ibibazo bishimangira kurasa ku ntengo (umugereka wa1).
b) **Kubaza Amakuru:** Hehe? Ryari? Ni nde? Ni iki? Gihamya? Ibitekerezo byawe.
c) **Ibibazo bicukumbuye:** Wumva ute cyangwa usobanura ute iki cyangwa kiriya mu bintu nk’ibyo? Ni gute ukoresha izi ngingo ngo usobanukirwe ikindi gihari?
d) **Ibibazo bitoroshye/by’ingutu:** Kuki uvuze gutyo? Ibyo bishatse kuvuga iki? Ufite iyihe gihamya/ikihe kimenyetso ku byo uvuze? Ibyo wabisobanura/wabivuga gute? Ni ibyo gusa? Ibyo bitandukanye n’ibyo kanaka avuze, kuki?
e) **Ibibazo birambuye:** Gusesengura ibibazo. Ikindi? Wadusobanurira birambuye cyangwa ugashaka ukundi ubivuga? Komeza utubwire? Noneho?
f) **Ibibazo by’inyunge:** Wahuza ute iyo ngingo yawe n’ibyo Kanaka atubwiye cyangwa n’ikindi kintu wakomojeho? Kanaka uramwumva gute ushingiye ku byo kanaka wundi yatubwiye?
g) **Ibibazo by’ibanze**: Ni izihe ngingo/ ubonako arizo z’ingenzi cyane? Utangirira he? Ibi wabigereranya gute?
h) **Ibibazo bibaza ibikorwa:** Wari gukora iki iyo uza kuba uri kanaka? Gute?
i) **Ibibazo byo kureba kure:** Utekerezako byari kugenda gute iyo tuza kugendera ku igenamigambi rya kanaka? Tubwire ikizava mubyo utekereje? Azitwara ate ku mitekerereze yawe?
j) **Ibibazo rukomatanya n’ibibazo ncamake:** Ni iki tuvanye/twigiye muri ibi biganiro? Ni ikihe kibazo gihari? Wabifata ute muri rusange? Wadusobanurira muri make ibibazo bitatu bikomeye cyane twaganiriyeho? Wahina ingingo nyamukuru twaganiriyeho?

### Ishusho ya 1: Inshinga ziboneye zifashishwa mu kubaza ibibazo

| KWIBUKA | GUSOBANUKIRWA | GUKORESHA | GUSESENGURA | GUSUZUMA | GUHANGA |
|---|---|---|---|---|---|
| Gusobanura | Sobanura | Kuzuza | Kunyuranya/ kubusanya | Sobanura | Gutegura / guteganya |
| Kwita izina | Gereranya | Gukoresha /kwifashisha | Gucukumbura | Gusesengura | Guhimba |
| Shakisha igisubizo | Kuganira / gutanga Ibitekererzo | Gusesengura | Gusobanura | Guhera ku by'ibanze | Kwandika |
| Gukora urutonde | Guteganya | Kugaragaza/ gutanga urugero | Kugaragaza/ kurobanura | Gutanga/kujya inama | Gushushanya / gutanga ishusho ukora Igishushanyo mbonera |
| Gusanisha | Gutanga imirongo migari | Gusobanura | Gushyira mu byiciro | Shyiraho amanota / ingero | Gutandukanya |
| Kwandika | Gushimangira | Kucyemura | Gutohoza | Gufata icyemezo / guhitamo | |

**5. Ingingo n'ingero ku kuyobora igikorwa cy'amahugurwa ku rwego rw'Umudugudu**

Ni byiza ko itsinda ry'abaturage rikurikira amasomo mu gihe kiri hagati y'isaha imwe n'abiri, nubwo ibi biterwa n'igihe abaturage bafite ndetse n'inyungu bakurikiyemo. Hagombye kubaho umubare ungana ku bagabo n'abagore – kuko bashyirwa mu matsinda 2 hitawe ku ireme ry'uburinganire (Imbonerahamwe 3, 4).

**Imbonerahamwe ya 3: Incamake ku ngingo zigize amahugurwa ku rwego rw'umudugudu**

| Ingingo | Igikorwa | Ikivamo/umusaruro |
|---|---|---|
| 1 | Kumvikana n'umudugudu igihe igikorwa cy'amahugurwa kizabera (umunsi, isaha). Nta cyiciro cy'isomo kigomba kurenza hagati y'isaha imwe n'abiri – biterwa n'Umudugudu. | Kumvikana , ku gihe n'abazitabira |
| 2 | Kwibwirana, menya ko umubare w'abagabo ungana n'uw'abagore mu matsinda. Umufashamyumvire asobanura uko bigenda. Kurikiza gahunda iriho (ku bikorwa byemeranyijweho) nk'ishingiro ryo kugenzura/gukurikirana amahugurwa (Imbonerahamwe 1,2, 4) | Kwibwirana. Gusobanura uko igikorwa kigenda. Kurikiza/gendera kuri gahunda mwumvikanye ibafashe mu gihe muri kwiga |
| 3 | Kumvikana n'abandika inyigisho, bishobora gukorwa ku mpapuro nini zabugenewe. Menya ko abitabiriye bose bibashishikaje kandi umenye ko igitekerezo n'imyigire ya buri wese ari iy'ingenzi | Buri wese afite uruhare rwe kandi uburinganire bugomba kugaragara |
| 4 | Kuri ibyo, abakangurambaga bagomba kwandika kugirango hatagira icyibagirana. Kora ibi wuzuza imbonerahamwe (ingingo ya 5, 6) | Umukangurambaga akora incamake y' inyigisho, akuzuza imbonerahamwe |
| 5 | Umurongo wa 6 mu mbonerahamwe 1 na 2 zigomba kuzuzwa mbere – ibi ni incamake ry'aho ishyirwa mu bikorwa rigeze (urugero: umubare w'ibiti byatewe, amadamu yubatswe n'ibindi). Iri niryo shingiro ry'amahugurwa; | Incamake y'ibikorwa byakozwe mu gihe runaka (nomero n'umubare) |
| 6 | Umurongo wa 7 mu mbonerahamwe niho hari incamake y'imyigire, nubwo amakuru arambuye ari kuri za mpapuro nini bandikaho ( flip charts ) kandi akwiye kubikwa | Amasomo y'abaturage kuva mu ishyirwamubikorwa arandikwa ndetse akumvikanwaho |
| 7 | Hashingiwe ku rwego bigezeho (Umurongo wa 6) n'uko amahugurwa ameze (umurongo wa 7), umurongo wa 8 uruzuzwa (ibizakurikiraho ,impinduka/ icyongerwa kuri gahunda y'ubutaha) | Ingingo ikurikira yumvikanyweho, n'impinduka zanditswe |
| 8 | Gusaba abagore n'abagabo gukora incamake ku kintu cy'ingenzi bize, no kumvikana ku ngingo ikurikira (urugero: amakuru mashya kuri gahunda n' intego zasubirwamo). Kubashimira kubwo kwitabira. Kumvikana (mugereranyije) ku itariki inama itaha izaberaho | Abagabo n'abagore bakora incamake ku myigire yabo n'icyo bazakora ubutaha |

### Imbonerahamwe ya 4: Ingero z'ibibazo byabazwa ku bikorwa bitandukanye byakozwe

| Ubwoko bw'igikorwa | Ibibazo bimwe na bimwe | Ikivamo/umusaruro |
|---|---|---|
| Buri muhinzi azatera ibiti 200 bivangwa n'imyaka | Ni iki mwize mu gutera ibi biti ? Ni ubuhe bwoko bw'ibiti bwababereye bwiza kurusha ubundi ? Kubera iki ? Kuri gahunda y'ubutaha, hari icyo mwifuzako kizahinduka? | Gushyira amakuru mashya muri gahunda y'ibikorwa y'ubutaha Kumvikana ku bwoko bw'ibiti buzakoreshwa mu gutera ibiti bivangwa n'imyaka n'aho bigomba guterwa. |
| Buri rugo rutera ibiti 10 by'imbuto ziribwa (by'ubwoko 2 byibuze) | Ni iki mwize mu gutera ibiti ? Ni ubuhe bwoko bw'ibiti bwababereye bwiza kurusha ubundi ? Kubera iki? Hari icyo mwifuzako ubutaha cyahinduka? | Gushyira amakuru mashya muri gahunda y' ibikorwa y'ubutaha. Ubwumvikane ku bwoko bw'ibiti by'imbuto bizakoreshwa mu gutera |
| Abaturage 20 bubatse ku nkunga y'abatekinisiye ha 100 z'amaterasi y'indinganire | Ni iki mwabyigiyemo? Hari inyu ngu mwaba mumaze kubonamo? Izo nyungu ni izihe? Ni iki muzakora gitandukanye | Ubutaha ni iki muzakora ku buryo kiba gitandukanye nubu? Kumvikana ku ngano w'amaterasi agomba gukorwa. |
| Umudugudu wasazuye ha 5 z'ibiti gakondo ahantu hahanamye | Ni iki muri rusange mwigiye muri uku gusazura? Umudugudu uzunguka iki? Ni ubuhe bwoko bwiza bw 'ibiti bukwiye kandi kuki? Ni iki muzakora mu buryo butandukanye ubutaha? | Gushyira amakuru mashya muri gahunda y'ibikorwa n'ingamba z'ubutaha. Kumvikana ku bindi bice bigomba gusazurwa no ko bwoko bw'ibiti byatoranyirijwe gusazurwa |
| Abantu 20 bitabiriye amahugurwa ku gukora ifumbire | Mumaze igihe kingana iki mukora ifumbire? Hari icyo mwungukiye mu gukora ifumbire ku mirima yanyu? Inyungu ni izihe? Kubera iki? | Gushyira amakuru mashya muri gahunda y'ibikorwa; Kumvikana ku mubare w'ibimoteri bizakorwa ubutaha naho bizakorerwa |

**Umugereka 1: Intego 12 z'ibibazo bifunguye no gusubiza neza**

## A. Kuki habazwa "ibibazo bifunguye? Intego 12

**1. Gusuzuma uko amasomo/amahugurwa yagenze**
- *Ni ikihe gitekerezo cy'ingenzi cyane cyavuye/cyatanzwe mu biganiro bya none?*
- *Wasobanura icyo gitekerezo mu magambo yawe?*
- *Washobora kwerekana ku gishushanyo ibyo wakoze?*

**2. Gusaba abiga/abitabiriye gusobanura ingingo itumvikana**
- *Hari icyo wavuga/wasobanura kuri iyo ngingo – wenda wambwira imwe mu mibare?*
- *Ushobora gusobanura neza icyo ushaka kuvuga?*

**3. Gufasha abiga gukoresha imyitwarire, indangagaciro, cyangwa amarangamutima (aho bikwiye)**
- *Ni izihe ndanga gaciro cyangwa imyizerere ijyane n'icyo gitekerezo?*
- *Witwaye gute bwa mbere wumva icyo gitekerezo?*

**4. Gufasha abiga kurebera ingingo mu bundi buryo/ indi ndorerwamo**
- *Utekereza ko abo mutabyumva kimwe bafata bate iki kibazo?*
- *Ni mu buhe buryo icyo gitekerezo cyakora kuri iki kibazo gishya?*

**5. Gusaba uwiga guhindura/kuvugurura ingingo cyangwa igitekerezo**
- *Ni ryari iryo hamwe rikoreshwa/ rikora? Igihe cyose? Mu bihe bimwe na bimwe?*
- *Ese wavuga ko utemeranywa na nyiracyo?*

**6. Gufasha abiga gushyigikira ibitekerezo byabo n'imyumvire**
- *Ibyo ubizi gute?*
- *Ni ikihe gice cy'umwandiko cyatumye ufata uwo mwanzuro?*

**7. Kuyobora abiga mu kuganira n'abandi**
- *Ni iki utekereza ku gitekerezo cyatanzwe na bagenzi bawe?*
- *Urabwemera se cyangwa wowe ikibazo ukibona ukundi? Sobanura.*
- *Ese hari ubundi buryo ubona ikibazo cyakemuka?*

**8. Gufasha abiga gutekereza ku gitekerezo runaka**
- *Ni iki wibwira ko cyatumye bimera gutyo?*
- *Ni izihe ngingo ibi bitekerezo bihuriyeho?*

**9. Gufasha abiga guteganya/gutekereza ku bizavamo/icyo bizabyara/ingaruka**
- *Byagenda gute igikorwa runaka kidahawe agaciro*
- *Byatanga iki haramutse hakoreshejwe ibitekerezo bitandukanye mu gukora iki gikorwa ?*
- *Ese havamo igisubizo gitandukanye?*

**10. Gufasha abiga guhuza no gutunganya amakuru**
- *Ni mu buhe buryo iyi ngingo yasobanuye ibyo twize mu cyumweru gishize?*
- *Ese ushobora gushyira mu mbonerahamwe igaragaza amakuru mu buryo bw'ingirakamaro?*

**11. Gusaba abiga gushyira mu bikorwa ibyo bize (Amahame, Ubumenyi)**
- *Iri hame ryakoreshwa rite muri iki kibazo?*

- *Ninde watubwira uburyo twakoresha kugira ngo dukemure ibibazo twarebeye hamwe dutangira iri somo uyu munsi?*
- *Ni mu buhe buryo iki kibazo kitari cyo?*

**12. Gusaba abiga gusobanura igitekerezo bifashishije urugero**

- *Hari urugero rusa n'ibi waba warahuye na rwo?*
- *Watubwira igice runaka mu gitabo wasomye cyatumye ufata uyu mwanzuro?*
- *Ese hari igishushanyo cyangwa ikindi gihangano uzi cyaba urugero rw'iki gitekerezo*

## B. Uburyo bwo gusubiza neza

a) **Gutegereza ko abitabiriye batekereza bakabona igisubizo. Gutekereza amasegonda** 5-10 byongera umubare w'abitabiriye bashaka gusubiza kandi bituma habaho ibisubizo birebire kandi bikomeye. Iyo abitabiriye babuze ubushake bwo gusubiza mbere y'uko amasegonda 5 ashira ntukisubize, bizatuma abiga bibwirako uzabatekerereza mu gihe abiga bakomeje kunanirwa gusubiza nyuma y'igihe gihagije baza ikibazo mu bundi buryo.

b) **Ntukivange mu bisubizo by'uwiga (kutamuca mu ijambo).** Wasanga ushatse kubijyamo kuko wibwira ko uzi icyo uwiga agiye kuvuga, cyangwa se kuko ukunda ibyo bintu. Rwanya iki kigeragezo. Kumva igisubizo cyose cy'uwiga bizatuma ubashimira ibitekerezo byabo bitume umenya ko batasobanukiwe n'isomo.

c) **Kugaragaza ko ushishikajwe n'igisubizo cy'uwiga cyaba kiza cyangwa kibi.** Shyigikira abiga ku bisubizo byabo wemeza n'umutwe, ubareba, kandi unakoresha isura bigaragaza ko ubakurikiye kandi ko muri kumwe. Ntukarebe mu mfashanyigisho zawe mu gihe bari kuvuga.

d) **Gushyiraho uburyo butuma uwiga akomeza gutekereza.** Urugero: Saba abagize itsinda kugira icyo bavuga ku byo mugenzi wabo amaze kuvuga, cyangwa usabe uwasubije gusobanura igitekerezo cyamuyoboye ku gisubizo.

e) **Iyo uwiga atanze igisubizo kitari cyo cyangwa kituzuye, garagaza/erekana aho byapfiriye, ariko umubaze ikibazo kimuganisha we n'itsinda ryose ku gisubizo nyacyo/kizima.** Urugero: Igisubizo cye ntikitaye ku mwanzuro rusange w'ibyo muri kuganiraho, noneho ubaze uwari wasubije kwibuka uwo umwanzuro. Iyo atabyibutse, baza iki kibazo itsinda ryose.